# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*


*A.* ***Iteka rya Minisitiri w'Intebe/ Prime Minister's Order/ Arrêté du Premier Ministre***

**N° 078/03 ryo ku wa 25/07/2019**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe ryerekeye inkunga z'ubwisungane mu kwivuza……………….2
**N° 078/03 of 25/07/2019**
Prime Minister's Order related to the community-based health insurance scheme subsidies...2
**N° 078/03 du 25/07/2019**
Arrêté du Premier Ministre relatif aux subventions au régime des mutuelles de santé……….2

*B.* ***Amabwiriza ya Minisitiri/ Instructions of the Minister/ Instructions du Ministre***

**N° 20/0005/19 yo ku wa 31/05/2019**
Amabwiriza ya Minisitiri agena urutonde rw'ibinyobwa bitemewe bifatwa nk'ibiyobyabwenge byoroheje……………………………………………………………….14
**N° 20/0005/19 of 31/05/2019**
Instructions of the Minister establishing the list of unauthorised drinks considered as simple narcotic drugs…………………………………………………………………………...14
**N° 20/0005/19 du 31/05/2019**
Instructions du Ministre établissant la liste des boissons non autorisées considérées comme des stupéfiants légers…………………………………………………………………….14

*C.* ***Amabwiriza Rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda / Regulations of the National Bank of Rwanda / Règlements de la Banque National du Rwanda***

**N° 4230 /2019 - 00024[ 614 ] yo ku wa 5/6/2019**
Amabwiriza Rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda yerekeye ibipimo by'ibanze bijyanye n'uburyo bw'imikorere n'iby'ubugenzuzi bw'imbere mu mabanki…………………………19
**N° 4230 /2019 - 00024[ 614 ] of 5/6/2019**
Regulation of the National Bank of Rwanda on minimum internal control and internal audit standards in banks…………………………………………………………………………19
**N° 4230 /2019 - 00024[614] du 5/6/2019**
Règlement de la Banque Nationale du Rwanda sur les normes minima de contrôle interne et d'audit interne dans les banques ……………………………………………………..19

**N° 4230 /2019 - 00025[ 614 ] yo ku wa 5/6/2019**
Amabwiriza Rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda yerekeye gufungura no gufunga ahantu hakorera banki………………………………………………………………………………….80
**N° 4230 /2019 - 00025[ 614 ] of 5/6/2019**
Regulation of the National Bank of Rwanda on opening and closing a place of business of a bank…………………………………………………………………………………………..80
**N° 4230 /2019 - 00025[614] du 5/6/2019**
Règlement de la Banque Nationale du Rwanda relatif à l'ouverture et à la fermeture d'un lieu d'activité d'une banque…………………………………………………………………80

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 078/03 RYO KU WA 25/07/2019 RYEREKEYE INKUNGA Z'UBWISUNGANE MU KWIVUZA**

## ISHAKIRO

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**UMUTWE WA II: INKUNGA ITANGWA MU BWISUNGANE MU KWIVUZA N'UBURYO ITANGWA**

**Ingingo ya 2: Inkunga ya Leta mu bwisungane mu kwivuza**

**Ingingo ya 3: Inkunga ituruka mu bigo bitanga ubwishingizi bw'indwara**

**Ingingo ya 4: Inkunga ituruka mu masosiyete y'ubucuruzi bw'itumanaho**

**UMUTWE WA III: IGENZURA N'IBIHANO**

**Ingingo ya 5: Igenzura**

**PRIME MINISTER'S ORDER N° 078/03 OF 25/07/2019 RELATED TO THE COMMUNITY-BASED HEALTH INSURANCE SCHEME SUBSIDIES**

## TABLE OF CONTENTS

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION**

**Article One: Purpose of this Order**

**CHAPTER II: COMMUNITY-BASED HEALTH INSURANCE SCHEME SUBSIDIES AND PAYMENT MODALITIES**

**Article 2: Government subsidies to the community-based health insurance scheme**

**Article 3: Subsidies from health insurance entities**

**Article 4: Subsidies from telecommunication companies**

**CHAPTER III: AUDIT AND PENALITIES**

**Article 5: Audit**

**ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 078/03 DU 25/07/2019 RELATIF AUX SUBVENTIONS AU RÉGIME DES MUTUELLES DE SANTÉ**

## TABLE DES MATIÈRES

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITION GÉNÉRALE**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**CHAPITRE II: SUBVENTIONS AU RÉGIME DES MUTUELLES DE SANTÉ ET MODALITÉS DE PAIEMENT**

**Article 2: Subventions de l'État au régime des mutuelles de santé**

**Article 3: Subventions provenant des entités d'assurance maladie**

**Article 4: Subventions provenant des sociétés commerciales de télécommunication**

**CHAPITRE III: AUDIT ET PÉNALITÉS**

**Article 5: Audit**

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Ibihano by'ubukererwe** | **<u>Article 6</u>: Penalties for delay** | **<u>Article 6</u>: Pénalités de retard** |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yo gutubya inkunga** | **<u>Article 7</u>: Administrative fine for underestimation of subsidies** | **<u>Article 7</u>: Amende administrative pour la sous-estimation des subventions** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Gutakamba** | **<u>Article 8</u>: Administrative appeal** | **<u>Article 8</u>: Recours administratif** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Kuregera urukiko** | **<u>Article 9</u>: Filing a case to a court** | **<u>Article 9</u>: Saisine de la juridiction** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Inkurikizi zo gutanga ikirego mu rukiko** | **<u>Article 10</u>: Effect of filing a case to the court** | **<u>Article 10</u>: Effet de saisine de la juridiction** |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: INGINGO ZISOZA** | **<u>CHAPTER IV</u>: FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE IV</u>: DISPOSITIONS FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 11</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 11</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Ivanwaho ry'Iteka n'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 12</u>: Repealing provision** | **<u>Article 12</u>: Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 13</u>: Commencement** | **<u>Article 13</u>: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 078/03 RYO KU WA 25/07/2019 RYEREKEYE INKUNGA Z'UBWISUNGANE MU KWIVUZA**

**Minisitri w'Intebe;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 03/2015 ryo ku wa 02/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwisungane mu kwivuza nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 15;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe nº 198/03 ryo ku wa 22/09/2015 riteganya ingano n'uburyo bw'itangwa ry'inkunga ituruka mu bigo byose bitanga ubwishingizi bw'indwara mu Rwanda;

Bisabwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 07/06/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**PRIME MINISTER'S ORDER N° 078/03 OF 25/07/2019 RELATED TO THE COMMUNITY-BASED HEALTH INSURANCE SCHEME SUBSIDIES**

**The Prime Minister;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 03/2015 of 02/03/2015 governing the organization of the community-based health insurance scheme as amended to date, especially in Article 15;

Having reviewed Prime Minister's Order nº 198/03 of 22/09/2015 determining the amount and payment modalities of contributions from all health insurance entities operating in Rwanda;

On proposal by the Minister of Finance and Economic Planning;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 07/06/2019;

**ORDERS:**

**ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 078/03 DU 25/07/2019 RELATIF AUX SUBVENTIONS AU RÉGIME DES MUTUELLES DE SANTÉ**

**Le Premier Ministre;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;

Vu la Loi nº 03/2015 du 02/03/2015 portant organisation du régime des mutuelles de santé telle que modifiée à ce jour, spécialement en son article 15;

Revu l'Arrêté du Premier Ministre nº 198/03 du 22/09/2015 portant montant et modalités de paiement de contribution par toutes les entités d'assurance maladie opérant au Rwanda;

Sur proposition du Ministre des Finances et de la Planification Économique;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 07/06/2019;

**ARRÊTE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena:

1° inkunga y'ubwisungane mu kwivuza itangwa na Leta n'uburyo ishyikirizwa ubwisungane mu kwivuza;

2° inkunga y'ubwisungane mu kwivuza ituruka mu bigo bitanga ubwishingizi mu kwivuza mu Rwanda n'uburyo ishyikirizwa ubwisungane mu kwivuza;

3° inkunga y'ubwisungane mu kwivuza ituruka k'uguhamagara kuri telefone n'uburyo ishyikirizwa ubwisungane mu kwivuza.

**UMUTWE WA II: INKUNGA ITANGWA MU BWISUNGANE MU KWIVUZA N'UBURYO ITANGWA**

**Ingingo ya 2: Inkunga ya Leta mu bwisungane mu kwivuza**

Inkunga ya Leta mu bwisungane mu kwivuza igenwe mu buryo bukurikira:

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines:

1° the Government's subsidies to the community-based health insurance scheme and modalities of payment of the subsidies to the scheme;

2° the subsidies to the community-based health insurance scheme from health insurance entities operating in Rwanda and modalities of payment of the subsidies to the scheme;

3° the subsidies to the community-based health insurance scheme levied on telephone calls and modalities of payment of the contribution to the scheme.

**CHAPTER II: COMMUNITY-BASED HEALTH INSURANCE SCHEME SUBSIDIES AND PAYMENT MODALITIES**

**Article 2: Government subsidies to the community-based health insurance scheme**

The Government subsidies to the community-based health insurance scheme are fixed as

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITION GÉNÉRALE**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine:

1° les subventions de l'État au régime des mutuelles de santé et les modalités de paiement des subventions régime;

2° les subventions au régime des mutuelles de santé provenant des entités d'assurance maladie opérant au Rwanda et les modalités de leur paiement au régime;

3° les subventions au régime des mutuelles de santé prélevées sur les appels téléphoniques et les modalités de paiement de la contribution au régime.

**CHAPITRE II: SUBVENTIONS AU RÉGIME DES MUTUELLES DE SANTÉ ET MODALITÉS DE PAIEMENT**

**Article 2: Subventions de l'État au régime des mutuelles de santé**

Les subventions de l'État au régime des mutuelles de santé sont fixées comme suit:

follows:

1° miliyari esheshatu z'amafaranga y'u Rwanda (6.000.000.000 FRW) aturuka mu ngengo y'imari y'umwaka, yishyurwa na Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo;

2° ibihumbi bibiri by'amafaranga y'u Rwanda (2.000 FRW) kuri buri muntu utishoboye uri mu cyiciro cya mbere cy'Ubudehe, yishyurwa na Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo;

3° mirongo itanu ku ijana (50%) by'amafaranga yishyurwa ku iyandikwa ry'imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi, yishyurwa na Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo;

4° ijana ku ijana (100%) by'amafaranga yishyurwa n'abakora ubushakashatsi mu rwego rw'ubuzima, yishyurwa na Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo;

5° icumi ku ijana (10%) by'amafaranga yose acibwa kuri serivisi zihabwa amasosiyete y'ubucuruzi akora ibikorwa by'imikino y'amahirwe, yishyurwa na Minisiteri ifite ubucuruzi

1° six billion Rwandan francs (FRW 6,000,000,000) as annual budget allocation paid by the Ministry in charge of finance;

2° two thousand Rwandan francs (FRW 2,000) per annum for each needy person in category one of *Ubudehe* paid by the Ministry in charge of finance;

3° fifty percent (50%) of registration fees for pharmaceutical products and medical devices paid by the Ministry in charge of health;

4° one hundred percent (100%) of the amount collected as medical research fees paid by the Ministry in charge of health;

5° ten percent (10%) of all fees charged on services offered to gaming companies paid by the Ministry in charge of trade;

1° six milliards de francs rwandais (6.000.000.000 FRW) à titre d'allocation budgétaire annuelle, payés par le Ministère ayant des finances dans ses attributions;

2° deux mille francs rwandais (2.000 FRW) par an pour chaque personne indigente de la première catégorie d'*Ubudehe*, payés par le Ministère ayant des finances dans ses attributions;

3° cinquante pourcent (50%) des frais d'enregistrement des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux, payés par le Ministère ayant la santé dans ses attributions;

4° cent pour cent (100%) du montant perçu à titre de frais de recherche médicale, payés par le Ministère ayant la santé dans ses attributions;

5° dix pour cent (10%) de tous les frais perçus sur les services offerts aux sociétés commerciales de jeux de hasard, payés par le Ministère ayant le commerce dans ses attribution;

mu nshingano zayo;

6° mirongo itanu ku ijana (50%) by'amafaranga yishyurwa mu kugenzura imiterere y'ibinyabiziga, yishyurwa na Polisi y'u Rwanda;

7° icumi ku ijana (10%) by'amafaranga acibwa abatwara ibinyabiziga bakoze amakosa mu muhanda, yishyurwa na Polisi y'u Rwanda;

8° ijana ku ijana (100%) by'amafaranga acibwa abacuruza ibintu bitujuje ubuziranenge, yishyurwa n'ikigo cya Leta gifite ubuziranenge mu nshingano zacyo;

Uretse inkunga ya Leta igenewe abatishoboye itangwa bitarenze tariki ya 30 Nzeri buri mwaka, inkunga ya Leta ivugwa muri iyi ngingo itangwa buri gihembwe.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Inkunga ituruka mu bigo bitanga ubwishingizi bw'indwara**

Inkunga ituruka muri buri kigo gitanga ubwishingizi bw'indwara gikorera mu Rwanda ni atanu ku ijana (5%) y'imisanzu yose

6° fifty percent (50%) of fees collected for motor vehicle mechanical inspection paid by Rwanda National Police;

7° ten percent (10%) of fees collected from road traffic fines paid by Rwanda National Police;

8° a hundred percent (100%) of the amount collected as penalties for trade of sub-standard products paid by the public institution in charge of standards;

With the exception of the Government subsidies for needy persons which are paid not later than 30th September of each year, the Government subsidies referred to in this Article are paid on quarterly basis.

**<u>Article 3</u>: Subsidies from health insurance entities**

The subsidies from each health insurance entity operating in Rwanda is five percent (5%) of all annual contributions collected in its health

6° cinquante pour cent (50%) des frais perçus pour le contrôle technique automobile payés par la Police Nationale du Rwanda;

7° dix pour cent (10%) des frais d'amende pour contraventions à la sécurité routière, payés par la Police Nationale du Rwanda;

8° cent pour cent (100%) des frais d'amende perçus sur le commerce des produits ne remplissant pas les normes, payés par l'institution publique ayant la normalisation dans ses attributions;

À l'exception des subventions de l'État pour les personnes indigentes payées au plus tard le 30 septembre de chaque année, les subventions de l'État visées au présent article sont versées trimestriellement.

**<u>Article 3</u>: Subventions provenant des entités d'assurance maladie**

Les subventions provenant de chaque entité d'assurance maladie opérant au Rwanda sont de cinq pour cent (5%) de toutes les cotisations annuelles collectées dans sa

yinjijwe mu mwaka mu ishami ryacyo ry'ubwishingizi bw'indwara.

Inkunga itangwa na buri kigo gitanga ubwishingizi bw'indwara mu Rwanda igezwa mu kigo cya Leta gifite ubwisungane mu kwivuza mu nshingano zacyo mu minsi mirongo itatu (30) nyuma y'itariki umwaka y'ibaruramari ry'ikigo gitanga ubwishingizi bw'indwara warangiriyeho.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Inkunga ituruka mu masosiyete y'ubucuruzi bw'itumanaho**

Buri sosiyete y'ubucuruzi bw'itumanaho yishyura inkunga mu bwisungane mu kwivuza ku buryo bukurikira:

1° umwaka wa mbere n'uwa kabiri uhereye igihe iri teka ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda: amafaranga abiri n'igice ku ijana (2.5%) y'agaciro k'ibyacurujwe byose ku mwaka n'isosiyete y'ubucuruzi;

2° guhera ku mwaka wa gatatu (3) iri teka ritangajwe: amafaranga atatu ku ijana (3%) y'agaciro k'ibyacurujwe byose ku mwaka n'isosiyete y'ubucuruzi.

Buri sosiyete y'ubucuruzi bw'itumanaho

insurance category.

Subsidies from each health insurance entity operating in Rwanda are transferred to the public institution in charge of community-based health insurance scheme within thirty (30) days counted from the date of the end of the financial year of the health insurance entity.

**<u>Article 4</u>: Subsidies from telecommunication companies**

Each telecommunication company pays its subsidies to the community-based health insurance scheme as follows:

1° the first and the second year after the publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda: two point five percent (2.5%) of the company's annual turnover;

2° from the third year of publication of this Order: three percent (3%) of the company's annual turnover.

Each telecommunication company transmits to

catégorie d'assurance maladie.

Les subventions provenant de chaque entité d'assurance maladie opérant au Rwanda sont transférées à l'institution publique ayant le régime des mutuelles de santé dans ses attributions endéans trente (30) jours suivant la date de la fin de l'exercice comptable de l'entité d'assurance maladie.

**<u>Article 4</u>: Subventions provenant des sociétés commerciales de télécommunication**

Chaque société commerciale de télécommunication paie ses subventions au régime des mutuelles de santé comme suit:

1° la première et la deuxième année qui suivent la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda: deux et demi pour cent (2.5%) du chiffre d'affaires annuel de la société commerciale;

2° à partir de la troisième année de la publication du présent arrêté: trois pour cent (3%) du chiffre d'affaires annuel de la société commerciale.

Chaque société commerciale de

ishyikiriza Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro inkunga cyatanze hakurikijwe uburyo bwagenwe n'urwo Rwego. Urwego rushyikiriza ubwisungane mu kwivuza inkunga yatanzwe bitarenze tariki ya 15 y'ukwezi gukurikira uko inkunga yatanzwemo.

**UMUTWE WA III: IGENZURA N'IBIHANO**

**Ingingo ya 5: Igenzura**

Ikigo cya Leta gifite ubwisungane mu kwivuza mu nshingano zacyo gifite ububasha bwo gukora igenzura rigamije kumenya ko inkunga yishyuwe yabazwe hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 2, iya 3 n'iya 4 z'iri teka.

**Ingingo ya 6: Ibihano by'ubukererwe**

Iyo inkunga ivugwa mu ngingo ya 2, iya 3 n'iya 4 z'iri teka itishyuwe mu gihe giteganyijwe n'iri teka, urwego bireba rwishyura inyungu z'ubukererwe ku mafaranga y'inkunga rwishyuzwa.

Igipimo cy'inyungu z'ubukererwe zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni kabiri ku ijana (2%) zibarwa buri kwezi nta gukomatanya,

the Rwandan Utilities Regulatory Authority its granted subsidies in the manner prescribed by that Authority. The Authority transmits to the community-based health insurance scheme the amount of subsidies granted by the 15$^{th}$ of the month following the one for which subsidies were granted.

**CHAPTER III: AUDIT AND PENALITIES**

**Article 5: Audit**

A public institution in charge of community-based health insurance scheme has the power to conduct an audit to ensure that subsidies paid have been calculated in accordance with provisions of Articles 2, 3 and 4 of this Order.

**Article 6: Penalties for delay**

Where subsidies referred to in Articles 2, 3 and 4 of this Order are not paid on time, the concerned entity pays default interest on the amount of the subsidy due.

The interest rate referred to in Paragraph One of this Article is two percent (2%) calculated on a monthly and simple interest basis, counting from

télécommunication transmet à l'Autorité Rwandaise de régulation de certains services d'utilité publique les subventions octroyées dans la manière prescrite par cette Autorité. L'Autorité transmet au régime des mutuelles de santé le montant des subventions au plus tard le 15 du mois suivant celui pour lequel les subventions ont été octroyées.

**CHAPITRE III: AUDIT ET PÉNALITÉS**

**Article 5: Audit**

L'institution publique ayant le régime des mutuelles de santé dans ses attributions a le pouvoir de mener un audit pour s'assurer que les subventions payées ont été calculées conformément aux dispositions des articles 2, 3 et 4 du présent arrêté.

**Article 6: Pénalités de retard**

Lorsque les subventions mentionnées aux articles 2, 3 et 4 du présent arrêté ne sont pas payées dans les délais, l'entité concernée paie des intérêts de retard sur le montant de la subvention due.

Le taux d'intérêt mentionné à l'alinéa premier du présent article est de deux pour cent (2%) calculé mensuellement par intérêt simple, à

uhereye ku munsi ukurikira uwo inkunga yagombaga kwishyurirwaho kugeza ku munsi w'ubwishyu.

Ukwezi kutuzuye gufatwa nk'ukwezi kuzuye mu kubara inyungu z'ubukererwe.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yo gutubya inkunga**

Iyo igenzura rigaragaje ko inkunga yishyuwe ari nke ku nkunga yagombaga kwishyurwa, ikigo bireba cyishyura inkunga itarishyuwe kikanacibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya magana abiri ku ijana (200%) by'iyo nkunga itarishyuwe.

Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ishyirwa kuri konti y'ubwisungane mu kwivuza igacungwa hamwe n'amafaranga y'inkunga.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Gutakamba**

Ikigo cyakorewe igenzura ntikinyurwe n'ibyavuye mu igenzura gishobora kujuririra mu nyandiko Ubuyobozi Bukuru bw'ikigo cya Leta gifite ubwisungane mu kwivuza mu nshingano zacyo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe cyashyikirijwe raporo y'igenzura.

the first date following the due payment date of the contribution to the date of payment.

An incomplete month is considered as an entire month for the purpose of calculating default interest.

**<u>Article 7</u>: Administrative fine for underestimation of subsidies**

If following an audit, the subsidies paid are found less than the amount to be paid, the concerned entity pays the unpaid subsidies and an administrative fine equivalent to two hundred percent (200%) of the amount of the unpaid subsidies.

The administrative fine referred to in Paragraph One of this Article is deposited to the community-based health insurance scheme account and managed with subsidies.

**<u>Article 8</u>: Administrative appeal**

The audited entity which is dissatisfied with the results of the audit may lodge an appeal in writing to the General Directorate of the public institution in charge of community-based health insurance scheme within thirty (30) days from the date of receipt of the audit report.

compter du premier jour suivant la date limite de paiement de la contribution jusqu'à la date du paiement.

Un mois incomplet est considéré comme un mois entier pour le calcul des intérêts de retard.

**<u>Article 7</u>: Amende administrative pour la sous-estimation des subventions**

Si, à la suite d'un audit, les subventions payées sont jugées inférieures au montant à payer, l'entité concernée paie les subventions impayées et une amende administrative de deux cent pour cent (200%) du montant des subventions non payées.

L'amende administrative mentionnée à l'alinéa premier du présent article est déposée au compte du régime des mutuelles de santé et est gérée avec les subventions.

**<u>Article 8</u>: Recours administratif**

L'entité auditée qui n'est pas satisfaite des résultats de l'audit peut introduire par écrit un recours auprès de la Direction Générale de l'institution publique ayant le régime des mutuelles de santé dans ses attributions endéans trente (30) jours à compter de la date de réception du rapport d'audit.

Urwego rwajuririwe rufata icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) uhereye igihe rwagerejweho ubujurire rukakimenyesha uwajuriye. Iyo nta cyemezo gifashwe muri icyo gihe, ubujurire bufatwa nk'aho bufite ishingiro.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Kuregera urukiko**

Ikigo cyakorewe igenzura kitanyuzwe n'icyemezo cy'Ubuyobozi Bukuru gishobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha. Ikirego gishyikirizwa urukiko mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe rwashyikirijweho icyemezo.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Inkurikizi zo gutanga ikirego mu rukiko**

Ubujurire ntibuhagarika itangwa ry'inkunga, inyungu z'ubukererwe n'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi.

**<u>UMUTWE WA IV</u>: INGINGO ZISOZA**

**<u>Ingingo ya 11</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Minisitiri w'Ubuzima, Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa ya Leta na Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

The appellate organ makes a decision within sixty (60) days from the date of receipt of the appeal and communicates it to the appellant. If a decision is not taken within this period, the appeal is considered legally founded.

**<u>Article 9</u>: Filing a case to a court**

The audited entity dissatisfied with the decision of the General Directorate may file a case to a competent court. The case is filed within thirty (30) days following the receipt of the decision.

**<u>Article 10</u>: Effect of filing a case to the court**

An appeal does not suspend the obligation to pay the subsidies, interests for late payment and administrative fines.

**<u>CHAPTER IV</u>: FINAL PROVISIONS**

**<u>Article 11</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Minister of Finance and Economic Planning, the Minister of Health, the Minister of Justice/Attorney General and the Minister of

L'organe de recours administratif rend une décision endéans soixante (60) jours à compter de la date de réception du recours et la communique à l'appelant. Lorsqu'aucune décision n'est prise dans ce délai, le recours est réputé fondé.

**<u>Article 9</u>: Saisine de la juridiction**

L'entité auditée qui n'est pas satisfaite de la décision de la Direction Générale peut saisir une juridiction compétente. La juridiction est saisie endéans trente (30) jours qui suivent la réception de la décision.

**<u>Article 10</u>: Effet de saisine de la juridiction**

Le recours ne suspend pas l'obligation de payer les subventions, les intérêts de retard et l'amende administrative.

**<u>CHAPITRE IV</u>: DISPOSITIONS FINALES**

**<u>Article 11</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre des Finances et de la Planification Économique, le Ministre de la Santé, le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux et le

bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

**Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'Iteka n'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe nº 198/03 ryo ku wa 22/09/2015 riteganya ingano n'uburyo bw'itangwa ry'inkunga ituruka mu bigo byose bitanga ubwishingizi bw'indwara mu Rwanda n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 13: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 25/07/2019

Trade and Industry are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 12: Repealing provision**

Prime Minister's Order nº 198/03 of 22/09/2015 determining the amount and payment modalities of contributions from all health insurance entities operating in Rwanda and all prior provisions contrary to this Order are repealed.

**Article 13: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 25/07/2019

Ministre du Commerce et de l'Industrie sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Article 12: Disposition abrogatoire**

L'Arrêté du Premier Ministre nº 198/03 du 22/09/2015 portant montant et modalités de paiement de contribution par toutes les entités d'assurance maladie opérant au Rwanda et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.

**Article 13: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 25/07/2019

**(sé)**
**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**(sé)**
**Dr NDAGIJIMANA Uzziel**
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**Dr NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**(sé)**
**Dr NDAGIJIMANA Uzziel**
Minister of Finance and Economic Planning

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**(sé)**
**Dr NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**(sé)**
**Dr NDAGIJIMANA Uzziel**
Ministre des Finances et de la Planification Économique

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 20/0005/19 YO KU WA 31/05/2019 AGENA URUTONDE RW'IBINYOBWA BITEMEWE BIFATWA NK'IBIYOBYABWENGE BYOROHEJE** | **INSTRUCTIONS OF THE MINISTER N° 20/0005/19 OF 31/05/2019 ESTABLISHING THE LIST OF UNAUTHORISED DRINKS CONSIDERED AS SIMPLE NARCOTIC DRUGS** | **INSTRUCTIONS DU MINISTRE N° 20/0005/19 DU 31/05/2019 ÉTABLISSANT LA LISTE DES BOISSONS NON AUTORISÉES CONSIDÉRÉES COMME DES STUPÉFIANTS LÉGERS** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije** | **Article One: Purpose of these regulations** | **Article premier: Objet des présents règlements** |
| **Ingingo ya 2: Urutonde rw'ibinyobwa bitemewe bifatwa nk'ibiyobyabwenge byoroheje** | **Article 2: List of unauthorised drinks considered as simple narotic drugs** | **Article 2: Liste des boissons non autorisées considérées comme des stupéfiants légers** |
| **Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amabwiriza zinyuranyije n'aya mabwiriza** | **Article 3: Repealing provision** | **Article 3: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 4: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa** | **Article 4: Commencement** | **Article 4: Entrée en vigueur** |

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 20/0005/19 YO KU WA 31/05/2019 ASHYIRAHO URUTONDE RW'IBINYOBWA BITEMEWE BIFATWA NK'IBIYOBYABWENGE BYOROHEJE**

**Minisitiri w'Ubuzima;**

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/MoH/2019 ryo ku wa 04/03/2019 rigena urutonde rw'ibiyobyabwenge n'ibyiciro byabyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6;

**ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza ashyiraho urutonde rw'ibinyobwa bitemewe bifatwa nk'ibiyobyabwenge byoroheje.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Urutonde rw'ibinyobwa bitemewe bifatwa nk'ibiyobyabwenge byoroheje**

Urutonde rw'ibinyobwa bitemewe bifatwa nk'ibiyobyabwenge byoroheje ruri ku

**INSTRUCTIONS OF THE MINISTER N° 20/0005/19 OF 31/05/2019 ESTABLISHING THE LIST OF UNAUTHORISED DRINKS CONSIDERED AS SIMPLE NARCOTIC DRUGS**

**Minister of Health;**

Pursuant to Ministerial Order n° 001/MoH/2019 of 04/03/2019 establishing the list of narcotic drugs and their categorisation, especially in Article 6;

**ISSUES THE FOLLOWING REGULATIONS:**

**<u>Article One</u>: Purpose of these regulations**

These Instructions establish the list of unauthorised drinks considered as simple narcotic drugs.

**<u>Article 2</u>: List of unauthorised drinks considered as simple narotic drugs**

The list of unauthorised drinks considered as simple narotic drugs is annexed to these

**INSTRUCTIONS DU MINISTRE N° 20/0005/19 DU 31/05/2019 ÉTABLISSANT LA LISTE DES BOISSONS NON AUTORISÉES CONSIDÉRÉES COMME DES STUPÉFIANTS LÉGERS**

**Le Ministre de la Santé** ;

Vu l'Arrêté Ministériel n° 001/MoH/2019 déterminant la liste des stupéfiants et leur catégorisation, spécialement en son article 6;

**ÉMET LES RÈGLEMENTS SUIVANTS :**

**<u>Article premier</u>: Objet des présents règlements**

Les présentes instructions établissent la liste des boissons non autorisées considérées comme des stupéfiants légers.

**<u>Article 2</u>: Liste des boissons non autorisées considérées comme des stupéfiants légers**

La liste des boissons non autorisées considérées comme des stupéfiants légers

mugereka w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amabwiriza zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

**Ingingo ya 4: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **31/05/2019**

**(sé)**
**Dr GASHUMBA Diane**
Minisitiri w'Ubuzima

regulations.

**Article 3: Repealing provision**

All prior provisions contrary to these Instructions are repealed.

**Article 4: Commencement**

These regulations come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **31/05/2019**

**(sé)**
**Dr GASHUMBA Diane**
Minister of Health

est annexée aux présentes instructions.

**Article 3: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.

**Article 4: Entrée en vigueur**

Les présents règlements entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **31/05/2019**

**(sé)**
**Dr GASHUMBA Diane**
Ministre de la Santé

| | | |
|---|---|---|
| **UMUGEREKA W'AMABWIRIZA YA MINISITIRI Nº 20/0005/19 YO KU WA 31/05/2019 ASHYIRAHO URUTONDE RW'IBINYOBWA BITEMEWE BIFATWA NK'IBIYOBYABWENGE BYOROHEJE** | **ANNEX OF THE INSTRUCTIONS OF THE MINISTER Nº 20/0005/19 OF 31/05/2019 ESTABLISHING THE LIST OF UNAUTHORISED DRINKS CONSIDERED AS SIMPLE NARCOTIC DRUGS** | **ANNEXE AUX INSTRUCTIONS DU MINISTRE Nº 20/0005/19 DU 31/05/2019 ÉTABLISSANT LA LISTE DES BOISSONS NON AUTORISÉES CONSIDÉRÉES COMME DES STUPÉFIANTS LÉGERS** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ibinyobwa bitemewe bifatwa nk'ibiyobyabwenge byoroheje**<br><br>1° lisansi (kuyihumeka)<br>2° kole (kuyihumeka)<br>3° kanyanga<br>4° chief Warage<br>5° kitoko<br>6° zebra Gin<br>7° simba Warage<br>8° king Warage<br>9° suzie Warage<br>10° leaving Warage<br>11° coffee Spirit<br>12° host Warage<br>13° special Zebra<br>14° kirabiranya<br>15° muriture<br>16° umugori<br>17° umunanasi<br>18° nyirantare<br>19° yewemuntu<br>20° igikwangari<br>21° rukanyaginshege<br>22° ikindi cyose gifite methanol irengeje | **Unauthorised drinks considered as simple narcotic drugs**<br><br>1° gasoline (inhaled)<br>2° glue (inhaled)<br>3° kanyanga<br>4° chief Warage<br>5° kitoko<br>6° zebra Gin<br>7° simba Warage<br>8° king Warage<br>9° suzie Warage<br>10° leaving Warage<br>11° coffee Spirit<br>12° host Warage<br>13° special Zebra<br>14° kirabiranya<br>15° muriture<br>16° umugori<br>17° umunanasi<br>18° nyirantare<br>19° yewemuntu<br>20° igikwangari | **Boissons non autorisées considérées comme des stupéfiants légers**<br><br>1° essence (inhalée)<br>2° colle (inhalée)<br>3° kanyanga<br>4° chief Warage<br>5° kitoko<br>6° zebra Gin<br>7° simba Warage<br>8° suzie Warage<br>9° king Warage<br>10° leaving Warage<br>11° coffee Spirit<br>12° host Warage<br>13° special Zebra<br>14° kirabiranya<br>15° muriture<br>16° umugori<br>17° umunanasi<br>18° nyirantare<br>19° yewemuntu<br>20° igikwangari |

| | | |
|---|---|---|
| igipimo cya zero n'ibice bitanu ku ijana (0.5%) n'igifite ethanol irengeje mirongo ine na gatanu ku ijana (45%) mu bikigize. | 21° rukanyaginshege<br>22° any substance that contains more than zero and a half percent (0.5%) of methanol and more than forty-five percent (45%) of Ethanol in the composition. | 21° rukanyaginshege<br>22° toute substance qui contient plus de zéro et demi pourcent (0.5%) de méthanol et plus de quarante-cinq pourcent (45%) d'éthanol dans sa composition. |

| | | |
|---|---|---|
| **Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'amabwiriza ya Minisitiri nº 20/0005/19 yo ku wa 31/05/2019 agena urutonde rw'ibinyobwa bitemewe bifatwa nk'ibiyobyabwenge byoroheje**<br><br>**(sé)**<br>**Dr GASHUMBA Diane**<br>Minisitiri w'Ubuzima | **Seen to be annexed to Instructins of the Minister nº 20/0005/19 of 31/05/2019 establishing the list of unauthorised drinks considered as simple narcotic drugs**<br><br>**(sé)**<br>**Dr GASHUMBA Diane**<br>Minister of Health | **Vu pour être annexé aux instructions du Minsitre nº 20/0005/19 du 31/05/2019 déterminant la liste des boissons non autorisées considérées comme des stupéfiants lègers**<br><br>**(sé)**<br>**Dr GASHUMBA Diane**<br>Ministre de la Santé |

| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA RUSANGE N° 4230 /2019 - 00024[ 614 ] YO KU WA 5/6/2019 YA BANKI NKURU Y'U RWANDA YEREKEYE IBIPIMO BY'IBANZE BIJYANYE N'UBURYO BW'IMIKORERE N'IBY'UBUGENZUZI BW'IMBERE MU MABANKI** | **REGULATION N° 4230 /2019 - 00024[ 614 ] OF 5/6/2019 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA ON MINIMUM INTERNAL CONTROL AND INTERNAL AUDIT STANDARDS IN BANKS** | **REGLEMENT N° 4230 /2019 - 00024[614] DU 5/6/2019 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA SUR LES NORMES MINIMA DE CONTROLE INTERNE ET D'AUDIT INTERNE DANS LES BANQUES** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENT** | **TABLE DES MATIERES** |
| **Ingingo ya mbere : Icyo aya mabwiriza rusange agamije**<br>**Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo**<br>**Ingingo ya 3 : Ishyirwaho ry'urwego rushinzwe igenzura ry'imbere**<br>**Ingingo ya 4 : Sitati y'urwego rushinzwe igenzura ry'imbere**<br>**Ingingo ya 5 : Igenzura ry'imbere mu itsinda cyangwa imiterere y'isosiyete ibumbye izindi**<br>**Ingingo ya 6 : Isuzuma rikorwa na Banki Nkuru ku bijyanye n'urwego rw'igenzura ry'imbere**<br>**Ingingo ya 7 : Inama hagati ya Banki Nkuru n'abagenzuzi b'imbere**<br>**Ingingo ya 8 : Uburyo bw'imikorere mu mabanki**<br>**Ingingo ya 9 : Amahame y'igenzura ry'imbere n'ay'uburyo bw'imikorere** | **Article One: Purpose**<br>**Article 2: Definitions**<br>**Article 3: Establishment of internal audit function**<br>**Article 4: Status of internal audit function**<br>**Article 5: Internal audit within a group or holding company structure**<br>**Article 6: Central Bank assessment of the internal audit function**<br>**Article 7: Meetings between the Central Bank and internal auditors**<br>**Article 8: Internal controls in banks**<br>**Article 9: Internal audit and internal controls principles** | **Article Premier: Objet**<br>**Article 2: Définitions**<br>**Article 3: Mise en place de la fonction d'audit interne**<br>**Article 4: Statut de la fonction d'audit interne**<br>**Article 5: Audit interne au sein d'une structure de groupe ou de holding**<br>**Article 6: Evaluation de la fonction d'audit interne par la Banque centrale**<br>**Article 7: Réunions entre la Banque Centrale et les auditeurs internes**<br>**Article 8: Contrôle interne dans les banques**<br>**Article 9: Les principes de l'audit interne et du contrôle interne** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza rusange**<br><br>**<u>Ingingo ya 11</u> : Igihe aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa** | **<u>Article 10</u>: Repealing provisions**<br><br>**<u>Article 11</u>: Commencement** | **<u>Article 10</u>: Dispositions abrogatoires**<br><br>**<u>Article 11</u>: Entrée en vigeur** |

| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA RUSANGE N° 4230 /2019 - 00024[ 614 ] YO KU WA 5/6/2019 YA BANKI NKURU Y'U RWANDA YEREKEYE IBIPIMO BY'IBANZE BIJYANYE N'UBURYO BW'IMIKORERE N'IBY'UBUGENZUZI BW'IMBERE MU MABANKI** | **REGULATION N° 4230 /2019 - 00024[ 614 ] OF 5/6/2019 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA ON MINIMUM INTERNAL CONTROL AND INTERNAL AUDIT STANDARDS IN BANKS** | **REGLEMENT N° 4230 /2019 - 00024[614] DU 5/6/2019 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA SUR LES NORMES MINIMA DE CONTROLE INTERNE ET D'AUDIT INTERNE DANS LES BANQUES** |
| Ishingiye ku Itegeko N° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6, iya 8, iya 9, iya 10 n'iya 15; | Pursuant to the Law Nº 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda, especially in articles 6, 8 , 9, 10 and 15; | Vu la Nº 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda spécialement en ses articles 6, 8, 9, 10 et 15; |
| Ishingiye ku Itegeko Nº 47/2017 ryo ku wa 23/9/2017 rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 117; | Pursuant to the Law Nº 47/2017 of 23/09/2017 governing the Organisation of banking, especially in article 117; | Vu la Loi Nº 47/2017 du 23/09/2017 portant organisation de l'activité bancaire, spécialement en son article 117 ; |
| Isubiye ku Mabwiriza rusange N° 11/2011 yerekeye igenzura ry'ibanze ry'imbere n'amahame ngenderwaho mu igenzura mu ma banki ; | Having reviewed the Regulation N° 11/2011 on minimum internal control and audit standards in banks; | Revue le règlement N° 11/2011 sur le controle interne minimum et les normes d'audit internes dans les banque ; |
| Banki Nkuru y'u Rwanda, mu ngingo zikurikira yiswe "**Banki Nkuru**", itegetse ibi ibikurikira: | The National Bank of Rwanda, hereinafter referred to as "**Central Bank**", decides the following: | La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée « **Banque Centrale** », édicte ce qui suit: |
| **<u>Ingingo ya mbere</u> : Icyo aya mabwiriza rusange agamije** | **<u>Article One:</u> Purpose** | **<u>Article Premier:</u> Objet** |
| Aya mabwiriza rusange agamije gushyiraho ibipimo by'ibanze bijyanye n'uburyo bw'imikorere n'iby'ubugenzuzi bw'imbere mu mabanki. | This Regulation aims at establishing minimum internal control and audit standards in banks. | Le présent règlement vise à établir des normes minimales de contrôle interne et d'audit interne dans les banques. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo** | **Article 2: Definitions** | **Article 2: Définitions** |
| Muri aya mabwiriza rusange, amagambo akurikira asobanura ibi bikurikira**:** | In this Regulation, the following terms have the following meanings : | Dans le présent règlement, les termes suivants ont les significations suivantes: |
| 1° **uburyo bw'imikorere** : uburyo bushyirwa mu bikorwa n'inama y'ubutegetsi, ubuyobozi n'abandi bakozi ba banki, bugamije gutanga « icyizere nyacyo » ku byerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'intego z'ibikorwa, mu buryo buboneye kandi butanga umusaruro. | 1° **internal control**: a process, effected by a bank's board of directors, management and other personnel, designed to provide "reasonable assurance" regarding the achievement of objectives in effective and efficiency of operations. | 1° **controle interne** : un processus appliqué par le conseil d'administration, la direction et d'autres membres du personnel d'une banque, conçu pour fournir une « assurance raisonnable » quant à la réalisation des objectifs de façon efficace et efficiente des opérations. |
| 2° **banki:** Banki iyo ariyo yose igenzurwa na Banki Nkuru**.** | 2° **bank:** Any bank supervised by the Central Bank. | 2° **banque** : Toute banque supervisée par la Banque Centrale. |
| **Ingingo ya 3 : Ishyirwaho ry'urwego rushinzwe igenzura ry'imbere** | **Article 3: Establishment of internal audit function** | **Article 3: Mise en place de la fonction d'audit interne** |
| Banki zigomba gushyiraho urwego rushinzwe igenzura ry'imbere nk'uko biteganyijwe mu mugereka wa I w'aya mabwiriza rusange. | Banks shall put in place an internal audit function as prescribed in appendix I of this regulation. | Les banques doivent mettre en place la fonction d'audit interne tel que prévu dans l'annexe I du présent règlement. |
| **Ingingo ya 4 : Sitati y'urwego rushinzwe igenzura ry'imbere** | **Article 4: Status of internal audit function** | **Article 4: Statut de la fonction d'audit interne** |
| Umwanya w'umukuru w'urwego rushinzwe igenzura ry'imbere ugomba kuba ku rwego rumwe n'urw'indi myanya y'ingenzi muri banki, kugira ngo abashe gukorana neza n'abo bari ku rwego rumwe kimwe n'abamukuriye igihe arangiza inshingano n'imirimo ashinzwe. | The position of the head of internal audit function shall be equivalent to the status of other key functions heads of the bank, to enable him/her to deal effectively with his/her peers and superiors when discharging his/her duties and responsibilities. | Le rang du chef de la fonction d'audit interne doit être équivalent au rang des autres chefs de fonctions clés de la banque, pour lui permettre de traiter efficacement avec ses pairs et ses supérieurs hièrarchiques dans l'exercice de ses fonctions et responsabilités. |
| Ishyirwaho, umushahara, isuzuma-mikorere, iyimurwa n'iyirukanwa ry'ukuriye urwego rushinzwe | The appointment, remuneration, performance appraisal, transfer and dismissal of the head of | La nomination, la rémunération, l'évaluation des performances, le transfert et le licenciement du chef |

| | | |
|---|---|---|
| igenzura ry'imbere bigomba kwemezwa na komite ishinzwe igenzura y'inama y'ubutegetsi ya banki. | internal audit function shall be decided by the board audit committee of the bank. | de la fonction d'audit interne doivent être décidés par le comité d'audit du conseil d'administration de la banque. |
| **<u>Ingingo ya</u> 5 : Igenzura ry'imbere mu itsinda cyangwa imiterere y'isosiyete ibumbye izindi** | **<u>Article 5:</u> Internal audit within a group or holding company structure** | **<u>Article 5</u>: Audit interne au sein d'une structure de groupe ou de holding** |
| Inama y'ubutegetsi ya buri banki mu itsinda ry'amabanki cyangwa imiterere y'isosiyete ibumbye izindi igomba kugenzura ko banki ifite urwego rwayo rushinzwe igenzura ry'imbere, rugomba gutanga raporo y'imikorere ku nama y'ubutegetsi ya banki. | The board of directors of a bank within a banking group or holding company structure shall ensure that either the bank has its own internal audit function, which shall be accountable to the bank's board. | Le conseil d'administration de chaque banque appartenant à un groupe bancaire ou à une structure de société de portefeuille doit s'assurer que la banque dispose de sa propre fonction d'audit interne, qui doit rendre des comptes au conseil d'administration de la banque. |
| Banki ishobora kwifashisha undi muntu mu mirimo y'ubugenzuzi hashingiwe ku mahame ateganyijwe muri aya mabwiriza rusange. | A bank may outsource the audit activities in accordance with the principles provided in this regulation. | Une banque peut sous-traiter les activités d'audit conformément aux principes énoncés dans ce règlement. |
| **<u>Ingingo ya 6</u> : Isuzuma rikorwa na Banki Nkuru ku bijyanye n'urwego rw'igenzura ry'imbere** | **<u>Article 6:</u> Central Bank assessment of the internal audit function** | **<u>Article 6</u>: Evaluation de la fonction d'audit interne par la Banque centrale** |
| Banki Nkuru isuzuma buri gihe niba urwego rushinzwe igenzura ry'imbere rufite inshingano n'ububasha bihagije muri banki kandi ko rukora rushingiye ku mahame aboneye. | The Central Bank regularly assesses whether the internal audit function has sufficient standing and authority within the bank and operates according to sound principles. | La Banque Centrale vérifie régulièrement si la fonction d'audit interne dispose suffisamment de pouvoirs et d'autorité au sein de la banque et opère selon de solides principes. |
| **<u>Ingingo ya 7</u> : Inama hagati ya Banki Nkuru n'abagenzuzi b'imbere** | **<u>Article 7:</u> Meetings between the Central Bank and internal auditors** | **<u>Article 7</u>: Réunions entre la Banque Centrale et les auditeurs internes** |
| Igihe cyose bibaye ngombwa, Banki Nkuru ishobora gutumiza no kugirana inama n'abagenzuzi b'imbere ba banki mu rwego rwo: | Whenever deemed necessary, the Central Bank may convene and hold a meeting with internal auditors of a bank to: | Chaque fois que cela est jugé nécessaire, la Banque Centrale peut convoquer et tenir une réunion avec les auditeurs internes d'une banque afin de: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° kungurana ibitekerezo ku igenzura ry'imbere n'uburyo bw'imikorere bya banki; | 1° discuss the internal audit and internal controls of the bank; | 1° discuter de l'audit interne et des contrôles internes de la banque ; |
| 2° gusobanurirwa ingamba zafashwe na banki zo guhangana n'ibibazo; | 2° understand the risk mitigation measures taken by the bank; and | 2° comprendre les mesures d'atténuation des risques prises par la banque ; et |
| 3° gusobanurirwa intege nke zagaragajwe n'imyanzuro y'ubugenzuzi no gukurikirana ibisubizo byatanzwe na banki mu kubonera umuti izo ntege nke. | 3° understand weaknesses identified in the audit findings and monitor the bank's responses to these weaknesses. | 3° comprendre les faiblesses identifiées dans les conclusions de l'audit et suivre les réponses de la banque à ces faiblesses. |
| **<u>Ingingo ya 8</u> : Uburyo bw'imikorere mu mabanki** | **<u>Article 8:</u> Internal controls in banks** | **<u>Article 8</u>: Contrôle interne dans les banques** |
| Buri banki igomba kugira uburyo bw'imikorere butunganye bushyiraho imikorere ikwiriye kandi yizewe yo kurangiza ibikorwa byayo, hitabwa ku miterere y'ibishobora kuyiteza ibibazo. | Every bank shall have adequate internal controls establishing a proper and sounding operating environment for the conduct of its business, taking into account its risk profile. | Chaque banque doit disposer d'un contrôle interne adéquat établissant un environnement opérationnel approprié et fiable pour la conduite de ses activités, en tenant compte de son profil de risque. |
| **<u>Ingingo ya 9</u> : Amahame y'igenzura ry'imbere n'ay'uburyo bw'imikorere** | **<u>Article 9:</u> Internal audit and internal controls principles** | **<u>Article 9</u>: Les principes de l'audit interne et du contrôle interne** |
| Amahame y'igenzura ry'imbere n'ay'uburyo bw'imikorere ari ku mugereka w'aya mabwiriza rusange ni kimwe mu bice biyagize kandi agomba gushyirwa mu bikorwa n'amabanki uko yakabaye. | Principles related to internal audit and internal controls annexed to this Regulation constitute an integral party of it and shall be wholly implemented by banks. | Les principes de l'audit interne et du contrôle interne en annexe au présent règlement en font partie intégrante et doivent être entièrement mis en œuvre par les banques. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza rusange** | **<u>Article 10:</u> Repealing provisions** | **<u>Article 10</u>: Dispositions abrogatoires** |
| Mabwiriza rusange N°11/2011 yerekeye igenzura ry'ibanze ry'imbere n'amahame ngenderwaho mu igenzura mu ma banki n' ingingo zose ibanziriza aya mabwiriza rusange kandi zinyuranyije na yo avanyweho. | The Regulation N°11/2011 on minimum internal control and audit standards in banks and any prior provision contrary to this regulation are hereby repealed. | Le règlement N°11/2011 sur le controle interne minimum et les normes d'audit internes dans les banque et toute autre disposition antérieure contraire au présent règlement sont abrogées. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 11</u> : Igihe aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa**<br><br>Aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa ku itariki atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.<br><br>Bikorewe i Kigali, ku wa 5/6/2019<br><br>(se)<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Guverineri** | **<u>Article 11:</u>Commencement**<br><br>This regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.<br><br>Done in Kigali, on 5/6/2019<br><br>(se)<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Governor** | **<u>Article 11</u>: Entrée en vigueur**<br><br>Le présent règlement entre en vigueur à la date de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.<br><br>Fait à Kigali, le 5/6/2019<br><br>(se)<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Gouverneur** |

| | |
|---|---|
| **UMUGEREKA WA 1:** | **AMAHAME Y'IGENZURA RY'IMBERE** |
| **APPENDIX I:** | **INTERNAL AUDIT PRINCIPLES** |
| **ANNEXE I:** | **PRINCIPES D'AUDIT INTERNE** |

| | | |
|---|---|---|
| **1. Intangiro** | **1. Introduction** | **1. Introduction** |
| **1.1.** Urwego rw'igenzura ry'imbere ni igice kiri mu miyoborere myiza y'ikigo n'imicungire y'imikorere yateza ingorane. Ni igice cy'ikurikirana rihoraho ry'igenzura gitanga isuzuma ryigenga ry'ibikwiye n'iyubahiriza rya politiki n'ibikurikizwa byashyizweho na banki. Amahame ashyirirwaho uburyo buhamye bw'igenzura ry'imbere butuma habaho imikorere ihamye kandi yizewe umutekano w'imitunganyirize y'imirimo y'amabanki. | **1.1.** The internal audit function is an integral component of sound corporate governance and risk management practices in banks. It is part of the ongoing monitoring of controls, which provides an independent assessment of the adequacy of, and compliance with the bank's established policies and procedures. The principles are set for the effective system of internal control that ensures safe and sound operation of banking organizations. | **1.1.** La fonction d'audit interne est une composante intégrante de la bonne gouvernance d'entreprise et des pratiques de gestion des risques dans les banques. Elle s'inscrit dans le cadre du suivi des contrôles continus qui fournissent une évaluation indépendante de l'adéquation et de la conformité aux politiques et aux procédures établies par la banque. Les principes sont établis pour le système de contrôle interne efficace qui garantit le bon fonctionnement des organisations bancaires. |
| **1.2.** Ihiganwa ryiyongera, igitutu mu gukora mu buryo butanga umusaruro cyangwa kunoza imikorere, kwinjiza ibigurishwa bishya byerekeye imari n'impinduka mu ikoranabuhanga byongereye ibitera ingorane mu mikorere. | **1.2.** Increased competition, pressure to operate profitably or to improve performance, introduction of new financial products and the change in information technologies have heightened operational risk. | **1.2.** La concurrence accrue, la pression à fonctionner de façon rentable ou pour améliorer les performances, l'introduction de nouveaux produits financiers et le changement des technologies de l'information ont accru le risque opérationnel. |
| Bigaragazwa mu buriganya bwinshi butangwaho raporo muri Banki Nkuru. Igenzura rya Banki Nkuru rikomeza kugaragaza intege nke muri za raporo, imiterere n'igenzura mu mabanki. Ni yo mpamvu ari inshingano ku buyobozi gushimangira no kugira umumaro mwiza | This is manifested in the numerous frauds reported to Central Bank. Central Bank examinations continue to reveal weaknesses in the records, systems and controls in banks. Therefore, it is incumbent upon the management to enhance and to play a more proactive and meaningful role in achieving sound and stable growth in banks. | Cela se manifeste dans les nombreuses fraudes signalées à la Banque Centrale. Les inspections de la Banque Centrale continuent de révéler des faiblesses dans les rapports, les systèmes et les contrôles des banques. Par conséquent, il revient ainsi à la direction de renforcer et de jouer un rôle plus proactif et significatif dans la |

| | | |
|---|---|---|
| kandi ugaragara mu kugera ku mizamukire itunganye kandi iboneye y'amabanki. | | réalisation d'une croissance saine et stable dans les banques. |
| **1.3.** Mu gukora umurimo w'igenzura ry'imbere, umugenzuzi w'imbere agomba kumenya ibi bikurikira bitandukanya muri rusange amabanki n'ibindi bigo by'ubucuruzi, kandi abagenzuzi bagomba kwitaho mu kugena intambwe iyo ingorane ndakuka y'amabanki ubwayo zigezeho: | **1.3.** In carrying out the internal function, the internal auditor must take cognizance of the following characteristics that generally distinguish banks from other commercial enterprises, and which the auditors must take into account in assessing the level of inherent risk: | **1.3.** Dans l'exercice de la fonction interne, l'auditeur interne doit prendre connaissance des caractéristiques suivantes, qui distinguent généralement les banques d'autres sociétés commerciales, et que les auditeurs doivent prendre en compte pour évaluer le niveau de risque inhérent: |
| **1.3.1.** Amabanki abika akayabo k'ibintu bigize amafaranga, harimo inoti n'ibiceri n'inyandiko mvunjamafaranga zihererekanwa, bikaba bisaba ko umutekano wayo bwite witabwaho mu gihe cyo kuyohereza no mu gihe abitse | **1.3.1.** Banks have custody of large amounts of monetary items, including cash and negotiable instruments, whose physical security has to be safeguarded during transfer and while being stored. | **1.3.1.** Les banques ont la garde de grandes quantités d'éléments monétaires, y compris les espèces et les instruments négociables, dont la sécurité, dont la sincérité physique doit être préservée pendant le transfert et lorsqu'ils sont stockés. |
| Afite kandi kurinda no kugenzura inyandiko zihererekanwa n'indi mitungo byoroshye guhererekanya mu buryo bw'ikoranabuhanga. Ibiranga agaciro mu mafaranga k'ibyo bintu bituma amabanki yagira ibibazo bijyanye no kubyiba cyangwa gukorerwa uburiganya. | They also have custody and control of negotiable instruments and other assets that are readily transferable in electronic form. The liquidity characteristics of these items make banks vulnerable to misappropriation and fraud. | Elles ont également la garde et le contrôle des instruments négociables et d'autres actifs qui sont facilement transférables sous forme électronique. Les caractéristiques de liquidité de ces éléments rendent les banques plus vulnérables à l'appropriation illicite et la fraude. |
| Bityo amabanki akeneye gushyiraho ibikurikizwa bizwi mu mikorere, ibisabwa ntarengwaho bisobanutse neza ku bushishozi bw'umuntu bwite n'uburyo bw'imikorere y'igenzura ry'imbere bugomba gukurikizwa koko. | Banks therefore need to establish formal operating procedures, well-defined limits for individual discretion and rigorous systems of internal control. | Les banques ont donc besoin d'établir des procédures d'opérations officielles, des limites bien définies pour la discrétion individuelle et des systèmes rigoureux de contrôle interne. |
| **1.3.2.** Afite imitungo ishobora guhindurwa vuba mu gaciro kandi ako gaciro akenshi bigoranye kukamenya. Byongeye, | **1.3.2.** They have assets that can rapidly change in value and whose value is often difficult to determine. Consequently, a relatively small | **1.3.2.** Elles ont des avoirs qui peuvent changer rapidement en valeur et laquelle valeur est souvent difficile à déterminer. Par conséquent, |

| | | |
|---|---|---|
| igabanuka ryoroheje mu rugero mu gaciro k'umutungo rishobora kugira inkurikizi ku bushobozi bwo kwishyura bw'imari shingiro. | decrease in asset values may have a significant effect on capital solvency. | une baisse relativement faible en valeur d''actif peut avoir un effet significatif sur la solvabilité du capital. |
| **1.3.3.** Ubusanzwe zikura umubare munini w'amafaranga zikeneye mu mafaranga abikijwe ku gihe kigufi. Gutakaza icyizere cy'ababitsa mu bushobozi bwa banki bwo kwishyura bishobora gutuma habaho mu buryo bwihuse ibura ry'amafaranga. | **1.3.3.** They generally derive a significant amount of their funding from short-term deposits. Loss of confidence by depositors in a bank's solvency can quickly result in a liquidity crisis. | **1.3.3.** Elles tirent généralement une quantité importante de leur financement de dépôts à court terme. La perte de confiance des déposants dans la solvabilité d'une banque peut rapidement entraîner une crise de liquidité. |
| **1.3.4.** Afite inshingano zerekeye icyizere gishingiye ku mitungo zifite y'abandi bantu. Ibyo bishobora gutuma habaho uburyozwe bushingiye ku buhemu. Amabanki rero akeneye gushyiraho ibikurikizwa mu mikorere n'igenzura ry'imbere agamije kugaragaza ko akoresha imitungo yahawe banki. | **1.3.4.** They have fiduciary duties in respect of the assets they hold that belong to other persons. This may give rise to liability for breach of trust. Banks, therefore, need to establish operating procedures and internal controls designed to ensure that they deal with the assets transferred to the bank. | **1.3.4.** Elles ont des obligations fiduciaires à l'égard des actifs qu'elles détiennent appartenant à d'autres personnes. Cela peut donner lieu à une responsabilité pour abus de confiance. Par conséquent, les banques ont besoin d'établir des procédures opérationnelles et des contrôles internes visant à assurer qu'elles traitent avec les actifs transférés à la banque. |
| **1.3.5.** Yiyemeza kujya mu bikorwa binini cyane biremereye kandi bitandukanye kandi agaciro kabyo gashobora kuba ari kanini. Ibi bisaba uburyo bw'ibaruramari n'igenzura bikomeye no gukoresha ikoranabuhanga muri byose (IT). | **1.3.5.** They engage in large volumes and a variety of transactions whose value may be significant. This necessarily requires complex accounting and internal control systems and widespread use of information technology (IT). | **1.3.5.** Elles s'engagent dans de grands volumes et dans une variété de transactions dont la valeur peut être importante. Ceci exige nécessairement des systèmes de comptabilité et de contrôle interne complexes et l'utilisation généralisée des technologies de l'information (TI). |
| **1.3.6.** Ibikorwa bishobora kenshi gutangizwa kandi bikarangizwa n'umukiriya abakozi ba banki batabigizemo uruhare, urugero nko ku mbuga y'ikoranabuhanga cyangwa binyuze mu byuma byikoresha byabugenewe mu guha abakiriya | **1.3.6.** Transaction can often be directly initiated and completed by the customer without any intervention by the bank's employees, for example over the internet or through automated teller machines. | **1.3.6.** Les transactions peuvent souvent être directement initiées et achevées par le client, sans aucune intervention des employés de la banque, par exemple sur Internet ou par l'intermédiaire des guichets automatiques. |

| | | |
|---|---|---|
| amafaranga. | | |
| **1.3.7.** Amabanki kenshi afata inshingano nyinshi zo kwishyura hatabayeho kohereza amafaranga y'ibanze yandi atari ukwishyura amafaranga yagenwe mu bihe bimwe na bimwe. Izo nshingano zishobora gusaba inyandiko z'ibaruramari. Bityo, kumenya ko biriho bishobora kugorana. | **1.3.7.** They often assume significant commitments without any initial transfer of funds other than, in some cases, the payment of fees. These commitments may involve only memorandum accounting entries. Consequently, their existence may be difficult to detect. | **1.3.7.** Elles réalisent souvent des engagements importants sans aucun transfert initial des fonds autres que, dans certains cas, le paiement des frais. Ces engagements peuvent impliquer seulement des notes des écritures comptables. Par conséquent, leur existence peut être difficile à détecter. |
| **1.3.8.** Agengwa n'abayobozi ba Leta aho amabwiriza yabo agira ingaruka ku mahame y'ibaruramari amabanki akoresha. Kutubahiriza ibisabwa n'amabwiriza, urugero nk'ibisabwa byerekeye imari shingiro ikwiye, bishobora kugira ingaruka ku maraporo y'imari ya banki cyangwa ku bigomba kumenyekanishwa bifitanye isano na zo. | **1.3.8.** They are regulated by governmental authorities whose regulatory requirements influence the accounting principles that banks follow. Non-compliance with regulatory requirements, for example, capital adequacy requirements, could have implications for the bank's financial statements or the disclosures therein. | **1.3.8.** Elles sont réglementées par les autorités gouvernementales dont les exigences réglementaires influencent les principes comptables que les banques suivent. Le non-respect des exigences réglementaires, par exemple, les exigences du capital adéquat, pourraient avoir des implications sur les états financiers de la banque ou sur les informations y relatives. |
| **1.3.9.** Akora ubucuruzi bw'inyandiko z'urusobe zerekeye imari kandi zimwe zishobora gukenera kwandikwa ku gaciro kazo nyako muri raporo z'imari. Hakenewe rero gushyiraho igenagaciro rikwiye n'ibikurikizwa mu gucunga ibyateza ingorane. | **1.3.9.** They deal in complex financial instruments, some of which may need to be recorded at fair value in the financial statements. There is therefore need to establish appropriate valuation and risk management procedures. | **1.3.9.** Elles sont dans le commerce des instruments financiers complexes, dont certains peuvent avoir besoin d'être enregistrés à leur juste valeur dans les états financiers. Il est donc nécessaire d'établir l'évaluation et des procédures appropriées de gestion des risques. |
| Ireme ry'ibyo bikurikizwa riterwa n'agaciro k'ingamba n'icyitegererezo cy'imibare byatoranyijwe, no kubona amakuru ariho yerekeye amateka y'isoko kandi yizewe no kubika neza amakuru. | The effectiveness of these procedures depends on the appropriateness of the methodologies and mathematical models selected, access to reliable current and historical market information and the maintenance of data integrity. | L'efficacité de ces procédures dépend de la pertinence des méthodologies et des modèles mathématiques sélectionnés, l'accès aux informations historiques du marché fiable actuelles et le maintien de l'intégrité des données. |

| | | |
|---|---|---|
| **1.4.** Kuba Banki Nkuru irimo ishyiraho iyi Mirongo Ngenderwaho ku Igenzura ry'ibanze ntarengwa n'ibigenderwaho mu igenzura ku bagenzuzi b'imbere mu mabanki, ni ku mpamvu z'aya mateka y'akamaro kanini k'urwego rw'igenzura ry'imbere mu buryo bwo gucunga ibyateza ingorane mu bigo by'amabanki | **1.4.** It is against this background of the centrality of the internal audit function in the risk management process in banking institutions that the Central Bank is issuing these principles on Minimum control and audit Standards for Internal auditors of Banks. | **1.4.** C'est dans ce contexte de centralité de la fonction d'audit interne dans le processus de gestion des risques dans les établissements bancaires que la Banque Centrale émet ces principes sur le contrôle minimum et les normes minimales pour les auditeurs internes des banques. |
| **2.IKIGAMIJWE** | **2. PURPOSE** | **2 .OBJET** |
| **Amahame atanzwe mu rwego rwo guhuza n'ibigamijwe bikurikira**:<br><br>**2.1.** Kunoza ubuziranenge n'ireme by'urwego rw'igenzura ry'imbere;<br><br>**2.2.** Gusobanura akamaro, inshingano n'ibyo abagenzuzi b'imbere babazwa n'inama y'ubutegetsi, n'inzego zose z'ubuyobozi n'abagenzuzi bo hanze;<br><br>**2.3.** Gushyiraho imikorere ihujwe mu bugenzuzi bw'imbere yagenderwaho mu gutanga icyerekezo n'ingano y'ireme by'urwego rw'ubugenzuzi bw'imbere. | **The principles are issued to meet the following objectives:**<br><br>**2.1.** To improve the quality and effectiveness of the internal audit function;<br><br>**2.2.** To outline the role, duties and responsibilities of internal auditors to the board of directors, all levels of management and the external auditors;<br><br>**2.3.** To provide uniform practice on internal auditing which would serve as a benchmark for guidance and measurement of the effectiveness of the internal audit function. | **Les principes sont émis pour répondre aux objectifs suivants:**<br><br>**2.1.** Améliorer la qualité et l'efficacité de la fonction d'audit interne;<br><br>**2.2.** Décrire le rôle, les tâches et les responsabilités des auditeurs internes à l'égard du conseil d'administration, à tous les niveaux de la direction et aux auditeurs externes;<br><br>**2.3.** Fournir des pratiques uniformes en matière d'audit interne qui serviraient de point de repère pour orienter et mesurer l'efficacité de la fonction d'audit interne. |
| **3. INZITIZI** | **3. LIMITATIONS** | **3. LIMITATIONS** |
| **3.1.** Aya mahame ni yo agenderwaho muri rusange ku bagenzuzi b'imbere mu mabanki. Ntigamije gutanga umurongo wuzuye ku bibazo byose bishoboka cyangwa ku bintu birebana n'igenzura bikomeye abagenzuzi b'imbere | **3.1.** These principles serve as a general guide for internal auditors of banks. They are not intended to provide comprehensive discussion of all possible matters or situations of audit significance that the internal auditors may | **3.2.** Ces principes servent de guide général aux auditeurs internes des banques. Ils ne sont pas destinés à fournir une discussion complète de toutes les questions possibles ou des situations d'audit significatives que |




| | | |
|---|---|---|
| bashobora guhura na byo mu gihe bakora igenzura.<br>**3.2.** Imirongo ngenderwaho ntigenewe kuba ariyo yonyine gusa cyangwa kuvuga mu buryo burambuye intera z'igenzura zisabwa mu gukora igenzura muri buri murimo ukorwa na banki. Igenzura ry'imbere ryagombye kuyoborwa n'amatangazo yemewe atangwa n'ibigo byemewe bikora umwuga w'ibaruramamari n'ubugenzuzi. | encounter in the course of auditing.<br><br>**3.2.** The principles are also not meant to be exhaustive nor intended to provide detailed audit steps required to perform the audit of every operational area of bank. The internal audit shall be guided by the authoritative pronouncements issued by the relevant professional accounting and auditing bodies. | les auditeurs internes peuvent rencontrer au cours de l'audit.<br>**3.3.** Les lignes directrices ne sont pas aussi destinées à être exhaustives, ni à fournir des étapes d'audit détaillées nécessaires pour effectuer l'audit de chaque domaine opérationnel de la banque. L'audit interne devrait être guidé par les déclarations officielles émises par les institutions comptables professionnelles et d'audit. |
| **4. IMITUNGANYIRIZE Y'URWEGO RW'IGENZURA RY'IMBERE** | **4. ORGANIZATION OF THE INTERNAL AUDIT FUNCTION** | **4. ORGANISATION DE LA FONCTION D'AUDIT INTERNE** |
| **4.1. INCAMAKE**<br>Abagenzuzi b'imbere bafite akamaro kanini mu gufasha gushyiraho no gukomeza umwuka mwiza ushoboka werekeye igenzura ry'imbere mu mabanki yabo. Urwego rw'igenzura ry'imbere rutunganye ni ingenzi mu kugira imikorere ihamye yose hamwe mu byerekeye imari.<br><br>Hagomba kwitabwa ku mitunganyirize y'umurimo w'igenzura ry'imbere mu mabanki mu kugira ngo igenzura rikorwe uko bikwiye. | **4.1. OVERVIEW**<br>Internal auditors play an important functional role in helping to establish and maintain the best possible internal control environment at their banks. An effective internal audit function is crucial to ensure a sound financial system as a whole.<br><br>Important consideration has to be given to the organization of the internal audit function in the bank to ensure its effectiveness. | **4.1. SOMMAIRE**<br>Les auditeurs internes jouent un rôle fonctionnel important en assistant à établir et à maintenir l'environnement meilleur de contrôle interne possible au sein de leurs banques. Une fonction d'audit interne efficace est cruciale pour assurer un système financier solide dans son ensemble.<br><br>Une importante considération doit être accordée à l'organisation de la fonction d'audit interne dans la banque pour assurer son efficacité. |
| **4.2. KOMITE Y'INAMA Y'UBUTEGETSI ISHINZWE IGENZURA** | **4.2. BOARD AUDIT COMMITTEE** | **4.2. COMITE D'AUDIT DU CONSEIL** |
| **4.2.1. ABAGIZE KOMITE Y'INAMA Y'UBUTEGETSI ISHINZWE IGENZURA**<br><br>**4.2.1.1.** Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe igenzura igomba kuba igizwe n'abantu bigenga n'abandi bayobozi badashinzwe ibikorwa | **4.2.1 COMPOSITION OF BOARD AUDIT COMMITTEE**<br><br>**4.2.1.1.** A Board audit Committee shall be made up of independents and non-executive directors who must have experience in audit practices, | **4.2.1 COMPOSITION DU COMITE D'AUDIT DU CONSEIL**<br><br>**4.2.1.1.** Un comité d'audit du conseil d'administration est composé d'administrateurs indépendants et d'administrateurs non exécutifs |

| | | |
|---|---|---|
| bagomba kuba bafite uburambe mu mikorere y'igenzura, raporo z'imari n'ibaruramari. Abayobozi bigenga bagomba kuba bafite ubwiganze mu bagize komite y'igenzura. Komite y'igenzura, yose uko yakabaye, igomba kuba ifite ubumenyingiro n'ubumenyi bw'inararibonye buhuje n'imiterere ihambaye y'imitunganyirize y'imirimo y'amabanki ndetse n'imirimo igomba gukorwa.<br><br>**4.2.1.2.** Umuyobozi w'Inama y'ubutegetsi nta na rimwe agomba kuba umwe mu bagize komite y'igenzura, ariko ashobora gutumirwa akitabira inama igihe komite y'igenzura ibona ko ari ngombwa.<br>Amazina y'abagize komite y'igenzura atangazwa muri raporo ya buri mwaka.<br><br>**4.2.2. INSHINGANO ZA KOMITE Y'INAMA Y'UBUTEGETSI ISHINZWE IGENZURA** | financial reporting and accounting. Independent directors shall be the majority in the audit committee composition. The audit committee, as a whole, must possess a collective balance of skills and expert knowledge commensurate with the complexity of the banking organization and the duties to be performed.<br><br>**4.2.1.2.** The chair of the Board shall not be a member of the audit committee at all, but may be invited to attend meetings as deemed necessary by the audit committee.<br><br>Membership of the audit committee shall be disclosed in the annual report.<br><br>**4.2.2 RESPONSIBILITIES OF BOARD AUDIT COMMITTEE** | qui doivent avoir une expérience des pratiques d'audit, des rapports financiers et de la comptabilité. Les administrateurs indépendants constituent la majorité des membres du comité d'audit. Le comité d'audit, dans son ensemble, doit posséder un équilibre collectif de compétences et de connaissances spécialisées à la mesure de la complexité de l'organisation bancaire et des tâches à accomplir.<br><br>**4.2.1.2.** Le président du Conseil ne doit pas du tout être membre du comité d'audit, mais peut être invité à assister aux réunions que le comité de d'audit juge nécessaires.<br><br>La composition du comité d'audit sera indiquée dans le rapport annuel.<br><br>**4.2.2. RESPONSABILITES DU COMITE D'AUDIT DU CONSEIL** |
| **4.2.2.1.** Inshingano z'ibanze za komite y'igenzura zikubiyemo, ariko ntizigarukira gusa, ku zikurikira :<br><br>**a.** Kugena politiki yerekeye igenzura ry'imbere na raporo z'imari ;<br><br>**b.** Kugenzura uburyo bw'itegurwa rya raporo z'imari no gusuzuma inyandiko y'ibaruramari mbere y'uko itangazwa, harimo n'inyandiko nsobanurampamvu, raporo y'imicungire na raporo y'umugenzuzi wo hanze ; | **4.2.2.1.**The primary responsibilities of the Audit Committee shall include, but not limited to the following:<br><br>**a.** Framing policy on internal audit and financial reporting, among other things;<br><br>**b.** Overseeing the financial reporting process and review the financial statement prior to its publication, including the explanatory notes, the management report and the external auditor report; | **4.2.2.1.** Les principales responsabilités du comité d'audit doivent comprendre, sans s'y limiter, les suivantes:<br><br>**a.** Elaborer la politique relative à l'audit interne et aux rapports financiers, entre autres<br><br>**b.** Superviser le processus des rapports financiers et examiner les états financiers avant leur publication, y compris les notes explicatives, le rapport de la direction et le rapport de l'auditeur externe; |

| | | |
|---|---|---|
| **c.** Gusuzuma amagenzura y'imbere harimo ibirebwa na gahunda y'igenzura ry'imbere, ibyagezweho mu igenzura ry'imbere, no gusaba ko hagira ingamba zifatwa n'ubuyobozi ; | **c.** Review internal controls, including the scope of the internal audit program, the internal audit findings, and recommend action to be taken by management; | **c.** Examiner les contrôles internes, y compris la portée du programme d'audit interne, les résultats de l'audit interne et recommander les mesures à prendre par la direction. |
| **d.** Gukora igenzura no gufashanya n'abagenzuzi b'imbere n'abo hanze ba banki ; | **d.** Provide oversight of and interacting with the bank's internal and external auditors; | **d.** Superviser et interagir avec les auditeurs internes et externes de la banque; |
| **e.** Gusaba inama y'ubutegetsi cyangwa abanyamigabane, ko bemeza, ishyirwaho, ibihembo n'isezerwa ry'abagenzuzi bo hanze ; | **e.** Recommend to the board or shareholders, for their approval, the appointment, remuneration and dismissal of external auditors; | **e.** Recommander au conseil d'administration ou aux actionnaires, pour approbation, la nomination, la rémunération et la révocation des auditeurs externes; |
| **f.** Gusuzuma no kwemeza ibirebwa n'igenzura n'inshuro rikorwa ; | **f.** Review and approve the audit scope and frequency; | **f.** Examiner et approuver l'étendue et la fréquence des audits; |
| **g.** Gukurikirana no gusesengura ubwigenge bw'umugenzuzi wo hanze, nibura buri mwaka, hitabwa ku bisabwa mu kuboneza umurimo ndetse no kubahiriza amabwiriza ; | **g.** Monitor and assess the independence of the external audit, at least annually, taking into consideration relevant professional and regulatory requirements; | **g.** Surveiller et évaluer l'indépendance de l'audit externe, au moins une fois par an, en tenant compte des exigences professionnelles et réglementaires pertinentes. |
| **h.** Gukurikirana no gusesengura ireme ry'amagenzura y'imbere n'ayo hanze, harimo kugenzura uko banki yubahiriza amategeko, amabwiriza na politiki n'uburyo bukurikizwa imbere mu kigo ; | **h.** Monitor and asses the effectiveness of the internal and external audits, including the verification of the bank's compliance with laws, regulations and internal policies and procedures; | **h.** Surveiller et évaluer l'efficacité des audits internes et externes, y compris la vérification de la conformité de la banque aux lois, règlements et politiques et procédures internes; |
| **i.** Kwakira raporo z'ingenzi z'igenzura no kureba ko abayobozi bo ku rwego rwo hejuru bafata ingamba za ngombwa zo gukosora ku gihe ibitagenda neza mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'ahagaragara intege nke mu igenzura, kutubahiriza politiki, amategeko n'amabwiriza n'ibindi bibazo byagaragajwe n'abagenzuzi | **i.** Receiving key audit reports and ensuring that senior management is taking necessary corrective actions in a timely manner to address control weaknesses, non-compliance with policies, laws and regulations, and other problems identified by auditors and other control functions; | **i.** Recevoir les rapports d'audit clés et s'assurer que les cadres dirigeants prennent les mesures correctives nécessaires en temps utile pour remédier aux faiblesses du contrôle, au non-respect des politiques, lois et règlements et aux autres problèmes identifiés par les auditeurs et les autres fonctions de |

| | | |
|---|---|---|
| n'izindi nzego z'ubugenzuzi ; | | contrôle; |
| **j.** Kugenzura ko banki ishyiraho politiki n'imikorere bigenga ibaruramari ; | **j.** Overseeing the establishment of accounting policies and practices by the bank; | **j.** Superviser la mise en place de politiques et pratiques comptables par la banque; |
| **k.** Gusuzuma ibitekerezo by'abandi bantu ku miterere n'ireme ry'imicungire y'ibyateza ingorane byose na gahunda n'uburyo bukoreshwa mu igenzura ry'imbere ; | **k.** Review the third-party opinions on the design and effectiveness of the overall risk governance framework and internal control system; | **k.** Examiner les opinions des tiers sur la conception et l'efficacité du cadre global de gouvernance des risques et du système de contrôle interne; |
| **l.** Gukurikirana imyitwarire mbonezamurimo mu kigo no gusuzuma itegurwa ry'ibipimo ngenderwaho mu kuboneza umurimo n'ibisabwa, harimo ireme ry'uburyo bukoreshwa mu gukemura ibibazo no gutanga za raporo ; | **l.** Monitoring the ethical conduct of the institution and consider the development of ethical standards and requirements, including effectiveness of procedures for handling and reporting complaints; | **l.** Surveiller le comportement éthique de l'institution et envisager l'élaboration de normes et des exigences éthiques, y compris l'efficacité des procédures pour traiter et signaler des plaintes; |
| **m.** Gusuzuma imikoranire y'urundi ruhande rufitanye isano ishobora kugaragara hagati yarwo na banki ; | **m.** Reviewing any related party transactions that may arise with the bank; | **m.** Examiner toutes les transactions entre parties liées pouvant survenir avec la banque; |
| **n.** guhanahana neza amakuru n'abagenzuzi bigenga kugira ngo abagenzuzi babashe kugera ku nshingano zabo zo gukurikirana no kunoza ireme ry'igenzura. | **n.** Ensuring effective communication with the external auditor to enable the audit committee to carry out its oversight responsibilities and to enhance the quality of the audit. | **n.** veiller à ce qu'il y ait une communication efficace avec l'auditeur externe pour permettre au comité d'audit de s'acquitter de ses responsabilités de surveillance et améliorer la qualité de l'audit. |
| Komite y'igenzura igomba gutegeka umugenzuzi wo hanze kuyiha raporo ku bibazo byose biyerekeye. | The Audit Committee must require the external auditor to report to it on all relevant matters. | Le Comité d'audit doit obliger l'auditeur externe à lui faire rapport sur toutes les questions pertinentes. |
| **4.3. UBWIGENGE** | **4.3. INDEPENDENCE OF INTERNAL AUDITORS** | **4.3. INDEPENDANCE** |
| **4.3.1** Ubwigenge bw'abagenzuzi b'imbere ni ikintu cy'ibanze gisabwa cy'ingirakamaro kugira ngo igenzura rikwiye rikorwe kandi | **4.3.1** The independence of internal auditors is an important prerequisite for the proper conduct of audits so as to render impartial | **4.3.1.** L'indépendance des auditeurs internes est une condition préalable essentielle pour la bonne conduite des audits en vue de la prise |

| | | |
|---|---|---|
| hatangwe inama zitabogamye. | judgments. | des décisions impartiales. |
| **4.3.2** Imitunganyirize n'imiterere ya za raporo by'urwego rw'igenzura ry'imbere bigomba kureba ko umurimo wigenga mu buryo butandukanye n'imikorere y'igenzura ry'imbere rya buri munsi. Ibi bisobanura ko igenzura ry'imbere rifite urwego rukwiye muri banki kandi rikora inshingano zaryo nta marangamutima kandi ritabogamye. | **4.3.2** The organization and reporting structure of the internal audit function shall ensure that the function is independent from the everyday internal control process. This means that internal audit is given an appropriate standing within the bank and carries out its assignments with objectivity and impartiality. | **4.3.2.** L'organisation et la structure hiérarchique de la fonction d'audit interne doivent garantir que cette fonction est indépendante du processus de contrôle interne quotidien. Cela signifie que l'audit interne jouit d'un statut approprié au sein de la banque et s'acquitte de ses tâches avec objectivité et impartialité. |
| **4.3.3** Ishami ry'Igenzura ry'imbere ryagombye kuba rishoboye kuzuza inshingano zaryo ribyibwirije mu mashami yose, mu maserivisi no mu mirimo ya banki. Rigomba kwisanzura mu kwerekana ibyo ryabonye no kubimenyekanisha imbere. | **4.3.3** The internal audit department shall be able to exercise its assignment on its own initiative in all departments, establishments and functions of the bank. It must be free to report its findings and appraisals and to disclose them internally. | **4.3.3.** Le département d'audit interne devrait pouvoir exercer sa mission de sa propre initiative dans tous les départements, les services, et les fonctions de la banque. Il doit être libre de communiquer ses constatations et évaluations et de les communiquer en interne. |
| **4.3.4** Ihame ry'ubwigenge risaba ko ukuriye ishami ry'igenzura ry'imbere aba afite ububasha bwo kuvugana, abyibwirije, mu buryo butaziguye, n'Inama y'Ubutegetsi, n'Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi, na Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura cyangwa n'abagenzuzi bo hanze iyo ari ngombwa, hakurikijwe ibivugwa mu mahame y'igenzura. | **4.3.4** The principle of independence entails that the head of the internal audit department has the authority to communicate directly on his/her own initiative, to the board, the chairman of the board of directors, board audit committee or the external auditors where appropriate, according to the provisions of the audit charter. | **4.3.4.** Le principe d'indépendance implique que le chef du département d'audit interne ait le pouvoir de communiquer directement, de sa propre initiative, avec le conseil d'administration, le président du conseil d'administration, le comité d'audit du conseil ou aux auditeurs externes, le cas échéant, conformément aux dispositions de la charte d'audit. |

| | | |
|---|---|---|
| **4.3.5. IMITERERE YA ZA RAPORO Z'IGENZURA RY'IMBERE** | **4.3.5 INTERNAL AUDIT REPORTING STRUCTURE.** | **4.3.5. STRUCTURE DES RAPPORTS D'AUDIT INTERNE.** |
|  |  |  |
| Umukuru w'urwego rw'igenzura ry'imbere agomba guha raporo Umuyobozi Mukuru ku byerekeye raporo z'ubuyobozi na Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura ku byerekeye raporo zijyanye n'inshingano. | The Head of Internal audit function shall report administratively to Chief Executive officer for and functionally to Board Audit committee for. | Le responsable de la fonction d'audit interne devrait rendre compte au Directeur Général pour les rapports administratifs et au Comité d'Audit du Conseil pour les rapports fonctionnels. |
| **4.3.6.** Umwanya w'Ishami ry'igenzura ry'imbere mu miterere y'inzego zose za banki ugomba kuba uhagije kandi utandukanye kugira ngo bitume abagenzuzi b'imbere bakora ibyo bagamije mu igenzura. Abagenzuzi b'imbere bagomba kugira inkunga y'ubuyobozi kugira ngo habe ubufatanye n'ugenzurwa no kurangiza akazi kabo nta kwivanga.<br><br>**4.3.7.** Abagenzuzi b'imbere bagomba kugera nta nzitizi ku nyandiko, ku mitungo, ku bakozi ba banki | **4.3.6** The status of the internal audit department within a bank's overall organizational structure shall be sufficient and distinct to permit the internal auditors to accomplish their audit objectives. Internal auditors shall have the support of the management in order to gain the cooperation of the auditee and to perform their work free from interference.<br><br>**4.3.7.** Internal auditors shall have unrestricted access to the bank's records, assets, personnel and | **4.3.6** L'état du département d'audit interne au sein de l'ensemble de la structure organisationnelle d'une banque devrait être suffisant et distinct pour permettre aux auditeurs internes d'atteindre leurs objectifs d'audit. Les auditeurs internes devraient avoir le soutien de la direction en vue de la coopération de l'entité auditée et d'effectuer leur travail sans interférence.<br><br>**4.3.7** Les auditeurs internes doivent avoir un accès illimité aux rapports de la banque, aux |

| | | |
|---|---|---|
| n'ahantu hakenewe mu gukora igenzura mu buryo bukwiye. Inzitizi yose igomba kumenyeshwa vuba Komite y'Igenzura mu nyandiko kugira ngo ibikemure ifatanyije n'ubuyobozi. | premises which are necessary for the proper conduct of the audit. Any restriction shall be promptly communicated in writing to the Audit Committee for the latter to resolve with the management. | avoirs, au personnel et aux locaux nécessaires pour le bon déroulement de l'audit. Toute restriction doit être communiquée rapidement par écrit au comité d'audit pour que ce dernier décide avec la direction. |
| **4.4. KUTAGIRA AMARANGAMUTIMA**<br>**4.4.1.** Kutagira amaragamutima ni indanga-mitekerereze yigenga ituma abagenzuzi b'imbere biga, bavuga icyo batekereza kandi batanga umwanzuro nta kubogama.<br><br>**4.4.2.** Abagenzuzi b'imbere bagomba nibura kubahiriza amahame akurikira:<br><br>a) Kwirinda kuba mu byabangamira inyungu z'umurimo byaturuka mu mikoranire mu kazi cyangwa mu mibanire y'umuntu bwite mu kigo cyangwa ku murimo urimo ukorerwa igenzura;<br><br>b) Kutayobora cyangwa kudashingwa ishami cyangwa umurimo urimo ukorerwa igenzura;<br><br>c) Ntibagomba gushyirwa mu igenzura ry'ahakorerwa ibikorwa bigeze gukoramo mu gihe batari abagenzuzi kugeza igihe igenzura ryigenga rirangiye muri icyo gihe ;<br><br>d) Gukora gusa mu bubasha bwo gutanga inama mu gihe hatangwa inama isaba ko hakorwa igenzura | **4.4. OBJECTIVITY**<br><br>**4.4.1.** Objectivity is an independent mental attitude which would enable the internal auditors to exercise judgment, express opinions and present recommendations with impartiality.<br><br>**4.4.2.**The internal auditors shall at least observe the following principles:<br><br>a) avoid any conflict of interest situation arising either from their professional or personal relationships in an organization or activity which is subject to audit;<br><br>b) Have no authority or responsibility over any unit or activity that is being audited<br><br>c) Shall not be assigned to audit operational areas which they were previously involved as non-audit staff until an independent audit has been conducted during the intervening period;<br><br>d) Act only in advisory capacity when recommending controls on new systems or | **4. 4. OBJECTIVITÉ**<br><br>**4.4.1**. L'objectivité est une attitude mentale indépendante qui permettrait aux auditeurs internes de prendre une décision, exprimer des opinions et de présenter des recommandations en toute impartialité.<br><br>**4.4.2.** Les auditeurs internes doivent au moins respecter les principes suivants:<br><br>a) éviter toute situation de conflit d'intérêts résultant soit de leurs relations professionnelles ou personnelles au sein d'une organisation ou d'une activité faisant l'objet d'un audit;<br><br>b) n'avoir aucune autorité ou responsabilité sur une unité ou activité qui fait l'objet d'audit;<br><br>c) ne devraient pas être affectés à l'audit des secteurs opérationnels dans lesquels ils étaient auparavant impliqués en tant que agent non-auditeur jusqu'à ce qu'un audit indépendant ait été réalisé pendant la période en cours;<br><br>d) Agir uniquement en qualité de conseiller en vue de recommander des contrôles sur les |

| | | |
|---|---|---|
| ku buryo bushya cyangwa hasubirwamo ibikurikizwa mbere yo kubishyira mu bikorwa. | reviewing procedures prior to their implementation. | nouveaux systèmes ou revoir les procédures avant leur mise en exécution. |
| **4.4.3.** Umurimo w'igenzura ry'imbere ugomba gukorerwa isuzuma ryigenga rikozwe n'umuntu wigenga. Uyu murimo ushobora gukorwa n'umugenzuzi wo hanze cyangwa Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura buri mwaka cyangwa mu gihe ari ngombwa. | **4.4.3.** The internal audit function must be subject to an independent review by an independent party. This function can be carried out by an external auditor or the Board Audit Committee on annual basis or when deems necessary. | **4.4.3.** La fonction d'audit interne doit être soumise à un examen indépendant par un tiers indépendant. Cette fonction peut être exercée par un auditeur externe ou par le Comité d'audit du Conseil sur une base annuelle ou lorsque cela est jugé nécessaire. |
| **5. UBUSHOBOZI MU KAZI** | **5. PROFESSIONAL PROFICIENCY** | **5. COMPETENCE PROFESSIONNELLE** |
| **5.1.** Imikorere nyayo y'umurimo w'igenzura ry'imbere iterwa ahanini n'ubuziranenge, amahugurwa n'uburambe bw'abakozi b'igenzura. Ubushobozi ku kazi busuzumwa hitabwaho imiterere y'umumaro n'ubushobozi bw'umugenzuzi mu gutara amakuru yo kwiga, gusuzuma, no gutanga. | **5.1.** The effectiveness of the internal audit function depends substantially on the quality, training and experience of the audit staff. Professional competence is assessed taking into account the nature of the role and the auditor's capacity to collect information to examine, to evaluate and to communicate. | **5.1.** L'efficacité de la fonction d'audit interne dépend essentiellement de la qualité, de la formation et de l'expérience du personnel d'audit. La compétence professionnelle est évaluée en tenant compte de la nature du rôle et de la capacité de l'auditeur de recueillir des informations à examiner, à évaluer et à communiquer |
| **5.2.** Muri urwo rwego, hitabwa ku bushobozi bw'umugenzuzi bwo kumva urusobe rw'ubuhanga bwiyongera mu mirimo ya banki n'imirimo inyuranye yiyongera isaba gukorwa n'ishami ry'igenzura ry'imbere bikurikira iterambere mu rwego rw'imari. | **5.2.** In this respect cognizance is taken of the ability of the auditor to understand the growing technical complexity of bank's activities and the increasing diversity of tasks that need to be undertaken by the internal audit department as a result of developments in the financial sector. | **5.2.** A cet égard, l'accent est mis sur la capacité de l'auditeur à comprendre la complexité technique croissante des activités de la banque et de la diversité croissante des tâches qui doivent être entreprises par le département d'audit interne à la suite du développement du secteur financier. |
| **5.3. IBITUMA UMURIMO W'IGENZURA UKORWA** | **5.3. RESOURCES** | **5.3. RESSOURCES** |
| **5.3.1.** Umukuru w'urwego rw'igenzura abyumvikanyeho n'Umuyobozi Mukuru, bafata icyemezo ku mutungo usabwa wa ngombwa ku ishami ry'igenzura ry'imbere hitawe ku ngano n'urusobe | **5.3.1.** The head of internal audit, in consultation with the CEO, shall decide on the right resources required for the internal audit department taking into consideration the size and complexity of | **5.3.1.** Le chef de l'unité d'audit interne, en concertation avec le Directeur Général, doit décider sur les ressources nécessaires pour le fonctionnement du département d'audit interne, en |

| | | |
|---|---|---|
| rw'ibikorwa bya banki. Umubare w'ibikenewe ugomba kuba usobanuye kandi ukemerwa na Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura. | operations of the bank. The level of the resources required shall be justified and endorsed by the Board Audit Committee. | tenant compte de la taille et de la complexité des opérations de la banque. La quantité des ressources nécessaires devrait être justifiée et approuvée par le Comité d'audit du Conseil. |
| **5.3.2**. Umukuru w'ishami ry'igenzura ry'imbere agomba gushyiraho ibigenderwaho bikwiye mu gushaka abakozi b'igenzura ry'imbere. Imikorere nyayo y'umurimo w'igenzura ry'imbere ushobora kunozwa n'ikoreshwa ry'abakozi bafite ubumenyi muri byo cyangwa abahanga batanga inama by'umwihariko ahantu hasaba ubuhanga buhanitse, urugero mu Ikoranabuhanga (IT) no mu bicuruzwa bishya bikozwe mu sentetiki. | **5.3.2.** The head of internal audit must establish suitable criteria for the recruitment of the internal audit staff. The effectiveness of the internal audit function may be enhanced by the use of specialist staff or consultants, particularly in highly technical areas e.g. Information Technology (I.T) and new complex synthetic products. | **5.3.2** .Le chef du département d'audit interne doit établir des critères appropriés pour le recrutement du personnel d'audit interne. L'efficacité de la fonction d'audit interne peut être améliorée par l'utilisat on de personnel spécialisée ou des consultats, en particulier dans des domaines hautemet techniques, par exemple la Technologie de l'Information (TI) et les nouveaux produits synthétiues complexes. |
| **5.4. UBUMENYI, UBUHANGA, UBURAMBE MU KAZI N'UBUSHOBOZI** | **5.4. QUALIFICATION, KNOWLEDGE, EXPERIENCE AND SKILLS** | **5.4. QUALIFICATION, CONNAISSANCES, EXPERIENCE ET COMPETENCES** |
| **5.4.1.** Umugenzuzi w'Imbere Mukuru cyangwa Umukuru w'Urwego rw'igenzura ry'imbere bagomba kugira impamyabushobozi mu igenzura ry'imbere, ACCA, CPA, cyangwa impamyabushobozi bisa nibura y'imyaka itatu y'uburambe mu mwanya y'ubuyobozi mu bigo by'imari cyangwa mu masosiyete akora igenzura cyangwa ibigo bifitanye isano. | **5.4.1.** The Chief Internal Auditor or Head of internal audit function shall be a holder of professional certification in internal auditing, ACCA, CPA or similar certification and at least three years of experience in managerial positions in financial institution or auditing firms or related institutions. | **5.4.1.** L'Auditeur Interne en Chef ou le chef de la fonction d'audit interne doit être titulaire d'un certificat professionnel en audit interne, d'une certification ACCA, CPA, ou d'une certification similaire et d'au moins trois ans d'expérience à des postes de direction dans une institution financière, un cabinet d'audit ou une institution apparentée. |
| **5.4.2.** Abagenzuzi b'imbere bagomba kuba bashoboye gushyira mu bikorwa amahame yemejwe n'ibigenderwaho mu ibaruramari, ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza n'imirongo ngenderwaho bitangwa na Banki Nkuru y'u Rwanda n'abandi bayobozi, n'andi mabwiriza atangwa | **5.4.2.** Internal auditors shall be proficient in applying approved auditing principles and accounting standards, legal and regulatory requirements, directives and guidelines issued by National the Bank of Rwanda and other authorities, and other rules and regulations issued | **5.4.2.** Les auditeurs internes doivent être capables d'appliquer les principes d'audit et des normes comptables approuvées, les exigences légales et réglementaires, les directives et lignes directrices édictées par la Banque Nationale du Rwanda et d'autres autorités, ainsi que d'autres règles et |

| | | |
|---|---|---|
| n'amashyirahamwe bireba yo mu rwego rw'amabanki. | by the relevant associations of banking industry. | règlements édictés par les associations du secteur bancaire concernées. |
| **5.5. IKURIKIRANA**<br><br>**5.5.1** Ikurikirana ni inzira ihoraho guhera ku igenamigambi kugera igihe ikigamijwe n'igenzura kirangiye. Umukuru w'igenzura ry'imbere abazwa igenzura ryakozwe n'abo akuriye.<br><br>Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba kureba ko ibigamijwe n'igenzura byagenwe muri gahunda y'igenzura yemewe byagezweho.<br><br>**5.5.2.** Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba kwerekana ibintu byagaragaye bikomeye mu igenzura hamaze gusuzumwa imimerere n'urusobekerane byayo. | **5.5. SUPERVISION**<br><br>**5.5.1.** Supervision is a continuing process from planning to the conclusion of the audit assignment. The head of internal audit is responsible for the audit performed by his/her subordinates.<br><br>The head of internal audit shall ensure that the audit objectives stated in the approved audit program have been achieved.<br><br>**5.5.2**. The head of internal audit shall set milestones for each audit assignment after considering its nature and complexity. | **5.5. SUPERVISION**<br><br>**5.5.1.** La supervision est un processus continu depuis la planification jusqu'à la conclusion de la mission d'audit. Le chef du département d'audit interne est responsable de l'audit effectué par ses subordonnés.<br><br>Le chef du département d'audit interne doit s'assurer que les objectifs d'audit énoncés dans le programme d'audit approuvé ont été atteints.<br><br>**5.5.2.** Le chef du département d'audit interne doit marquer les points saillants pour chaque mission d'audit après avoir examiné sa nature et sa complexité. |
| **5.6. IMYITWARIRE IJYANYE N'UMWUGA** | **5.6. PROFESSIONAL ETHICS** | **5.6. ETHIQUE PROFESSIONNELLE** |
| **5.6.1.** Abagenzuzi b'imbere bagomba igihe cyose gukorana ubuhanga umwuga usaba iyo bakora imirimo n'inshingano byabo. Bagomba gukora akazi kabo mu buryo bwigenga, nta marangamutima, mu buryo bujyanye n'umwuga kandi mu cyizere gisesuye. Abagenzuzi b'imbere bagomba nabo ubwabo kugendera ku myitwarire ihanitse igenderwaho no kwirinda kujya mu byabangamira inyungu mu kazi.<br><br>**5.6.2.** Abagenzuzi b'imbere basabwa kugira ibanga mu buryo budasubirwaho rijyana n'amakuru yose babonye mu kazi kabo kandi ntibagomba gukoresha | **5.6.1.** Internal auditors shall at all times exercise due professional care when discharging their duties and responsibilities. They shall carry out their work independently, objectively, professionally and with utmost good faith. Internal auditors shall subject themselves to the highest ethical standards and avoid any conflict of interest situation.<br><br>**5.6.2.** Internal auditors are required to maintain strict confidentiality with regard to all information obtained in the course of their work and must not | **5.6.1**. Les auditeurs internes doivent à tout moment exercer la diligence professionnelle dans l'exercice de leurs fonctions et de leurs responsabilités. Ils doivent effectuer leur travail de manière indépendante, objective, professionnelle et avec bonne foi. Les auditeurs internes doivent se soumettre aux normes éthiques les plus élevées et éviter toute situation de conflit d'intérêts.<br><br>**5.6.2.** Les auditeurs internes sont tenus de respecter une stricte confidentialité de toute information obtenue dans le cadre de travail et ne |

| | | |
|---|---|---|
| amakuru yihariye mu nyungu zabo bwite. Bagomba kubahiriza ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza n'imirongo ngenderwaho byatanzwe na Banki Nkuru y'u Rwanda n'abandi bayobozi, n'amabwiriza yandi ashyirwaho n'amashyirahamwe yo mu rwego rw'amabanki. | use any privileged information for personal gain. They shall comply with legal and regulatory requirements, directives and guidelines issued by National Bank of Rwanda and other authorities, and other rules and regulations issued by the relevant associations of banking industry. | peuvent pas utiliser toutes les informations privilégiées à des fins personnelles. Ils devraient se conformer aux exigences légales et réglementaires, directives et lignes directrices édictées par la Banque Nationale du Rwanda et d'autres autorités, ainsi que d'autres règles et règlements édictées par les associations du secteur bancaire concernées. |
| **5.7. AMAHUGURWA**<br><br>**5.7.1.** Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura ifite inshingano zo kureba ko abakozi b'igenzura ry'imbere babona amahugurwa kugira ngo bakore umurimo w'igenzura. Hagombye kubaho gahunda yo kwiga n'amahugurwa bituma abagenzuzi b'imbere bakurikira ibyerekezo n'iterambere byerekeye ubucuruzi kimwe no kongera no gukomeza ubumenyi bwabo mu byerekeye tekinike.<br><br>**5.7.2.** Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba kureba ko amahugurwa ahabwa abakozi bashya bakurikiranwa n'abagenzuzi b'imbere babifitiye ubumenyi n'uburambe. | **5.7.TRAINING**<br><br>**5.7.1.** The Board Audit Committee has a responsibility to ensure that the internal audit staff receives the necessary training to perform the audit work. There shall be a program of continuing education and training to enable internal auditors to keep abreast with business trends and developments as well as to upgrade and enhance their technical skills.<br><br>**5.7.2.** The head of internal audit shall ensure that the job training is provided to new recruits under the supervision of competent and experienced internal auditors. | **5.7. FORMATION**<br><br>**5.7.1.** Le comité d'audit du conseil a la responsabilité de veiller à ce que le personnel d'audit interne bénéficie de la formation nécessaire pour effectuer le travail d'audit. Il devrait y avoir un programme de formation continue pour permettre aux auditeurs internes de se tenir au courant des tendances et des développements d'affaires que pour améliorer et renforcer leurs compétences techniques.<br><br>**5.7.2.** Le responsable de l'audit interne doit s'assurer que la formation est dispensée aux nouvelles recrues travaillant sous la supervision des auditeurs internes compétents et expérimentés. |
| **6. IMIBANIRE N'IHEREREKANYAMAKURU** | **6. RELATIONSHIP AND COMMUNICATION** | **6. RELATION ET COMMUNICATION** |
| **6.1.** Abagenzuzi b'imbere bagomba kugira imikoranire y'akazi yubaka kandi bagahora bakorana n'ubuyobozi, abagenzuzi bo hanze na Banki Nkuru y'u Rwanda kandi bakagirana buri gihe n'abagenzuzi bo hanze inama ku bibazo bahuriyeho | **6.1.** Internal auditors shall have a constructive working relationship and be in constant communication with management, external auditors and the National Bank of Rwanda and regular meetings shall be held with the external | **6.1.** Les auditeurs internes doivent entretenir des relations de travail constructives et être en communication constante avec la direction, les auditeurs externes et la Banque Nationale du Rwanda et devraient tenir régulièrement des |

| | | |
|---|---|---|
| nk'igenamigambi ry'igenzura, ibyihutirwa mu igenzura n'ingano yayo mu rwego rwo kwirinda gushyira ingufu ahantu hamwe inshuro ebyiri. | auditors on areas of common concerns such as audit planning, audit priorities and scope to avoid duplication of effort. | réunions avec les auditeurs externes sur les problèmes communs tels que la planification des audits, les priorités d'audit et la portée pour éviter la duplication des efforts. |
| **6.2**. Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba gukurikirana ingamba zose zikosora zafashwe n'ubuyobozi bisabwe na Banki Nkuru y'u Rwanda ku nzego zose iyo ingamba zikosora zitafashwe. | **6.2.** The head of internal audit shall monitor all corrective actions taken by the management with regard to National Bank of Rwanda at any instances where corrective actions have not been taken. | **6.2.** Le chef du département d'audit interne doit faire le suivi de toutes les mesures correctives prises par la direction à l'égard de la Banque Nationale du Rwanda, à tous les niveaux lorsque les mesures corrective n'ont pas été prises. |
| **7. IMIYOBORERE Y'IGENZURA NO KWIFASHISHA ABANDI BANTU MU BIKORWA BY'IGENZURA RY'IMBERE**<br><br>**7.1.** Ishami ry'igenzura ry'imbere rigomba kugira amahame y'igenzura, igitabo cy'imikorere y'igenzura, gahunda y'igenzura n'ibibazo bibazwa mu igenzura ry'imbere. Nubwo izi nyandiko zishobora kwitwa amazina atandukanye kandi zigatandukana mu bizigize, ihame ribihuza ni uko zikoreshwa ku mpamvu zateganyijwe.<br><br>**7.2.** Banki igomba gusohoza ibikorwa by'igenzura ry'imbere yifashishije abakozi bayo bwite. Icyakora, kwifashisha abandi bantu mu bikorwa by'igenzura ry'imbere, hatarimo umurimo w'igenzura, ku buryo buciriritse kandi bugamije intego, bishobora kuzanira inyungu amabanki nko kugezwaho ubunararibonye bw'inzobere n'ubumenyi bw'inshingano z'igenzura ry'imbere igihe nta bunararibonye buboneka mu rwego rw'umurimo w'igenzura ry'imbere. Kwifashisha abandi bantu bishobora kandi kugira ibyo byoroshya | **7. AUDIT GOVERNANCE AND OUTSOURCING OF INTERNAL AUDIT ACTIVITIES**<br><br>**7.1.** The internal audit shall have an audit charter, audit manual, audit program and internal control questionnaires in place. Although these documents may be called by different names and differ in comprehensiveness, the underlying principle is that they serve the intended purpose.<br><br>**7.2.** A bank shall perform internal audit activities using their own staff. However, outsourcing of internal audit activities, but not the function, on a limited and targeted basis can bring benefits to banks such as access to specialised expertise and knowledge for an internal audit engagement where the expertise is not available within the internal audit function. Outsourcing could also alleviate temporary resourcing constraints which might otherwise jeopardise the execution of the audit plan. Banks shall be able to explain the | **7. GOUVERNANCE DE L'AUDIT ET SOUS-TRAITANCE DES ACTIVITÉS D'AUDIT INTERNE**<br><br>**7.1.** Le département d'audit interne devrait disposer d'une charte d'audit, d'un manuel d'audit, d'un programme d'audit et de questionnaires de contrôle interne. Bien que ces documents puissent être appelés de différentes manières et varient en intégralité, le principe sous-jacent est qu'ils servent le but recherché.<br><br>**7.2.** Une banque doit effectuer des activités d'audit interne en utilisant son propre personnel. Cependant, la sous-traitance des activités d'audit interne, mais pas de la fonction, sur une base limitée et ciblée peut apporter des avantages aux banques, tels que l'accès à une expertise et à des connaissances spécialisées pour une mission d'audit interne lorsque l'expertise n'est pas disponible au sein de la fonction d'audit interne. La sous-traitance pourrait également atténuer les problèmes temporaires |

| | | |
|---|---|---|
| by'agateganyo. Mu gihe hari impungenge zishingiye ku guha undi muntu imirimo mu gihe bishobora kubangamira ishyirwamubikorwa rya gahunda y'igenzura, Banki isobanura impamvu yo gutanga uwo murimo ku wundi muntu. | reasons for outsourcing specific internal audit activities**.** | des contraintes de ressources qui pourraient autrement compromettre l'exécution du plan d'audit. Les banques devraient être en mesure d'expliquer les raisons d'externalisation d'activités d'audit internes spécifiques. |
| **7.3.** Amabanki agomba kubasha gusobanura impamvu yifashisha abandi bantu mu bikorwa byihariye by'igenzura ry'imbere. | **7.3**. Banks shall be able to explain the reasons for outsourcing specific internal audit activities. | **7.3.** Les banques devraient être en mesure d'expliquer les raisons de la sous-traitance d'activités d'audit internes spécifiques. |
| **7.4.** Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba kureba ko ba rwiyemezamirimo bifashisha abandi bantu mu mirimo bubahiriza amabwiriza ari mu mahame y'igenzura ry'imbere rya banki. Kugira ngo bakomeze kwigenga, ni ngombwa kureba ko rwiyemezamirimo atigeze mbere yifashishwa mu nshingano zo gutanga inama mu rwego rumwe muri banki keretse iyo hashize igihe kirekire gihagije ngo bibe byaratekerejweho. Nyuma yaho, izo mpuguke zagize uruhare mu nshingano y'igenzura ry'imbere ntizigomba guha serivisi z'ubujyanama urwego rwa banki baheruka gukorera igenzura. Ikindi kandi, nk'imikorere ihamye, amabanki ntiyagombye kwifashisha isosiyete yabo y'igenzura ryo hanze mu bikorwa by'igenzura ry'imbere. | **7.4.** The head of internal audit shall ensure that all outsourcing in the bank comply with the principles of the bank's internal audit charter. To preserve independence, it is important to ensure that the supplier has not been previously engaged in a consulting engagement in the same area within the bank unless a reasonably long "cooling-off" period has elapsed. Subsequently, those experts who participated in an internal audit engagement shall not provide consulting services to a function of the bank they recently audited. Additionally, as a sound practice, banks shall not outsource internal audit activities to their own external audit firm. | **7.4.** Le chef du département d'audit interne doit s'assurer que les fournisseurs sous-traitants respectent les principes de la charte de l'audit interne de la banque. Pour préserver l'indépendance, il est important de s'assurer que le fournisseur n'a jamais été engagé dans un contrat de conseil dans le même secteur de la banque, à moins qu'une période de « réflexion » raisonnablement longue ne s'est écoulée. Par la suite, les experts qui ont participé à une mission d'audit interne ne devraient pas fournir de services de conseil à une fonction de la banque qu'ils ont récemment auditée. De plus, les banques ne devraient pas sous-traiter leurs activités d'audit interne à leur propre cabinet d'audit externe. |
| **7.5. AMAHAME Y'IGENZURA** | **7.5. AUDIT CHARTER** | **7.5. CHARTE DE L'AUDIT** |
| **7.5.1**. Umurumo w'igenzura ry'imbere ugomba kuyoborwa n'amahame y'igenzura yanditse agaragaza :<br><br>**a)** Umwanya w'ishami ry'igenzura ry'imbere | **7.5.1.** The internal audit function must be guided by formal audit charter, that establish:<br><br>**a)** The internal audit function's standing | **7.5.1**. La fonction d'audit interne doit être guidée par une charte d'audit formelle, qui établit:<br><br>**a)** La position de la fonction d'audit interne au |

| | | |
|---|---|---|
| mu kigo, ububasha bwaryo, inshingano zaryo n'imikoranire n'izindi nzego y'igenzura mu buryo buteza imbere imikorere myiza y'umurimo ; | within the bank, its authority, its responsibilities and its relations with other control functions in a manner that promotes the effectiveness of the function | sein de la banque, ses pouvoirs, ses responsabilités et ses relations avec les autres fonctions de contrôle de manière à promouvoir l'efficacité de cette fonction. |
| **b)** Ibigamijwe by'ibigomba kugerwaho byerekeye intego n'ubwigenge bw'umurimo w'igenzura ry'imbere ; | **b)** The purpose and scope of the internal audit function; | **b)** L'objet et l'étendue de la fonction d'audit interne; |
| **c)** Imiterere y'ingenzi y'urwego rw'igenzura ry'imbere ; | **c)** The key features of the internal audit function; | **c)** Les principales caractéristiques de la fonction d'audit interne; |
| **d)** Inshingano y'abagenzuzi b'imbere yo kumenyekanisha ibyavuye mu nshingano bahawe n'igisobanuro uburyo ndetse n'uwo bagomba kubishyikiriza (uko raporo zitangwa) ; | **d)** The obligation of the internal auditors to communicate the results of their engagements and a description of how and to whom this shall be done (reporting line); | **d)** L'obligation des auditeurs internes de communiquer les résultats de leurs missions et une description de la manière dont cela devrait être fait et à qui (les rapports seront donnés); |
| **e)** Ibigenderwaho byerekeye igihe n'uburyo urwego rw'igenzura ry'imbere rushobora kwifashisha impuguke zo hanze muri zimwe mu nshingano zarwo ; | **e)** The criteria for when and how the internal audit function may outsource some of its engagements to external experts; | **e)** Les critères selon lesquels et comment la fonction d'audit interne peut sous-traiter certaines de ses missions à des experts externes; |
| **f)** Amategeko n'amabwiriza bikurikizwa ngo urwego rw'igenzura ry'imbere rushobore kwitabazwa mu gutanga inama cyangwa serivisi ngishwanama cyangwa gushyira mu bikorwa inshingano zihariye ; | **f)** The terms and conditions according to which the internal audit function can be called upon to provide consulting or advisory services or to carry out other special tasks; | **f)** Les conditions dans lesquelles la fonction d'audit interne peut être appelée à donner des conseils ou des services conseils ou à effectuer d'autres tâches spéciales; |
| **g)** Inshingano y'umukuru w'igenzura ry'imbere ; | **g)** The responsibility and accountability of the head of internal audit; | **g)** La responsabilité du chef du département d'audit interne; |
| **h)** Ibisabwa mu kubahiriza amabwiriza ngenderwaho ahamye y'igenzura ry'imbere ; | **h)** A requirement to comply with sound internal auditing standards; | **h)** L'exigence de se conformer à des normes d'audit interne solides; |
| Amabwiriza akurikizwa mu guhuza ibikorwa | Procedures for the coordination of the internal | Les procédures de coordination de la fonction |

| | | |
|---|---|---|
| by'urwego rw'igenzura ry'imbere n'ibikorwa by'umugenzuzi wemewe n'amategeko cyangwa wo hanze.<br>**7.5.2.** Amahame agomba gushyirwaho kandi agasubirwamo ku gihe cyagenwe, n'ubuyobozi bukuru kandi akemezwa n'inama y'ubutegetsi mu rwego rw'inshingano zayo zo gukurikirana.<br><br>**7.5.3.** Amahame y'igenzura agomba kwemerwa na Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura kandi akemezwa n'Inama y'Ubutegetsi ku buryo umurimo w'igenzura ry'imbere ushobora gukorwa neza koko. | audit function with the statutory or external auditor.<br><br>**7.5.2.** The Charter shall be drawn up, and reviewed periodically, by senior management and subsequently confirmed by the board of directors as part of its supervisory role.<br><br>**7.5.3.** The audit charter must be approved by the Board Audit Committee and endorsed by the board so that the internal audit function may be effectively discharged. | d'audit interne avec l'auditeur statutaire ou externe.<br><br>**7.5.2.** La Charte est élaborée et révisée périodiquement par la direction générale et ensuite confirmée par le conseil d'administration dans le cadre de son rôle de supervision.<br><br>**7.5.3**. La Charte d'audit doit être approuvée par le comité d'audit du conseil et approuvée par le conseil d'administration de sorte que la fonction d'audit interne puisse être correctement accomplie. |
| **7.6. GAHUNDA Y'IGENZURA** | **7.6. AUDIT PLAN** | **7.6. PLAN D'AUDIT** |
| **7.6.1.** Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba gutegura gahunda y'igenzura nk'uburyo bwo kuyobora no gukurikirana akazi k'igenzura. Gahunda y'igenzura y'igihe kirekire ishobora kuva ku mwaka umwe kugera kuri itanu bitewe n'ingano n'urusobe rw'imirimo ikorwa.<br><br>**7.6.2.** Gahunda igomba gushyiraho ibyo igenzura rigamije, imirimo igenzurwa, aho igenzura rigarukira, inshuro rikorwa, icyo bisaba n'igihe ubutumwa bw'igenzura bumara. Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba gusuzuma ibyateza ingorane mu mirimo igenzurwa mbere yo kugena inshuro igenzura rizakorwa n'aho igenzura rigarukira.<br><br>**7.6.3.** Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba gushyiraho mu nyandiko amahame yerekeye uburyo isuzuma ry'ibyateza ingorane rikorwa | **7.6.1**. The head of internal audit shall develop an audit plan as a means of directing and controlling the audit work. The audit strategic plan may range from one to five years depending on the size and complexity of operations.<br><br>**7.6.2.** The plan shall set out the audit objectives, auditable areas, and scope of coverage, frequency of audit, resources required and duration of each audit assignment. The head of internal audit shall assess the risks of the auditable areas before determining the audit frequency and scope of coverage.<br><br>**7.6.3.** The head of internal audit shall establish the principles of the risk assessment methodology in writing and regularly update them to reflect the | **7.6.1**. Le chef du département d'audit interne devrait élaborer un plan d'audit permettant de diriger et de contrôler le travail d'audit. Le plan d'audit stratégique peut aller d'un à cinq ans en fonction de la taille et de la complexité des opérations.<br><br>**7.6.2.** Le plan énonce les objectifs d'audit, les domaines pouvant être audités, l'étendue de la couverture, la fréquence de l'audit, les ressources nécessaires et la durée de chaque mission d'audit. Le chef du département d'audit interne devrait évaluer les risques liés aux domaines auditables avant de déterminer la fréquence de l'audit et la portée d'audit.<br><br>**7.6.3.** Le chef du département d'audit interne doit établir par écrit les principes de la méthodologie d'évaluation des risques et |

| | | |
|---|---|---|
| kandi buri gihe agashyirwa ku gihe kugira ngo yerekane impinduka zabaye mu mikorere y'igenzura ry'imbere no kongeramo imirongo mishya y'imirimo. Nk'igitabo cy'ibigenderwaho muri rusange, igenzura rigenda rigaruka mu mirimo yose igenzurwa rigomba kuba nibura rimwe mu mwaka. | changes to the system of internal control or work process and to incorporate new lines of business. As a general guide, the audit cycle for all auditable areas shall be at least once a year. | les mettre à jour régulièrement afin qu'elles reflètent les changements apportés au système de contrôle interne ou aux processus de travail et intégrer de nouveaux domaines d'activité. En règle générale, le cycle d'audit pour tous les domaines pouvant faire l'objet d'un audit devrait être au moins une fois par an. |
| **7.6.4.** Umukuru w'igenzura ry'imbere afite ariko ububasha busesuye bwo kugena igenzura rigenda rigaruka ku mirimo igenzurwa ifatwa ko idateye ibibazo iyo banki ifite uburyo bwo gukora isuzuma ry'ibyateza ingorane bukora neza koko. | **7.6.4.** The head of internal audit, however, has the discretion to determine the audit cycle for auditable areas deemed not critical if the bank has an effective risk assessment system in place. | **7.6.4.** Toutefois, le chef du département d'audit interne a le pouvoir discrétionnaire pour déterminer le cycle d'audit pour les domaines auditables jugés non critiques si la banque dispose d'un système efficace d'évaluation des risques. |
| **7.6.5**. Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba nanone gushyira imicungire y'igenzura mu igenamigambi ry'igenzura. Igenamigambi ry'igenzura rigomba kwemerwa na Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura kandi rigomba kuba rishobora guhinduka kugira ngo rijyane n'impinduka zerekeye ibyihutirwa cyangwa ibikenewe. | **7.6.5.** The head of internal audit shall also include management audit in the audit plan. The audit plan must be endorsed by the Board audit Committee, approved by the board and shall be flexible to respond to changing priorities or needs. | **7.6.5.** Le chef du département d'audit interne devrait également inclure la gestion d'audit dans le plan d'audit. Le plan d'audit doit être approuvé par le comité d'audit du conseil d'administration, adopté par le conseil d'administration et devrait être flexible pour répondre aux changements des priorités ou des besoins. |
| **7.6.6.** Igenzura ry'imbere rigomba gusuzuma uburyo ubuyobozi bwifashisha mu kugerageza ibipimo imari shingiro y'ikigo ihagazeho, hitabwa ku nshuro iyo myitozo ikorwa, icyo igamije (urugero: ikurikirana ry'imbere ugereranyije n'ibyo ikigo gisabwa n'urwego rukora igenzura), ireme ry'impamvu zishoboka n'ibitekerezo byifashishwa mu igeragezwa ndetse no kuba uburyo bwakoreshejwe bwizewe. | **7.6.6.** Internal audit shall review management's process for stress testing its capital levels, taking into account the frequency of such exercises, their purpose (e.g., internal monitoring vs. regulator imposed), the reasonableness of scenarios and the underlying assumptions employed, and the reliability of the processes used. | **7.6.6.** L'audit interne doit examiner le processus mis en œuvre par la direction pour mettre à l'épreuve ses niveaux de capital, en tenant compte de la fréquence de ces exercices, de leur objectif (par exemple, surveillance interne par rapport à ceux imposés par le régulateur), du caractère raisonnable des scénarios et des hypothèses sous-jacentes utilisées, ainsi que de la fiabilité des processus utilisés. |

| | | |
|---|---|---|
| **7.6.7.** Byongeye kandi, uburyo n'ibikorwa banki yifashisha mu gupima no gukurikirana uko amafaranga abitse ahagaze ugereranyije n'imiterere y'ibyateza ingorane, uko ibintu byifashe hanze, n'ibisabwa ntagibwa munsi mu igenzuramikorere, bigomba kuba bikubiye mu birebwa n'igenzura.<br><br>**7.6.8.** Ibirebwa n'ibikorwa byo kubahiriza umurimo bigomba gukorerwa isuzuma ngarukagihe n'urwego rushinzwe igenzura ry'imbere. | **7.6.7**. Additionally, the bank's systems and processes for measuring and monitoring its liquidity positions in relation to its risk profile, external environment, and minimum regulatory requirements, shall fall within the audit universe.<br><br>**7.6.8.**The scope of the activities of the compliance function shall be subject to periodic review by the internal audit function | **7.6.7**. En outre, les systèmes et processus de la banque permettant de mesurer et de surveiller ses positions de liquidité en relation avec son profil de risque, son environnement externe et les exigences réglementaires minimales devraient relever du domaine d'audit.<br><br>**7.6.8.** La portée des activités de la fonction de conformité devrait faire l'objet d'un examen périodique par la fonction d'audit interne de la conformité. |
| **7.7. IGITABO CY'IGENZURA** | **7.7. AUDIT MANUAL** | **7.7. MANUEL D'AUDIT** |
| **7.7.1.** Igitabo cy'igenzura giha abakozi b'ishami ry'ubugenzuzi ibigenderwaho mu igenzura byerekeye icyerekezo n'amashakiro. Gifatwa kandi nk'imfashanyigisho y'ingirakamaro mu mahugurwa y'abakozi bashya. Igitabo cy'igenzura kigomba kugira politiki yanditse y'igenzura, ibigamijwe, ibigenderwaho ku bikurikizwa na gahunda.<br><br>**7.7.2.** Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba kureba igitabo cy'igenzura cyuzuye bihagije mu buryo cyareba nibura imirimo myinshi ya banki kandi kigasubirwamo ku gihe cyagenwe kugira ngo cyerekane ibyerekezo byerekeye amasosiyete, amategeko n'urwego rw'amabanki. | **7.7.1.** The audit manual provides the audit department personnel with a set of audit standards for guidance and reference. It also serves as a valuable training aid for new recruits. The audit manual shall contain written audit policies, objectives, standard procedures and programs.<br><br>**7.7.2.**The head of internal audit shall ensure that the audit manual is comprehensive enough to cover at least the major operations of the bank and is reviewed periodically to reflect corporate, regulatory and industry trends. | **7.7.1.** Le manuel d'audit fournit au personnel du département d'audit un ensemble de normes d'audit à des fins d'orientation et de référence. Il sert également d'aides précieuses à la formation des nouvelles recrues. Le manuel d'audit devrait contenir des politiques, objectifs, procédures et programmes d'audit écrits.<br><br>**7.7.2.** Le chef de l'audit interne doit s'assurer que le manuel d'audit est suffisamment complet pour couvrir au moins les principales opérations de la banque et qu'il est examiné périodiquement pour refléter les tendances des sociétés, règlementaires et du secteur. |

| | | |
|---|---|---|
| **7.8. GAHUNDA Y'IGENZURA N'IBIBAZO BITANGWA N'IGENZURA RY'IMBERE** | **7.8. AUDIT PROGRAM QUESTIONNAIRES** | **7.8. PROGRAMME D'AUDIT ET QUESTIONNAIRES DE CONTRÔLE INTERNE** |
| **7.8.1.** Gahunda y'igenzura igomba gushyiraho ibikurikizwa birambuye byerekeye igenzura icyiciro ku cyiciro ku mirimo igenzurwa igomba kuba gahunda y'igenzura n'ibibazo by'igenzura ry'imbere. Ibibazo by'igenzura bigomba kuba byuzuye kandi bijyanye n'urwego rw'amabanki.<br><br>**7.8.2**. Gahunda y'igenzura n'ibibazo bikoreshwa mu igenzura ry'imbere byombi byizwe neza bigomba kugaragaza igenzura ryakozwe kuri byose. Byongeye kandi, icyemezo nyacyo cy'abagenzuzi b'imbere n'ubushobozi bwo gusesengura ni ingenzi mu gukora igenzura nta nenge. | **7.8.1.** The audit program shall set out detailed step-by-step audit procedures for each auditable area which shall be audit program questionnaire. Audit program questionnaire shall be comprehensive and tailored to the industry.<br><br>**7.8.2.** A well-designed audit program questionnaire shall provide a systematic audit approach. In addition, the internal auditors' sound judgment and analytical skills are essential in ensuring a high quality audit. | **7.8.1.** Le programme d'audit doit définir des procédures d'audit détaillées, étape par étape, pour chaque domaine pouvant faire l'objet d'un audit, à savoir le questionnaire du programme d'audit. Le questionnaire du programme d'audit doit être complet et adapté au secteur.<br><br>**7.8.2.** Un programme d'audit et un questionnaire de contrôle interne bien conçus devraient fournir une approche d'audit systématique. En outre, le bon sens et les compétences analytiques des auditeurs internes sont essentiels pour garantir un audit de haute qualité. |
| **8. IMIRIMO N'INSHINGANO** | **8. DUTIES AND RESPONSIBILITIES** | **8. DEVOIRS ET RESPONSABILITES** |
| **8.1.** Umurimo nyamukuru w'ishami ry'igenzura ry'imbere ni ugukora isuzuma ryigenga ry'imirimo ya banki nka serivisi y'ubuyobozi. Umurimo w'igenzura ry'imbere ufite akamaro kanini mu gufasha ubuyobozi gushyiraho no gukomeza umwuka mwiza ushoboka w'igenzura ry'imbere muri banki.<br><br>**8.2.** Umwuka w'igenzura rikomeye wareba:<br><br>a) uburyo bukwiye n'imikoranire nyayo | **8.1.** The core function of an internal audit department is to perform an independent appraisal of a bank's activities as a service to management. The internal audit function plays an important role in helping management to establish and maintain the best possible internal control environment within the bank.<br><br>**8.2.** A sound internal control environment would ensure:<br>a) Adequacy and effectiveness of the internal | **8.1**. La fonction essentielle du département d'audit interne est d'effectuer une évaluation indépendante des activités d'une banque en tant que service rendu à la direction. La fonction d'audit interne joue un rôle important en aidant la direction à établir et à maintenir l'environnement meilleur de contrôle interne au sein de la banque.<br><br>**8.2**. Un bon environnement de contrôle interne permettant d'assurer:<br>a) L'adéquation et l'efficacité du système de |

| | | |
|---|---|---|
| y'uburyo bw'igenzura ry'imbere;<br>b) iyubahiriza rya politiki, ibikurikizwa, imirongo ngenderwaho, amabwiriza n'amategeko;<br><br>c) ivumburwa ry'uburiganya, amakosa, ibitakozwe n'ibindi bitubahirijwe;<br>d) imicungire y'igenzura;<br>e) igenzura ry'uburyo bwo guhanahana amakuru;<br>f) akamaro ko kugira uruhare no gutanga inama mu kwiga ibicuruzwa bishya n'indi mikorere mishya. | control system;<br>b) Compliance with policies, procedures, rules, guidelines, directives, laws and regulations;<br><br>c) Detection of frauds, errors , omissions and any other irregularities;<br>d) Management Audit;<br>e) Information system audit;<br><br>f) Participative and consultative role in the development of new products and systems. | contrôle interne;<br>b) Le respect des politiques, procédures, règles, lignes directrices, directives, lois et règlements;<br>c) La détection des fraudes, erreurs, omissions et autres irrégularités;<br>d) L'audit de gestion;<br>e) L'audit du système d'information;<br><br>f) Le rôle participatif et consultatif dans le développement de nouveaux produits et systèmes. |
| **9. AHO AKAZI K'IGENZURA KAGARUKIRA** | **9. SCOPE OF AUDIT WORK** | **9. PORTEE DU TRAVAIL D'AUDIT** |
| **9.1.** Igenzura rigomba kubamo kwiga no gusuzuma imikoranire n'imirimo y'ikigo cy'imari harimo ibigize igenzura, uburyo n'ibikurikizwa mu byerekeye imikorere n'isuzuma ry'ubuziranenge bw'imicungire y'imikorere mu kurangiza inshingano zabwo n'ibyo bubazwa. | **9.1.** The audit scope shall entail the examination and evaluation of all functions and activities of the financial institution including control features, operational systems and procedures as well as assessment of the quality of management performance in discharging their duties and responsibilities. | **9.1.** La portée d'audit devrait comprendre l'examen et l'évaluation de toutes les fonctions et activités de l'institution financière, y compris des éléments de contrôle, les systèmes et procédures opérationnels, ainsi que l'évaluation de la qualité de la gestion de performances dans l'exercice de leurs fonctions et responsabilités. |
| **9.2.** Aho akazi k'igenzura kagera havugwa muri iki gice ntihagomba gufatwa ko hari mu butumwa bw'igenzura bushingiye ku bintu byatera ingorane zabonetse. Umukuru w'igenzura ry'imbere, amaze gusuzuma urwego rw'ibyateza ingorane kuri buri murimo ugenzurwa agomba gufata icyemezo cyo kongera cyangwa kugabanya aho igenzura rigera. Icyo cyemezo kigomba kuba gifite inyandiko gishingiyeho zikwiye. | **9.2.** The scope of audit work covered under this part shall not be construed to be covered under audit assignment based on the assigned risk factors. The head of internal audit, after having considered the level of risk for each auditable area shall decide whether to expand or limit the audit scope. Such decision shall be properly documented. | **9.2.** La portée du travail d'audit couvert par la présente partie ne doit pas être interprétée comme étant couverte par la mission d'audit sur base des facteurs de risque attribués. Le chef du département d'audit interne, après avoir examiné le niveau de risque de chaque domaine auditable, devrait décider de limiter ou d'étendre la portée d'audit. Une telle décision devrait être correctement documentée. |

| | | |
|---|---|---|
| **9.3.** Abagenzuzi b'imbere bagomba kandi gufata icyemezo ku rwego nyarwo rwo gufata icyitegererezo kugira ngo bagere ku byo igenzura ryabo rigamije. Abagenzuzi b'imbere bagomba kugendera ku Mirongo ngenderwaho mpuzamahanga y'Igenzura ku Cyitegererezo cy'Igenzura. | **9.3.** The internal auditors shall also decide on the appropriate level of audit sampling in order to achieve their audit objectives. The internal auditors shall be guided by the International Auditing Guideline on Audit Sampling. | **9.3** Les auditeurs internes devraient également se prononcer sur le niveau approprié de l'échantillonnage d'audit afin d'atteindre leurs objectifs d'audit. Les auditeurs internes devraient être guidés par les Lignes Directrices d'Audit International sur l'Echantillonnage d'Audit. |
| **9.4. AHO IGENZURA RIGERA HAGOMBA KUBAMO:** | **9.4. THE AUDIT SCOPE SHALL COVER:** | **9.4. LA PORTEE DE L'AUDIT DEVRAIT PORTER SUR:** |
| **9.4.1. Isuzuma no guha amanota uburyo igenzura ry'imbere rikorwa:** aho igenzura rigera hagomba kubamo imikorerwe nyayo y'uburyo igenzura rikora, icyizere n'imikorere y'uburyo bw'imicungire bw'ikoranabuhanga, kurinda cyangwa gutahura uburiganya, amakosa, ibitakozwe n'ibindi bitubahirijwe n'uburyo bwo kurinda umutungo. | **9.4.1. Evaluation and appraisal of the Internal Control system**: the audit scope shall cover the effectiveness of the system of internal control, the reliability and integrity of Management Information System, the prevention or timely detection of frauds, errors, omissions and other irregularities, and the means for the safeguarding of assets. | **9.4.1. L'évaluation et la cotation du système de contrôle interne**: l'étendue de l'audit devrait porter sur l'efficacité du système de contrôle interne, la fiabilité et l'intégrité du système informatique de gestion, la prévention ou la détection rapide des fraudes, des erreurs, des omissions et autres irrégularités, et les moyens pour la sauvegarde des avoirs. |
| **9.4.2. Iyubahirizwa rya politiki, ibikurikizwa, ibyemezo, imirongo ngenderwaho, amabwiriza n'amategeko:** amabanki yose agomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza bikurikizwa, imirongo ngenderwaho, ibisabwa mu gukora raporo na politiki y'imbere n'ibikurikizwa mu ikorwa ry'imirimo. Aho igenzura rigera hagomba kubamo kureba ko banki yubahiriza: | **9.4.2. Compliance with policies, procedures, rules, guidelines, directives, laws and regulations**: all banks shall ensure strict compliance with all applicable laws and regulations, guidelines directives, reporting requirements and internal policies and operating procedures. The audit scope shall cover the bank's compliance with: | **9.4.2. Conformité avec les politiques, les procédures, les règles, les lignes directrices, les lois et les règlements**: toutes les banques devraient veiller au strict respect de toutes les lois et règlements applicables, les directives, les lignes directrices, les exigences en matière de rapports, les politiques et procédures internes de fonctionnement. L'audit doit porter sur la conformité de la banque avec: |
| **a)** Itegeko rigenga imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, amabwiriza yerekeye itegeko ry'amabanki n'andi mategeko n'amabwiriza rusange bikurikizwa; | **a)** Banking law, banking regulations and other applicable statutes and regulations; | **a)** La Loi portant organisation de l'activité bancaire, les règlements bancaires et d'autres lois et règlements applicables; |

| | | |
|---|---|---|
| **b)** Imirongo ngenderwaho n'amabwiriza bishyirwaho na Banki Nkuru y'u Rwanda n'amatangazo cyangwa ibyemezo by'amashyirahamwe bireba; | **b)** Guidelines, directives and circulars issued by National Bank of Rwanda and pronouncements or rules issued by the relevant associations; and | **b)** Les lignes directrices, directives et circulaires édictées par Banque Nationale du Rwanda et les déclarations ou les règles édictées par les associations concernées; |
| **c)** Politiki y'imbere muri banki n'ibikurikizwa mu gukora byemejwe kimwe n'uburemere n'imikorerwe nyayo y'umurimo w'iyubahiriza. | **c)** Internally approved policies and operational procedures as well as the soundness and effectiveness of compliance function. | **c)** Les politiques approuvées en interne et les procédures opérationnelles ainsi que la solidité et l'efficacité de la fonction de conformité. |
| **9.4.3. Uburyo bukwiye n'imitunganyirize mu micungire y'ibyateza ingorane** | **9.4.3. Adequacy and effectiveness of risk management system** | **9.4.3. Adéquation et efficacité du système de gestion des risques** |
| Mu rwego rwo kongera ihiganwa, urusobe rw'imirimo n'ibishya mu byerekeye imari, ubuyobozi bugomba gutegura uburyo bwanditse bwo kureba ko ibyateza ingorane bigomba kuba bizwi neza, byarasuzumwe, byarakurikiranwe kandi byaragenzuwe. Uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane bugomba kuba buhura n'urugero, ingano n'urusobekerane bw'imirimo ya banki n'urwego rw'icyateza ingorane banki yiteguye kwakira. | In view of increasing competition, complexities of operations and financial innovations, management shall develop a formalized system to ensure that risk exposures are identified and adequately measured, monitored and controlled. The risk management system shall be commensurate with the scope, size and complexity of the bank's activities and level of risk a bank is prepared to assume. | En vue d'accroître la concurrence, la complexité des opérations et des innovations financières, la direction devrait élaborer un système formalisé en vue d'assurer que les expositions aux risques sont correctement identifiées, évaluées, surveillées et contrôlées. Le système de gestion des risques doit être proportionnel à la portée, à la taille et à la complexité des activités de la banque et au niveau de risque qu'une banque est prête à assumer. |
| Mu gusuzuma uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane bwose, umugenzuzi agomba kureba ibikurikira kugira ngo amenye ko: | In assessing the overall risk management system, the auditor shall review the following to ensure: | Lors de l'évaluation du système de gestion globale des risques, l'auditeur doit examiner les éléments suivants pour assurer: |
| **a)** Imicungire y'ikurikirana nyaryo ikorwa n'Inama y'Ubutegetsi n'abayobozi yatumye; | **a)** Effective management supervision is practiced by the board and its delegated authorities; | **a)** Une gestion de supervision efficace pratiquée par le conseil d'administration et ses autorités déléguées ; |
| **b)** Ibikurikizwa bigaragaza kandi bikerekana urwego rw'ibyateza ingorane bishingiye ku gihe byashyizweho; | **b)** Procedures that identify and quantify the level of risk on a timely basis are in place; | **b)** La mise en place des procédures qui identifient et quantifient le niveau de risque en temps opportun ; |

| | | |
|---|---|---|
| **c)** Inzitizi n'irindi genzura biriho mu gucunga ibyateza ingorane; | **c)** Limits or other controls are in place to manage the risk; | **c)** Les limites ou autres contrôles mises en place pour gérer le risque ; |
| **d)** Raporo zihabwa ubuyobozi zerekana mu buryo bwuzuye imimerere n'urwego ibyateza ingorane biriho kimwe no kutubahiriza politiki n'inzitizi byemejwe; | **d)** Reports to management accurately present the nature and the level of risk taken and any non-compliance; | **d)** Les rapports à la direction qui reflètent fidèlement la nature et le niveau du risque pris ainsi que la non-conformité aux politiques et limites approuvées ; |
| **e)** Inshingano zo gucunga banki ubwayo n'ibikurikizwa byerekeye imibare n'igabana ry'imari shingiro; | **e)** Responsibilities for managing individual and procedures relating to the calculation and allocation of capital ; | **e)** Les responsabilités de gestion individuelle et les procédures relatives au calcul et à l'affectation du capital; |
| **f)** Ibikurikizwa byerekeye imibare n'igabana ry'imari ku byatera ingorane byashyizweho; | **f)** Procedures relating to the calculation and allocation of capital to risks are in place; | **f)** La mise en place des procédures relatives au calcul et à la répartition du capital à risque; |
| **g)** Urutonde rw'ibyateza ingorane mu buryo bukwiye riri mu bigaragaza ibyateza ingoranebanki byateguwe kandi byashyizwe ku gihe niba ari ngombwa. | **g)** A risk matrix adequately capturing the bank's risk profile prepared and updated as necessary. | **g)** Une matrice des risques comprenant adéquatement le profil préparé du risque de la banque et mise à jour si nécessaire. |
| **9.4.4. Imikoreshereze nyayo kandi ihamye y'imitungo:** abagenzuzi b'imbere bagomba kugira umumaro wo gutuma hamenyekana imikoreshereze yuzuye y'umutungo wa banki mu kugera ku ntego zose n'ibigamijwe n'ikigo. | **9.4.4. Effective and Efficient Use of resources**: Internal auditors shall play a proactive role in determining the bank's optimum utilization of resources in the accomplishment of the organization's overall objectives and goals. | **9.4.4. Utilisation efficace des ressources**: les auditeurs internes doivent jouer un rôle proactif dans la détermination de l'utilisation optimale des ressources de la banque dans la réalisation des objectifs généraux de l'institution. |
| **9.4.5. Kugera ku ntego n'ibigamijwe byagenwe:** Mu isuzuma ryo kureba ko intego n'ibigamijwe byagezweho, aho umugenzuzi w'imbere agera, mu mirimo yose ikorwa cyangwa igice cyayo, hagomba kurebwa ko: | **9.4.5. Accomplishment of set goals and objectives**: In evaluating the accomplishment of set goals and objectives, the internal auditor's scope shall cover the entire operations or a sub-section thereof to determine whether: | **9.4.5. Réalisation des buts et objectifs fixés**: lors de l'évaluation de la réalisation des buts et objectifs fixés, le champ de l'action de l'auditeur interne devrait couvrir toutes les opérations entières ou une partie de celles-ci en vue de déterminer si: |

| | | |
|---|---|---|
| **a)** Ibigamijwe n'intego bisobanuye neza kandi byapimwe; | **a)** objectives and goals are clearly set and measurable, | **a)** Les objectifs et les buts sont clairement définis et mesurables, |
| **b)** Ibigamijwe n'intego byasobanuwe binamenyeshwa abakozi bose kandi byagezweho; | **b)** objectives and goals have been articulated and communicated to all staff and being met; | **b)** les objectifs et les buts ont été définis et communiqués à l'ensemble du personnel et respectées; |
| **c)** Igenzura ryashyizweho mu gupima no kwerekana ko ibigamijwe n'intego byagezweho; | **c)** controls are established for measuring and reporting the accomplishment of objectives and goals; | **c)** les contrôles sont mis en place pour mesurer et communiquer la réalisation des objectifs et des buts; |
| **d)** Uburyo igenzura nyaryo rikorwa mu gukurikirana imikorere ihuje n'ingengo y'imari. Ubusumbane bwose burasuzumwa, bugakorerwa inyigo kandi bukamenyeshwa ako kanya ubuyobozi n'Inama y'Ubutegetsi; | **d)** effective control mechanism is implemented to monitor actual performance against budget. Any significant variances are analyzed, investigated and promptly reported to the management and the board; | **d)** le mécanisme de contrôle efficace est mis en place pour le suivi de performance réelle par rapport au budget. Tous les écarts importants sont analysés, enquêtés et immédiatement signalés à la direction et au conseil d'administration; |
| **e)** Ubuyobozi bwitaye ku bigaragaza ingufu, intege nke, amahirwe n'ibitera imbogamizi ku murimo cyangwa gahunda | **e)** management has considered the strengths, weaknesses, opportunities and threats of the respective operation or program; | **e)** la direction a considéré les points forts, les faiblesses, les opportunités et les menaces respectifs de l'opération ou du programme; |
| **f)** Ibyagezweho mu ntego no mu bigamijwe byagenwe byubahirije politiki, ibikurikizwa, amategeko n'amabwiriza; | **f)** the achievement of set objectives and goals is in compliance with policies, procedures, laws and regulations; | **f)** la réalisation des objectifs et buts fixés est conforme aux politiques, aux procédures, aux lois et règlements; |
| **g)** ibyateganyijwe bikoreshwa n'ubuyobozi mu gutegura gahunda y'ibikorwa n'ingamba bikwiye kandi bisobanutse. | **g)** underlying assumptions used by management in developing business plans and strategies are appropriate and reasonable. | **g)** les hypothèses sous-jacentes sont utilisées par la direction dans l'élaboration des plans d'activités et des stratégies sont appropriées et raisonnables. |
| **10. GUTANGA RAPORO N'INYANDIKO** | **10.REPORTING AND DOCUMENTATION** | **10. RAPPORTS ET DOCUMENTATION** |
| **10.1**. Raporo z'igenzura ry'imbere ni uburyo bwanditse bwo kwerekana igenzura n'ingamba zisabwa ubuyobozi na Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura. Raporo z'igenzura ni inzira kuri | **10.1** Internal audit reports provide a formal means of communicating audit and recommended actions to management and the Board audit committee. Audits reports provide an avenue for | **10.1**. Les rapports d'audit interne constituent un moyen officiel de communiquer l'audit et les mesures recommandées à la direction et au comité d'audit du conseil. Les rapports d'audit |

| | | |
|---|---|---|
| Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura yo kugaragaza intege nke zikomeye no kugaragariza Inama y'Ubutegetsi ingamba zakosora zatanzwe n'ubuyobozi. Ibisubizo by'ubuyobozi ku myanzuro y'abagenzuzi b'imbere mu kugabanya ibyateza ingorane, kongera ingufu z'igenzura ry'imbere no gukosora amakosa bigomba kuba ari ibyagambiriwe na raporo y'igenzura. | the Board Audit Committee to highlight significant weaknesses and management's proposed remedial measures to the board. The management's responsiveness to internal auditors' recommendations for reducing risks, strengthening internal controls and correcting errors shall be the desired result of the audit reports. | constituent une opportunité pour le Comité d'audit de mettre en évidence d'importantes faiblesses et des mesures correctives de la direction proposée au Conseil d'administration. La réaction de la direction aux recommandations des auditeurs internes pour réduire les risques, pour renforcer les contrôles internes et pour corriger les erreurs devrait être le résultat escompté des rapports d'audit. |
| **10.2** Ni ngombwa ko mu gihe hakorwa igenzura, iyo abagenzuzi b'imbere batagenzuye ibibazo bikomeye cyangwa uburiganya bishobora guteza ibibazo ku miterere ya banki cyangwa mu mirimo yayo mu buryo bugaragara, bamenyesha ako kanya ubuyobozi kugira ngo ingamba zikosora zihuse zifatwe. | **10.2** It is of primary importance that in the course of audit, shall the internal auditors uncover major issues or frauds that would significantly affect the bank's position or operations, they shall immediately inform management to ensure that prompt corrective actions are taken. | **10.2.** Il est d'importance capitale qu'en cours d'audit, si les auditeurs internes ne couvrent pas les grands problèmes ou les fraudes qui pourraient affecter significativement la position de la banque ou ses opérations, ils en informent immédiatement la direction afin que des mesures correctives soient prises rapidement. |
| **10.3. RAPORO Y'IGENZURA** | **10.3 AUDIT REPORT** | **10.3. RAPPORT D'AUDIT** |
| **10.3.1.** Raporo yashyizweho umukono igomba gutangwa nyuma ya buri butumwa bw'igenzura bidashingiye ku buremere bw'ibibazo byagaragaye. Abagenzuzi b'imbere bajya impaka ku byagezweho mu igenzura no ku myanzuro yayo n'uwagenzuwe mbere y'uko raporo y'igenzuramari itangwa. Impaka zigomba kugibwa hamwe n'abantu bazi imirimo mu buryo burambuye n'abashobora gutanga uruhushya rwo gushyira mu bikorwa ingamba zikosora. | **10.3.1** A signed report shall be issued after the completion of each audit assignment irrespective of the significance of the issues raised. The internal auditors shall discuss the audits results and the recommendations thereof with the auditee before the final audit report is issued. The discussion shall be carried out with those individuals who are knowledgeable of detailed operations and those who can authorize the implementation of corrective actions. | **10.3.1.** Un rapport signé devrait être délivré après la réalisation de chaque mission d'audit, indépendamment de l'importance des questions soulevés. Les auditeurs internes devraient discuter des résultats des audits et de leurs recommandations avec l'entité auditée avant que le rapport d'audit ne soit publié. La discussion devrait être menée avec les personnes qui connaissent bien les opérations détaillées et celles qui peuvent autoriser la mise en œuvre des mesures correctives. |
| **10.3.2.** Ubusobanuro butanzwe n'ubuyobozi bugomba kwinjizwa muri raporo y'igenzura ya nyuma. | **10.3.2** Management comments shall be incorporated in the final audit report. The head | **10.3.2.** Les commentaires de la direction doivent être intégrés dans le rapport d'audit final. Le |

| | | |
|---|---|---|
| Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba gusuzuma no kwemeza raporo y'igenzura ya nyuma mbere y'uko ihabwa Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura. | of internal audit shall review and approve the final audit report before it is presented to the Board Audit committee. | chef du département d'audit interne devrait examiner et approuver le rapport d'audit final avant qu'il ne soit présenté au comité d'audit du conseil. |
| **10.3.3.** Kopi ya raporo y'igenzura ya nyuma igomba kohererezwa Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura, uwagenzuwe, Umuyobozi Mukuru. Banki igomba kohereza Banki Nkuru y'u Rwanda iyo raporo buri gihembwe. | **10.3.3.** A copy of the final audit report shall be forwarded to the Board Audit Committee and the CEO. The bank shall forward the summary of the audit reports to National Bank of Rwanda on a quarterly basis. | **10.3.3.** Une copie du rapport d'audit final doit être transmise au comité d'audit, à l'entité auditée, DG. La banque doit transmettre le résumé du rapport d'audit à la Banque Nationale du Rwanda tous les trimestres. |
| **10.3.4.** Iyo ikorwa rya raporo y'igenzura rishobora gufata igihe kirekire, raporo y'igenzura y'agateganyo ishobora gutangwa mu rwego rwo kwerekana ibibazo bigaragara bisaba kwitabwaho vuba n'ubyobozi. Komite y'Igenzura n'Umuyobozi Mukuru bagomba guhora bamenyeshwa ibibazo kimwe n'aho igenzura rigeze. Ubushishozi bwo kugena niba hatangwa raporo y'agateganyo biri mu bubasha bw'umukuru w'igenzura ry'imbere. | **10.3.4.** Where the completion of an audit report is likely to take a longer period, an interim audit report may be issued to communicate any significant issues which require management's immediate attention. The Audit Committee and the CEO shall be kept informed of the issues as well as the progress of the audit. Discretion as to whether an interim audit is warranted rests with the head of internal audit. | **10.3.4**. Lorsque la réalisation du rapport d'audit est susceptible de s'étaler sur une période plus longue, un rapport d'audit provisoire peut être délivré pour signaler tous les problèmes importants qui requièrent l'attention immédiate de la direction. Le comité d'audit et le DG doivent être tenus informés des problèmes rencontrés ainsi que des progrès sur l'audit. La discrétion quant à l'audit provisoire est justifié relève du chef du département d'audit interne. |
| **10.3.5.** Umukuru w'igenzura ry'imbere agomba kureba ko raporo y'igenzura ikoze neza bihagije mu buryo bigaragarira ubuyobozi. Mu rwego rwo kwerekana ibyo igenzura ryagezeho koko, ibigenderwaho bikurikira bigomba kwemezwa: | **10.3.5.** The head of internal audit shall ensure that an audit report is of sufficient quality so as to command management's attention. In order to communicate the audit results effectively, the following standards shall be adopted: | **10.3.5.** Le chef du département d'audit interne doit s'assurer que le rapport d'audit est d'une qualité suffisante pour pouvoir retenir l'attention de la direction. Pour communiquer efficacement les résultats de l'audit, les normes suivantes doivent être adoptées: |
| **a)** Raporo y'igenzura igomba kuba nta marangamutima arimo, isobanutse, ngufi, yubaka kandi itanzwe ku gihe; | **a)** The audit report shall be objective, clear, concise, constructive and timely; | **a)** Le rapport d'audit doit être objectif, clair, concis, constructif et transmis en temps opportun |
| **b)** Imiterere ya raporo y'igenzura igomba | **b)** The structure of the audit report shall | **b)** La structure du rapport d'audit doit |

| | | |
|---|---|---|
| kubamo nibura ibikurikira:<br><br>▪ Incamake y'ibyakozwe;<br><br>▪ Itariki ya raporo n'igihe igenzura ryakozweho;<br><br>▪ Aho igenzura rigarukira n'ibigamijwe n'igenzura;<br><br>▪ Imikomerere n'uburemere bw'ibibazo;<br><br>▪ Icyateye ibibazo;<br><br>▪ Ibisubizo cyangwa ingamba zikosora zafatwa;<br><br>▪ Ubusobanuro bw'uwagenzuwe ku bibazo n'imyanzuro ndetse n'ingamba zikosora zafashwe cyangwa zisabwa gufatwa mu gukemura ibibazo byagaragajwe n'igenzura;<br><br>▪ Ibyagezweho n'ubuyobozi byabonetse mu igenzura;<br><br>▪ Umwanzuro rusange. | include at least the following:<br><br>▪ An Executive summary;<br><br>▪ Date of report and period covered by the audit;<br><br>▪ The scope and objectives of the audit;<br><br>▪ The significance and magnitude of the problems or issues<br><br>▪ The cause of problems or issues;<br><br>▪ Recommended solutions or preventive actions;<br><br>▪ Auditee's comments on the issues, recommendations and remedial measures taken or proposed to be taken to address the audit issues;<br><br>▪ Management's achievements noted during the audit ;<br><br>▪ Overall conclusion | comprendre au moins les éléments suivants:<br><br>▪ Un résumé sommaire<br><br>▪ Date du rapport et période couverte par l'audit;<br><br>▪ La portée et les objectifs de l'audit;<br><br>▪ L'importance et l'ampleur des problèmes ou des questions ;<br><br>▪ La cause des problèmes ou des problèmes ;<br><br>▪ Les solutions recommandées ou des mesures préventives ;<br><br>▪ Les observations de l'entité auditée sur les problèmes, les recommandations et les mesures correctives prises ou envisagées pour résoudre les problèmes liés à l'audit;<br><br>▪ Les réalisations de la direction enregistrées au cours de l'audit;<br><br>▪ Conclusion générale |
| **10.4. INGAMBA N'IKURIKIRA RY'IMYANZURO Y'IGENZURA**<br><br>**10.4.1** Ubuyobozi bugomba bugomba kwiga nta kujenjeka ibyo igenzura ryagaragaje byose. | **10.4 ACTION AND FOLLOW UP ON AUDIT RECOMMENDATIONS**<br><br>**10.4.1** Management shall treat all audit findings and recommendations seriously. Management's | **10.4. MESURES ET SUIVI DES RECOMMANDATIONS D'AUDIT**<br><br>**10.4.1.** La direction doit prendre au sérieux tous les résultats et recommandations de l'audit. La |

| | | |
|---|---|---|
| Igisubizo cy'ubuyobozi ku byagaragajwe n'igenzura kigomba kuba muri raporo. Abagenzuzi b'imbere bagomba gukurikirana niba ingamba zikwiyezarafashwe. | response to the audit findings shall be included in the report. The internal auditors shall monitor whether appropriate actions have been taken. | réponse de la direction aux résultats d'audit devrait être incluse dans le rapport. Les auditeurs internes doivent vérifier si les mesures appropriées ont été prises. |
| **10.4.2**. Gahunda y'ubuyobozi yerekeye ingamba zikosora n'igihe cyo gushyira mu bikorwa bigomba gutegurwa ubuyobozi bufatanyije n'uwagenzuwe. Uko ingamba zikosora zimeze bigomba gukurikiranwa no kumenyeshwa Komite y'Igenzura n'Umuyobozi Mukuru kugira ngo ikurikirana ry'ingamba rishobore gukorwa mu rwego rwo kumenyesha inzego bireba z'ubuyobozi ku bibazo by'igenzura ririmo gukorwa. | **10.4.2** Management's plan of corrective actions and implementation timetable for completion shall be developed and jointly agreed upon by management and the auditee. The status of the corrective actions shall be monitored and reported to the audit Committee and the CEO so that follow up action can be taken to inform the appropriate levels of management on outstanding audit issues. | **10.4.2.** Le plan d'action des mesures corrective de la direction et le calendrier de mise en œuvre de la réalisation devrait être élaboré de commun accord avec la direction et l'entité auditée. La situation des mesures correctives doit être surveillé et signalé au comité d'audit et au DG pour que le suivi des mesures soit fait pour informer la hiérarchie appropriée de la direction sur les problèmes d'audit en cours. |
| **10.5. RAPORO KU BYABONYWE BIKOMEYE NO KU BURIGANYA** | **10.5. REPORTING OF SIGNIFICANT FINDINGS AND FRAUDS** | **10.5. RAPPORT DES RESULTATS SIGNIFICATIFS ET FRAUDES** |
| **10.5.1.** Abagenzuzi b'imbere bagomba kumenyesha Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura n'Umuyobozi Mukuru ibyo babonye byose bikomeye mu gihe bakora igenzura. Banki Nkuru igomba na yo kubimenyeshwa vuba. Ibyagaragaye bikomeye byerekeye imari ni ibishobora kugira ingaruka mbi ku mikorere ya banki.<br><br>Ibyabonywe bikomeye biterekeye imari ni ibyerekeye imikorere y'imirimo ya banki nyamukuru yo kugenzura iby'imbere.<br><br>**10.5.2**. Raporo y'agateganyo y'igenzura igomba kwinjizwamo incamake ibanza ku byerekeye ibyabonywe, ingaruka zishoboka ku mwanya | **10.5.1** The internal auditors shall immediately report to the Board Audit Committee and CEO any significant audit findings uncovered in the course of audit. Central Bank shall also be promptly informed of such findings. Significant financial findings are those that would have an adverse impact on the financial performance and condition of the bank.<br><br>Significant non- financial findings represent fundamental bank's system of internal control.<br><br>**10.5.2** The interim audit report shall incorporate preliminary summary findings, the impact or potential impact on the financial position and | **10.5.1.** Les auditeurs internes doivent signaler immédiatement au Comité d'audit et au DG toute constatation d'audit importante découverte au cours de l'audit. La Banque Centrale doit également être informée rapidement de ces constatations. Les constatations financières importantes sont celles qui ont un impact négatif sur la performance financière et la situation de la banque.<br>Les constatations significatives non financières constituent le système bancaire fondamental de de contrôle interne.<br><br>**10.5.2.** Le rapport d'audit provisoire doit intégrer le résumé préliminaire des constatations, l'impact réel ou potentiel sur la position |

| | | |
|---|---|---|
| werekeye imari n'imirimo ya banki, n'ingamba zisabwa zafatwa n'abagenzuzi b'imbere mu gukora iperereza ku bibazo. | operations of the bank, and the proposed actions to be carried out by the internal auditors to investigate the matters. | financière et les opérations de la banque et les actions proposées devant être entreprises par les auditeurs internes pour enquêter sur les problèmes. |
| **10.6. KUGENZURA NO GUSHYINGURA RAPORO Y'IGENZURA KIMWE N'INYANDIKO Z'AKAZI** | **10.6. CONTROL AND FILLING OF AUDIT REPORTS AND WORKING PAPERS** | **10.6. CONTROLE ET CLASSEMENT DES RAPPORTS D'AUDIT ET DES DOCUMENTS DE TRAVAIL** |
| **10.6.1.** Raporo z'igenzura ry'imbere n'inyandiko zikoreshwa bigomba kwigwa mu ibanga. Raporo z'igenzura ry'imbere zishobora gutangazwa gusa ku bantu babyemerewe na Komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe Igenzura. Kubera ko inyandiko zikoreshwa mu igenzura ry'imbere ari ibimenyetso by'ibyakozwe mu igenzura, zigomba gushyingurwa no kubikwa mu buryo bukwiye.<br><br>**10.6.2.** Kumenya ko ishyingurwa ryose n'ikurikirana rya za raporo z'igenzura kimwe n'inyandiko zikoreshwa, ibikurikizwa bike ntarengwa bigomba kubahirizwa :<br><br>**a)** Imiterere y'inyandiko zikoreshwa igomba guhuzwa n'ibigenderwaho ;<br><br>**b)** Hagomba kubaho nomero zashyizweho zikwiye zigaragaza raporo z'igenzura, ibyo zibitsemo n'inyandiko zikoreshwa ;<br><br>**c)** Hagomba kubaho uburyo bwo gushyingura no kubona raporo za kera kimwe | **10.6.1.** The internal audit reports and working papers shall be treated confidentially. The internal audit reports shall only be disclosed to those persons authorized by the Board audit committee. As the internal audit working papers provide evidence of audit coverage and documentation of audit trails, they shall be properly filed and stored.<br><br>**10.6.2.** To ensure systematic filing and control of audit reports and working papers, the following minimum procedures shall be observed:<br><br>**a)** The format for the working papers shall be standardized;<br><br>**b)** There shall be adequate referencing to identify the audit records, files and working papers created;<br><br>**c)** There shall be a system for filling and retrieving past reports and working papers; | **10.6.1.** Les rapports d'audit interne et les documents de travail devraient être traités de manière confidentielle. Les rapports d'audit interne ne devraient être communiqués uniquement aux personnes autorisées par le Comité d'audit. Comme les documents de travail de l'audit interne constituent une preuve de couverture d'audit et de documentation sur des pistes d'audit, ils devraient être correctement classés et conservés.<br><br>**10.6.2**. Pour assurer un classement systématique et un contrôle des rapports d'audit et des documents de travail, les procédures minimales suivantes doivent être observées:<br><br>**a)** Le format pour les documents de travail devrait être normalisé;<br><br>**b)** Il devrait y avoir une numérotation adéquate permettant d'identifier les rapports d'audit, les classeurs et les documents de travail créés;<br><br>**c)** Il devrait y avoir un système de classement et de récupération des rapports antérieurs et des |

| | | |
|---|---|---|
| n'inyandiko zikoreshwa ; | | documents de travail; |
| **10.7. KUBIKA RAPORO Z'IGENZURA N'INYANDIKO ZIKORESHWA** | **10.7.RETENTION OF AUDIT REPORTS AND WORKING PAPERS** | **10.7. CONSERVATION DES RAPPORTS D'AUDIT ET DES DOCUMENTS DE TRAVAIL** |
| **10.7.1.** Nk'ibisabwa ntagibwa munsi, inyandiko zikoreshwa mu kazi k'igenzura gasanzwe zigomba kubikwa kugeza igihe irindi genzura rikozwe kuri uwo murimo ugenzurwa. Raporo n'inyandiko zikoreshwa zerekeye ibibazo by'iperereza zigomba kubikwa nibura imyaka icumi cyangwa icyo gihe kugeza ikibazo kirangiye. | **10.7.1.** As a minimum requirement, the audit working papers on the routine audit shall be retained until the next audit is carried out on the same auditable area. Reports and working papers on investigation matters shall be retained for at least ten years or such period until the matter is closed. | **10.7.1**. Comme exigence minimale, les documents de travail d'audit de routine devraient être conservés jusqu'à ce que le prochain audit soit effectué sur le même domaine à auditer. Les rapports et documents de travail sur les problèmes d'investigation doivent être conservés pendant au moins dix ans, voire autant, jusqu'à la clôture du dossier. |
| **11.IGENZURWA RY'INZEGO CYANGWA RY'IMIRIMO BY'INGENZI** | **11. AUDIT OF CRITICAL AREAS OR OPERATIONS** | **11. AUDIT DES DOMAINES OU DES OPÉRATIONS CRITIQUES** |
| **11.1.** Abagenzuzi b'imbere bagomba kureba by'umwihariko kandi bagashyira ingufu zihari kuri ya mirimo cyangwa amashami agaragaza ko yatera ingorane zikomeye zagira ingaruka ku mirimo n'imiterere ya banki mu byerekeye imari. | **11.1.** Internal auditors shall focus their attention and direct their available resources to those operations or units which entail significant risks that may have an adverse impact on the operations and financial condition of the bank. | **11.1.** Les auditeurs internes doivent concentrer leur attention et orienter leurs ressources disponibles sur les opérations ou les unités comportant des risques importants pouvant avoir un impact négatif sur les opérations et la situation financière de la banque. |
| **11.2.** Ahari imirimo yateza ingorane yagaragajwe ni mu Bikorwa byo gutanga Inguzanyo, Ibikorwa byerekeye Amafaranga, Ibikorwa by'imari bishamikiye ku bindi, Ishoramari mu mpapuro mvunjwafaranga n'Impapuro z'agaciro zikoreshwa ku Isoko ry'Imari n'Imigabane n'Uburyo bw'ikoranabuhanga. Ibi bikorwa bikomeye ntibigarukiye kuri ibyo gusa kandi abagenzuzi b'imbere bagomba kugaragaza no gusuzuma ibindi | **11.2.** The critical operational areas identified are Credit Operations, Treasury Operations, Derivatives, Investment in Debt and Equity Securities and Information systems. These critical areas of operations are not meant to be exhaustive and the internal auditors shall also identify and review other operational areas deemed critical to the specific business to be undertaken by the bank. | **11.2**. Les domaines opérationnels critiques identifiés sont les Opérations de Crédit, les Opérations de Trésorerie, les Produits Dérivés, l'Investissement dans les Bons de Trésor, Titres de Marchés des Capitaux et les Systèmes d'Information. Ces domaines critiques des opérations ne sont pas exhaustifs et les auditeurs internes doivent également identifier et examiner d'autres domaines opérationnels jugés essentiels |

| | | |
|---|---|---|
| bikorwa bifatwa ko bikomeye ku mirimo yihariye banki yakwiyemeza. | | pour les activités spécifiques devant être entreprises par la banque. |
| **11.3.** Mu gusuzuma ahari imirimo yateza ingorane, ni ngombwa ko igenzura rigera hose. Abagenzuzi b'imbere bagomba kongera aho igenzura rigera iyo ibintu bikomeye bituzuye bitabonetse mu gihe cy'igenzura. | **11.3.** In reviewing the critical areas of the operations, it is vital that the audit coverage is comprehensive. The internal auditors shall extend their scope if serious unsatisfactory features are uncovered in the course of the audit' | **11.3.** En évaluant les domaines critiques des opérations, il est essentiel que la couverture de l'audit soit complète. Les auditeurs internes devraient élargir leur champ d'application si des caractéristiques graves et insatisfaisantes sont découvertes au cours de l'audit |
| **11.4** .Ibintu bya ngombwa byitabwaho mu gihe cy'igenzura mu mirimo inyuranye ikomeye bivugwa mu ngingo zikurikira: | **11.4.**Important features to consider when auditing different critical areas highlighted below: | **11.4** .Les éléments importants à considérer lors de l'audit dans différents domaines critiques mis en évidence sont ci-dessous: |
| **11.4.1. Ibikorwa byerekeye inguzanyo:** mu gihe cy'igenzura ry'ibikorwa byerekeye gutanga inguzanyo, abagenzuzi b'imbere bagomba kwita cyane kuri ibi bikurikira: | **11.4.1.Credit analysis operations:** When auditing the credit operations internal auditors shall put more emphasis on the: | **11.4.1. Les opérations de crédit**: lors de l'audit des opérations de crédit, les auditeurs internes doivent mettre davantage l'accent sur: |
| **a)** Ingamba zerekeye inguzanyo; | **a)** Credit strategy; | **a)** la stratégie du crédit; |
| **b)** Ingorane zaba muu murimo wo gutanga inguzanyo ubwawo; | **b)** Risks inherent in the credit operations; | **b)** les risques inhérents aux opérations de crédit; |
| **c)** Politiki n'ibikurikizwa; | **c)** Policies and procedures; | **c)** les politiques et procédures; |
| **d)** Ingwate n'inyandiko zerekeye amategeko; | **d)** Security and legal documentation; | **d)** la garantie et la documentation de juridique; |
| **e)** Gusesengura yishyurwa ry'inguzanyo, imicungire, ikurikirana n'uburyo nyabwo bwo kwishyuza; | **e)** Credit analysis disbursement, administration, monitoring and effective recovery system; | **e)** analyse de remboursement du crédit, la gestion, le suivi et le système de recouvrement efficace; |
| **f)** Ibaruramari na raporo z'imari; | **f)** Accounting and financial reporting; | **f)** la comptabilité et les rapports financiers; |

| | | |
|---|---|---|
| **g)** Guteganya amafaranga azishyurirwa imyenda | **g)** Provisioning; | **g)** la constitution des provisions; |
| **h)** Iyubahirizwa ry'ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza. | **h)** Compliance with legal and regulatory requirements. | **h)** le respect des exigences légales et réglementaires. |
| **11.4.2. Ibikorwa byerekeye amafaranga:** mu mirimo igenzurwa harimo: | **11.4.2. Treasury operations:** The control areas to be checked include: | **11.4.2**. **Opérations de trésorerie**: Les domaines de contrôle à auditer comprennent: |
| **a)** Ingorane zaterwa n'ibikorwa byerekeye amafaranga ubwabyo; | **a)** Risk inherent in treasury operations; | **a)** Les risques inhérents aux opérations de trésorerie; |
| **b)** Ibikwiye mu kubahiriza politiki n'ibikurikizwa byashyizweho; | **b)** Adequacy of compliance with established policies and procedures; | **b)** L'Adéquation de la conformité aux politiques et procédures établies; |
| **c)** Imicungire y'imitungo n'imyenda; | **c)** Assets and liabilities management; | **c)** La gestion de l'actif et du passif; |
| **d)** Ibaruramari na raporo zerekeye imari; | **d)** Accounting and financial reporting; | **d)** La comptabilité et les rapports financiers; |
| **e)** Iyubahirizwa ry'ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza. | **e)** Compliance with legal and regulatory requirements. | **e)** Le respect des exigences légales et réglementaires. |
| **11.4.3**. **Ibindi bikorwa bikomoka ku bikorwa by'imari:** Mu gukora igenzura nyaryo, abagenzuzi b'imbere bagomba kumenya no kugira ubumenyi ku bikomoka ku bikorwa by'imari n'imicururize yabyo, kandi bagomba kugendera ku bitabo na gahunda by'igenzura byuzuye. | **11.4.3. Derivatives**: To carry out their audit effectively, internal auditors shall be conversant and knowledgeable about the derivative products and transactions, and must be guided by comprehensive audit manuals and programs. | **11.4.3**. **Produits dérivés**: Pour effectuer leur audit de manière efficace, les auditeurs internes doivent connaître et avoir connaissance sur les produits dérivés et les transactions et doivent être guidés par des programmes et des manuels d'audit complets. |
| Abagenzuzi b'imbere bagomba kumenya: | Internal auditors shall be conversant with: | Les auditeurs internes doivent connaître: |
| **a)** Ibyateza ingorane mu bikomoka ku bikorwa by'imari ubwabyo; | **a)** Risk inherent in derivatives; | **a)** Les risques inhérents aux instruments dérivés; |
| **b)** Ingamba z'ishoramari; | **b)** Investment strategy; | **b)** La stratégie d'investissement; |

| | | |
|---|---|---|
| **c)** Politiki n'ibikurikizwa;<br><br>**d)** Ibaruramari na raporo zerekeye imari;<br><br>**e)** Ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza. | **c)** Policies and procedures;<br><br>**d)** Accounting and financial reporting;<br><br>**e)** Legal and regulatory requirements | **c)** Les politiques et les procédures;<br><br>**d)** La comptabilité et les rapports financiers;<br><br>**e)** Les exigences légales et réglementaires |
| **11.4.4. Ishoramari mu Mpapuro mvunjwafaranga n'Impapuro z'agaciro zikoreshwa ku isoko ry'imari n'imigabane** | **11.4.4. Investment in Debt and Equity Securities** | **11.4.4. Investissement dans les Bons du Trésor et dans les Titres de Marchés de Capitaux** |
| **a)** Ishoramari rya banki mu mpapuro mvunjwafaranga no mu mpapuro z'agaciro zikoreshwa ku isoko ry'imari n'imigabane ubusanzwe zigira uruhare mu masoko y'ingenzi abiri yerekeye imari ariyo isoko ry'imari n'imigabane, isoko ry'amafaranga n'isoko ry'ivunjisha. | **a)** A bank's investment in debt and equity securities normally involves participation in two main financial markets namely, the capital market and the money and foreign exchange market. | **a)** L'investissement d'une banque dans les Bons de Trésor et dans les Titres de Marchés de Capitaux implique normalement la participation dans deux principaux marchés financiers, à savoir le marché des capitaux et le marché monétaire et le marché des changes. |
| Ishoramari ryihariye rigizwe ubusanzwe n'impapuro mvunjwafaranga za Leta, impapuro z'agaciro zo ku masoko y'imari n'imigabane (zahawe agaciro n'iz'izitaragahawe), impapuro z'agaciro zifite aho zihuriye n'izindi n'impapuro mvunjwafaranga z'abikorera. Impapuro z'agaciro zerekeye isoko ry'imari n'imigabane n'impapuro mvunjwafaranga z'abikorera zishobora kugurwa ku isoko rya mbere cyangwa biturutse ku kwiyemeza kuzazigura. | A typical investment portfolio usually consists of public debt securities, equity securities (quoted and unquoted), equity- link securities, and private debt securities. Equity securities and private debt securities may also be acquired in the primary market or as result of underwriting commitment. | Un portefeuille typique d'investissement comprend généralement des Titres d'emprunts, des Titres de marchés des capitaux (cotés et non cotés), des Titres des capitaux apparentés et des Titres d'emprunts privés. Les titres de marchés des capitaux et les titres d'emprunt privés peuvent également être acquis sur le marché primaire ou à la suite d'un engagement de souscription. |
| Mu bigo by'amabanki, impapuro z'agaciro zerekeye isoko ry'imari n'imigabane nazo zigurwa hakoreshejwe kugurisha impapuro mvunjwafaranga no kugurana impapuro mvunjwafaranga n'impapuro z'agaciro. | In banking institutions, equity securities are also acquired in satisfaction of debt and through debt-equity conversion. | Dans les établissements bancaires, les titres de marchés des capitaux sont également acquis pour la réalisation de Bons et par la conversion des Bons du Trésor. |

| | | |
|---|---|---|
| **b)**Ishoramari n'icuruzwa ry'impapuro z'agaciro zikoreshwa ku isoko ry'imari n'imigabane bishobora gusimbura igice kinini cy'umutungo wa banki kandi impapuro z'agaciro zikoreshwa ku isoko ry'imari n'imigabane zifite agaciro gato zishobora kugira ingaruka mbi ku miterere ya banki mu byerekeye imari. | **b)**Investment and trading securities may account for a sizeable proportion of the bank's assets and hence, securities of inferior quality may have an adverse impact on the bank's financial conditions. | **b)** Les investissements et le commerce de marchés de capitaux peuvent représenter une proportion non négligeable des avoirs de la banque et, par conséquent, les titres de marchés des capitaux de qualité inférieure peuvent avoir un impact négatif sur la situation financière de la banque |
| **11.4.5. Uburyo bw'amakuru**<br><br>**a)** Banki igomba kugira uburyo bw'igenzura ry'umurimo w'ikoranabuhanga kugira ngo isuzume igenzura ry'imbere ry'uburyo ikoranabuhanga rikoramo.<br><br>**b)** Uburyo bw'ikoranabuhanga bw'abagenzuzi bwagombye gusuzuma imikorerwe y'uburyo bw'ikoranabuhanga mu gufasha ibikorwa by'ubucuruzi bwa banki n'igenzura rikwiye ku buryo bw'imicungire y'ikoranabuhanga, uburyo bw'iterambere na za gahunda, ibikorwa by'ikoranabuhanga, umutekano, kwiga amadosiye hakoreshejwe iyakure n'uburyo bwo kubika amakuru.<br><br>Mu gusuzuma uburyo bw'ikoranabuhanga, abagenzuzi bagombye kwita ku bibazo bikurikira:<br><br>▪ Ibikurikizwa mu bikorwa by'ikoranabuhanga n'igenzura rigaragara;<br><br>▪ Umutekano wa mudasobwa, urugero: itangwa n'ibikwa ry'ijambo ry'ibanga, ikurikirana ry'uburyo bwo kwinjiramo nta ruhushya; | **11.4.5.Information system**<br><br>**a)** The bank shall have an effective information system audit function to evaluate internal controls of computerized system.<br><br>**b)** The information system auditors shall review the effectiveness of information system in supporting the business activities of the bank and the adequacy of controls over the information system management, systems development and programming, computer operations and security, teleprocessing and data integrity.<br><br>In reviewing information systems, auditors shall pay particular attention to issues such as:<br><br>▪ Computer operations procedures and physical controls;<br><br>▪ Computer security, eg. Password issuance and maintenance, follow up on access violation; | **11.4.6. Système d'information**<br><br>**a)** La banque doit disposer d'une fonction de système d'information d'audit efficace pour évaluer les contrôles internes du système informatisé.<br><br>**b)** Le système d'information des auditeurs devrait examiner l'efficacité du système d'information pour soutenir les activités commerciales de la banque et l'adéquation des contrôles sur le système de gestion de l'information, le développement des systèmes et des programmes, les opérations informatiques et la sécurité, le télétraitement et l'intégrité des données.<br><br>Lors de l'évaluation des systèmes d'information, les auditeurs devraient accorder une attention particulière aux problèmes suivants:<br><br>▪ Les procédures des opérations informatiques et contrôles physiques;<br><br>▪ La sécurité informatique, par exemple, l'octroi du mot de passe, et la maintenance, le suivi de la violation d'accès; |

| | | |
|---|---|---|
| ▪ Uburyo bwizewe kandi buhari;<br><br>▪ Gahunda yo kugarura amakuru yabuze nyuma y'impanuka;<br>▪ Gushyiraho urundi rubuga rw' ikoranabuhanga. | ▪ System reliability and availability;<br><br>▪ Disaster recovery plan;<br><br>▪ Alternative processing site. | ▪ La fiabilité et la disponibilité du système;<br><br>▪ Le Plan de recouvrement de données après sinistre;<br>▪ Le site de traitement alternatif. |

**UMUGEREKA WA 2: AMAHAME Y'IGENZURA RY'IMBERE**

**APPENDIX 2: INTERNAL CONTROL PRINCIPLES**

**ANNEX 2: PRINCIPES DE CONTROLE INTERNE**

| 1. INTANGIRIRO | 1. INTRODUCTION | 1. INTRODUCTION |
|---|---|---|
| **1.1.** Kugira ngo hakemurwe ibibazo by'igenzura ry'imbere ry'amabanki hatangwa inama zishishikariza imikorere ihamye y'imicungire y'ibyateza ingorane, Banki Nkuru ishyizeho amahame akurikira mu rwego rwo gusuzuma uburyo bw'igenzura ry'imbere mu mabanki yose no mu bindi bigo by'imari. Aya mahame ategurirwa gukoreshwa mu buryo bw'igenzura ry'imbere nyaryo ritanga icyizere cy'imikorere myiza y'ibigo by'amabanki. | **1.1.** For addressing banks internal control issues through guidance that encourages sound risk management practices, the Central Bank is issuing these principles for the evaluation of internal Control systems in all banks and other financial institutions. The principles are set for the effective system of internal control that ensures safe and sound operation of banking organizations. | **1.1.** Afin de résoudre les questions de contrôle interne des banques à travers des conseils qui encouragent des pratiques solides de gestion des risques, la Banque Centrale édicte les Principes suivants pour l'évaluation des systèmes de contrôle interne dans toutes les banques et autres institutions financières. Les principes sont élaborés pour le système de contrôle interne efficace et sûr qui garantit le bon fonctionnement des institutions bancaires. |
| **1.2.** Uburyo bw'amagenzura y'imbere akaze bufasha kureba ko intego n'ibigamijwe n'ikigo cy'imari bizagerwaho, ko banki izagera ku byo igamije mu rwunguko rw'igihe kirekire kandi izakomeza gutanga raporo z'imari n'imicungire zizewe. Ubu buryo bushobora kandi gufasha kugenzura ko banki yubahiriza amategeko n'amabwiriza ndetse na politiki, gahunda, amabwiriza n'ibikurikizwa imbere no kugabanya ibyateza igihombo gitunguranye cyangwa ibyakwangiza isura nziza banki isanganywe. | **1.2.** A system of strong internal controls help to ensure that the goals and objectives of a banking organization will be met, that the bank will achieve long-term profitability targets, and maintain reliable financial and managerial reporting. Such a system can also help to ensure that the bank comply with laws and regulations as well as policies, plans, internal rules and procedures, and decrease the risk of unexpected losses or damage to the bank's reputation | **1.2.** Un système de contrôles internes rigoureux permet de s'assurer que les buts et les objectifs d'une institution bancaire seront atteints, que la banque atteindra ses objectifs de rentabilité à long terme et maintiendra des rapports financiers et de gestion fiables. Un tel système peut également aider à s'assurer que la banque se conforme aux lois et règlements ainsi qu'aux politiques, plans, règles et procédures internes et à réduire le risque de perte inattendue ou d'atteinte à la réputation de la banque. |

| 2. IGENZURA RIKORWA N'UBUYOBOZI N'UMUCO W'UBUGENZUZI | 2. MANAGEMENT OVERSIGHT AND THE CONTROL CULTURE | 2. SURVEILLANCE PAR LA DIRECTION ET CULTURE DE CONTRÔLE |
|---|---|---|
| **2.1.** Inama y'Ubutegetsi ifite inshingano zo kwemeza no gusubiramo buri gihe ingamba zose z'ubucuruzi na politiki bifitiye banki akamaro: gusobanukirwa iby'ingenzi byateza ingorane banki yahuye na byo, gushyiraho ibipimo byemewe kuri ibyo byateza ingorane no kugenzura ko ubuyobozi bufata ingamba za ngombwa zo kumenya, gupima, gukurikirana no kugenzura ibyo byateza ingaruka; kwemeza imiterere y'ikigo ; no kureba koubuyobozi bukurikirana imikorere myiza y'uburyo bw'igenzura ry'imbere.<br><br>**2.2.** Bitabangamiye ibiteganyijwe mu mabwiriza rusange yerekeye imiyoborere y'amabanki, Inama y'Ubutegetsi ifite inshingano ya nyuma yo kureba ko uburyo bw'igenzura ry'imbere buhagije kandi bukora neza bushyirwaho kandi bugashimangirwa. Abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba kutagira amarangamutima, bakaba bashoboye kandi bakagira amatsiko ndetse bakagira n'ubumenyi n'ubuzobere mu bikorwa n'ibyateje ingorane banki yahuye na byo. | **2.1.** The board of directors have responsibility for approving and periodically reviewing the overall business strategies and significant policies of the bank; understanding the major risks run by the bank, setting acceptable levels for these risks and ensuring that senior management takes the steps necessary to identify, measure, monitor and control these risks; approving the organizational structure; and ensuring that senior management is monitoring the effectiveness of the internal control system.<br><br>**2.2.** Without prejudice to the provisions of the regulation on Corporate Governance for Banks, The board of directors has the ultimate responsibility for ensuring that an adequate and effective system of internal controls is established and maintained. Board members shall be objective, capable, and inquisitive, with a knowledge or expertise of the activities of and risks run by the bank | **2.1.** Le conseil d'administration est chargé d'approuver et de réviser périodiquement les stratégies commerciales globales et les politiques importantes de la banque : comprendre les principaux risques encourus par la banque, fixer des niveaux acceptables pour ces risques et veiller à ce que la haute direction prenne les mesures nécessaires pour identifier, mesurer, surveiller et contrôler ces risques; approuver la structure organisationnelle; et veiller à ce que la haute direction surveille l'efficacité du système de contrôle interne.<br><br>**2.2.** Sans préjudice des dispositions du règlement relative à la gouvernance des banques, le conseil d'administration a la responsabilité ultime de veiller à ce qu'un système de contrôle interne adéquat et efficace soit établi et maintenu. Les membres du conseil doivent être objectifs, capables et curieux, et avoir une connaissance ou une expertise des activités et des risques encourus par la banque. |
| **2.3.** Inama y'Ubutegetsi ishyira mu bikorwa byayo<br><br>**a)** Kungurana ibitekerezo buri gihe n'ubuyobozi ku byerekeye imikorere y'uburyo bw'igenzura ry'imbere ; | **2.3.** The board of directors include in its activities<br><br>**a)** Periodic discussions with management concerning the effectiveness of the internal control system, | **2.3.** Le conseil d'administration inclut dans ses activités<br><br>**a)** Des entretiens périodiques avec la direction concernant l'efficacité du système de contrôle interne, |

| | | |
|---|---|---|
| **b)** Isubiramo rikorewe igihe ry'amasuzuma y'amagenzura y'imbere yakozwe n'ubuyobozi, abagenzuzi b'imbere n'abagenzuzi bo hanze ; | **b)** A timely review of evaluations of internal controls made by management, internal auditors, and external auditors, | **b)** Un examen opportun des évaluations des contrôles internes effectuées par la direction, les auditeurs internes et les auditeurs externes, |
| **c)** Kugaragaza buri gihe imbaraga mu kureba ko ubuyobozi bwahise bukurikirana imyanzuro n'impungenge byagaragajwe n'abagenzuzi n'inzego z'ikurikirana mu byerekeye igenzura ry'imbere ; | **c)** Periodic efforts to ensure that management has promptly followed up on recommendations and concerns expressed by auditors and supervisory authorities on internal control Internal control systems weaknesses, and | **c)** Des efforts périodiques pour s'assurer que la direction a donné suite aux recommandations et préoccupations exprimées par les auditeurs et les autorités de surveillance en matière de contrôle interne, ainsi que par les faiblesses des systèmes de contrôle interne, e |
| **d)** Isuzuma ngarukagihe ryo kureba ko ingamba zihagije n'ibipimo ntarengwa by'ibyateza ingorane muri banki. | **d)** A periodic review of the appropriateness of the bank's strategy and risk limits | **d)** Un examen périodique de l'adéquation de la stratégie et des limites de risque de la banque |
| **2.4.** Ubuyobozi bukuru bufata ibyemezo byo kureba ko ibikorwa byakozwe n'abakozi babifitiye ubushobozi kandi babifitemo uburambe ndetse n'ubushobozi bwa tekiniki bukenewe. Abakozi bashyizwe mu mirimo y'igenzura bagomba guhembwa neza. Amahugurwa n'ubumenyi ngiro by'abakozi bigomba buri gihe guhuzwa n'igihe. Ubuyobozi bukuru bugomba gushyiraho politiki zerekeye ubwishyu no guteza imbere abakozi ku buryo abagaraza imyitwarire ikwiriye babihemberwa ahubwo hakagabanywa agahimbazamusyi ku bakozi kugira ngo birengagize cyangwa ntibite ku buryo bw'igenzura ry'imbere. | **2.4.** Senior management takes steps to ensure that activities are conducted by qualified staff with the necessary experience and technical capabilities. Staff in control functions must be properly remunerated. Staff training and skills shall be regularly updated. Senior management shall institute compensation and promotion policies that reward appropriate behaviours and minimise incentives for staff to ignore or override internal control mechanisms. | **2.4.** La direction prend des mesures pour que les activités soient menées par le personnel qualifié justifiant d'une expérience et des capacités techniques nécessaires. Le personnel affecté aux fonctions de contrôle doit être correctement rémunéré. La formation et les compétences du personnel doivent être régulièrement mises à jour. La direction devrait mettre en place des politiques de rémunération et de promotion qui récompensent les comportements appropriés et minimisent les primes d'encouragement pour que le personnel ignore ou ne tient pas compte des mécanismes de contrôle interne. |

| | | |
|---|---|---|
| **2.5.** Inama y'Ubutegetsi n'ubuyobozi bukuru bafite inshingano zo gushyira imbere amabwiriza ngengamyitwarire n'ubunyangamugayo byo ku rwego rwo hejuru no gushyiraho umuco muri banki wo kwita ku kamaro k'igenzura ry'imbere kandi bakabigaragaza ku nzego zose z'abakozi. Abakozi bose ba banki bagomba gusobanukirwa uruhare rwabo mu buryo igenzura ry'imbere rikorwa kandi bakagira uruhare rugaragara mu buryo rikorwa. | **2.5.** The board of directors and senior management are responsible for promoting high ethical and integrity standards and for establishing a culture within the bank that emphasizes and demonstrates to all levels of personnel the importance of internal controls. All personnel in the bank need to understand their role in the internal controls process and be fully engaged in the process. | **2.5.** Le conseil d'administration et la direction sont chargés de promouvoir des normes d'éthique et d'intégrité élevées et de mettre en place une culture au sein de la banque qui insiste sur l'importance du contrôle interne et la démontre à tous les niveaux du personnel. Tous les membres du personnel de la banque doivent comprendre leur rôle dans le processus de contrôle interne et participer pleinement à ce processus. |
| **2.6.** Kimwe mu by'ingenzi bigize uburyo nyabwo bw'igenzura ry'imbere ni umuco uhamye uranga iryo genzura. Inama y'Ubutegetsi n'ubuyobozi bukuru bafite inshingano zo gushimangira akamaro k'igenzura ry'imbere mu byemezo bafata no mu mvugo zabo.muri ibi harimo indangagaciro z'imyitwrire ku kazi ubuyobozi bugaragaza mu mikoranire yerekeye ubucuruzi, haba imbere cyangwa hanze ya banki. | **2.6**. An essential element of an effective system of internal control is a strong control culture. It is the responsibility of the board of directors and senior management to emphasise the importance of internal control through their actions and words. This includes the ethical values that management displays in their business dealings, both inside and outside the bank. | **2.6.** Un élément essentiel d'un système de contrôle interne efficace constitue une culture de contrôle forte. Il est de la responsabilité du conseil d'administration et de la direction de souligner l'importance du contrôle interne par ses actions et ses propos. Cela inclut les valeurs éthiques que la direction affiche dans ses relations commerciales, à la fois à l'intérieur et à l'extérieur de la banque. |
| **3. KUMENYA NO GUSESENGURA IBYATEZA INGORANE** | **3.RISK RECOGNITION AND ASSESSMENT** | **3. RECONNAISSANCE ET ÉVALUATION DES RISQUES** |
| **3.1.** Uburyo bw'igenzura nyaryo ry'imbere busaba ko ibyateza ingorane zikabije bishobora kugira ingaruka ku isohozwa ry'intego za banki birimo kumenyekana kandi bikomeza gusesengurwa. Iri sesengura rigomba kureba ibyateza ingaruka byose banki ihanganye na byo n'imitunganyirize ihurijwe hamwe y'imirimo ya banki (ni ukuvuga, ingorane mu bijyanye n'inguzanyo, ingorane zerekeye gihugu, ingorane zerekeye ihererekanya, ingorane z'isoko, ibyateza ingorane ijanisha ry'inyungu, ibyateza ingorane | **3.1.** An effective internal control system requires that the material risks that could adversely affect the achievement of the bank's goals are being recognised and continually assessed. This assessment shall cover all risks facing the bank and the consolidated banking organisation (that is, credit risk, country and transfer risk, market risk, interest rate risk, liquidity risk, operational risk, legal risk and reputational risk). | **3.1.** Un système de contrôle interne efficace exige que les risques importants qui pourraient avoir un impact négatif sur la réalisation des objectifs de la banque soient reconnus et évalués en permanence. Cette évaluation doit porter sur tous les risques auxquels la banque et l'organisation bancaire consolidée sont confrontés (à savoir, risque de crédit, risque de pays et de transfert, risque de marché, risque de taux d'intérêt, risque de liquidité, risque |

| | | |
|---|---|---|
| amafaranga ahari, ingorane zerekeye imikorere, ingorane z'amategeko n'ingorane zerekeye isura). | | opérationnel, risque juridique et risque de réputation). |
| **3.4.** Amabanki akora imirimo yayo yiteze ibyateza ingorane. Ni yo mpamvu, bikwiriye ko, mu rwego rw'uburyo bw'igenzura ry'imbere, ibi byateza ingorane bimenyekana kandi bigakomeza gusesengurwa. Bitabangamiye amabwiriza rusange yerekeye imicungire y'ibyateza ingorane amabanki, amabanki agomba kumenya no gusuzuma impamvu z'imbere no hanze zishobora kubangamira ishyirwa mu bikorwa ry'imikorere y'imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, amakuru n'ibyo banki igomba kubahiriza. | **3.2.** Banks are in the business of risk-taking. Consequently, it is imperative that, as part of an internal control system, these risks are being recognised and continually assessed, without prejudice to regulation on risk management for banks, Banks shall identify and evaluate the internal and external factors that could adversely affect the achievement of the banking organization's performance, information and compliance objectives. | **3.2.** Les banques prennent des risques. Par conséquent, il est impératif que, dans le cadre d'un système de contrôle interne, ces risques soient reconnus et évalués en permanence. Sans préjudice du règlement relatif à la gestion des risques pour les banques, les banques devraient identifier et évaluer les facteurs internes et externes susceptibles d'avoir un impact négatif sur la réalisation des objectifs de performance, d'information et de conformité de la banque. |
| **3.5.** Kugira ngo uburyo bw'igenzura ry'imbere bukomeze gukora neza koko, ubuyobozi bukuru bukenera guhora busuzuma ingorane zabangamira ishyirwa mu bikorwa ry'intego bugamije no guhangana n'impinduka n'ibisabwa bikomeza guhinduka. | **3.3.** The system of internal control, to remain effective, senior management needs to continually evaluate the risks affecting the achievement of its goals and react to changing circumstances and conditions. | **3.3.** Pour rester efficace, le système de contrôle interne exige que la direction évalue en permanence les risques qui compromettent la réalisation de ses objectifs et réagisse aux changements de circonstances et de conditions. |
| Amagenzura y'imbere ashobora gukenera kuvugururwa kugira ngo abonere umuti ukwiye ingorane nshya cyangwa izitaragenzuwe mbere. Urugero: uko ikigo cy'imari kizana udushya, banki ikenera gusuzuma ibikoresho bishya by'imari n'imirimo yo ku isoko no kwita ku ngorane zijyana n'ibyo bikorwa. | Internal controls may need to be revised to appropriately address any new or previously uncontrolled risks. For example, as financial innovation occurs, a bank needs to evaluate new financial instruments and market transactions and consider the risks associated with these activities. | Les contrôles internes devront peut-être être révisés pour traiter de manière appropriée les risques nouveaux ou précédemment non maîtrisés. Par exemple, à mesure que l'innovation financière a lieu, une banque doit évaluer les nouveaux instruments financiers et les transactions sur le marché et prendre en compte les risques associés à ces activités. |

| 4. IBIKORWA NO KUVANGURA INSHINGANO | 4. ACTIVITIES AND SEGREGATION OF DUTIES | 4. ACTIVITES ET SEPARATION DES FONCTIONS |
|---|---|---|
| **4.1.** Ibikorwa by'igenzura bigomba kuba bimwe mu by'ingenzi bigize ibikorwa bya buri munsi bya banki. Uburyo nyabwo bw'igenzura ry'imbere busaba ko hashyirwaho imiterere ikwiriye y'igenzura, ku buryo ibikorwa by'igenzura bisobanurwa ku rwego rwa buri gikorwa cy'ubucuruzi. Muri byo hagomba kubamo : | **4.1.** Control activities shall be an integral part of the daily activities of a bank. An effective internal control system requires that an appropriate control structure is set up, with control activities defined at every business level. These shall include: | **4.1.** Les activités de contrôle doivent faire partie intégrante des activités quotidiennes d'une banque. Un système de contrôle interne efficace nécessite la mise en place d'une structure de contrôle appropriée, avec des activités de contrôle définies à chaque niveau d'activité. Ceux-ci devraient inclure: |
| **a)** Amasuzuma yo ku rwego rwo hejuru ; | **a)** Top level reviews; | **a)** Des évaluations au plus haut niveau; |
| **b)** Amagenzura akwiriye y'ibikorwa bigenewe amashami n'udushami bitandukanye; | **b)** Appropriate activity controls for different departments or divisions; | **b)** Des contrôles d'activité appropriés pour différents départements ou divisions; |
| **c)** Amagenzura afatika; | **c)** Physical controls; | **c)** Contrôles physiques; |
| **d)** Kugenzura iyubahirizwa ry'ibipimo ntarengwa by'imyenda no gukurikirana ibitubahirizwa; | **d)** Checking for compliance with exposure limits and follow-up on non-compliance; | **d)** Vérifier le respect des limites d'engagements et assurer le suivi en cas de non-respect; |
| **e)** Uburyo bwo kwemererwa n'impushya; | **e)** A system of approvals and authorisations; and | **e)** Un système d'approbations et d'autorisations; et |
| **f)** Uburyo bwo kugenzura no guhuza ibikorwa. | **f)** A system of verification and reconciliation. | **f)** Un système de vérification et de rapprochement. |
| **4.2.** Ibikorwa by'igenzura bigenwa kandi bigashyirwa mu bikorwa mu rwego rwo kubonera umuti ibyateza ingorane amabanki byagaragajwe hifashishijwe igikorwa cy'isesengura ry'ingorane. | **4.2.** Control activities are designed and implemented to address the risks that the bank identified through the risk assessment process. | **4.2.** Les activités de contrôle sont conçues et mises en œuvre pour traiter les risques identifiés par la banque au cours du processus d'évaluation des risques. |

| | | |
|---|---|---|
| Ibikorwa by'igenzura bigizwe n'ibyiciro bibiri:<br><br>**a)** Ishyirwaho rya politiki n'ibikurikizwa mu igenzura;<br>**b)** Kugenzura ko politiki z'igenzura n'ibikurikizwa byubahirizwa. Ibikorwa by'igenzura bibamo inzego nyinshi z'abakozi bo muri banki, harimo ubuyobozi bukuru ndetse n'abakozi bari ku murongo w'imbere muri banki. | Control activities involve two steps:<br><br>**a)** The establishment of control policies and procedures; and<br>**b)** Verification that the control policies and procedures are being complied with. Control activities involve all levels of personnel in the bank, including senior management as well as front line personnel. | Les activités de contrôle comportent deux étapes:<br><br>**a)** L'établissement de politiques et de procédures de contrôle; et<br>**b)** La vérification du respect des politiques et procédures de contrôle. Les activités de contrôle concernent tous les niveaux du personnel de la banque, y compris la direction et le personnel de première ligne. |
| **Ibikorwa by'igenzura bikubiyemo :**<br><br>**1. Amasuzuma yo ku rwego rwo hejuru cyane :** Inama y'Ubutegetsi n'ubuyobozi bukuru akenshi basaba igaragazwa n'amaraporo y'imikorere ibafasha gusuzuma intambwe banki itera igera ku ntego zayo. Urugero: ubuyobozi bukuru bushobora gusuzuma za raporo zerekana ibyo imari yagezeho koko kugeza ubu ugereranyije n'ingengo y'imari yakoreshejwe. Ibibazo ubuyobozi bukuru bugaragaza ko byavuye muri iri suzuma n'ibisubizo bitangwa n'inzeho zo hasi cyane z'ubuyobozi byerekana igikorwa cy'igenzura gishobora gutahura ibibazo bihari nk'intege nke zabaye mu igenzura, amakosa yabaye muri raporo zerekeye imari cyangwa ibikorwa by'uburiganya.<br><br>**2. Amagenzura y'ibikorwa :** Ubuyobozi ku rwego rw'ishami n'agashami bwakira kandi bugasuzuma raporo z'imikorere n'amabwiriza ngenderwaho nk'irengayobora buri munsi, buri cyumweru cyangwa buri kwezi. Amasuzuma yerekeye umurimo akunze | **Control activities include:**<br><br>**1. Top-level reviews:** Boards of directors and senior management often request presentations and performance reports that enable them to review the bank's progress toward its goals. For example, senior management may review reports showing actual financial results to date versus the budget. Questions that senior management generates as a result of this review and the ensuing responses of lower levels of management represent a control activity which may detect problems such as control weaknesses, errors in financial reporting or fraudulent activities.<br><br>**2. Activity controls:** Department or division level management receives and reviews standard performance and exception reports on a daily, weekly or monthly basis. Functional reviews occur more frequently than top-level reviews | **Les activités de contrôle comprennent :**<br><br>**1. Evaluations au plus haut niveau** : les conseils d'administration et la direction demandent souvent des présentations et des rapports de performance leur permettant d'évaluer les progrès de la banque par rapport à ses objectifs. Par exemple, la direction peut examiner les rapports indiquant les résultats financiers réels à ce jour par rapport au budget. Les questions que se pose la direction à la suite de cette évaluation et les réponses des échelons inférieurs de direction qui en résultent représentent une activité de contrôle susceptible de détecter des problèmes tels que des faiblesses de contrôle, des erreurs dans les rapports financiers ou des activités frauduleuses.<br><br>**2. Contrôles d'activité** : la direction au niveau du département ou de la division reçoit et examine les rapports de performance et d'exception standard tous les jours, toutes les semaines ou tous les mois. Les évaluations |

| | | |
|---|---|---|
| kubaho kenshi kurusha amasuzuma yo ku rwego rwo hejuru kandi ubusanzwe aba akubiyemo ibisobanuro birambuye cyane. Urugero: umucungamutungo w'inguzanyo z'ubucuruzi ashobora gusuzuma buri cyumweru raporo zerekeye ibirarane, ubwishyu bwakiriwe n'inyungu zabonetse ku mafaranga ahari, naho umukozi ushinzwe inguzanyo y'ibanze ashobora gusuzuma raporo nk'izo buri kwezi kandi mu buryo bw'incamake cyane bukubiyemo inzego zose zatanzwemo inguzanyo. Nk'uko biteye ku isuzuma ryo ku rwego rwo hejuru, ibibazo bivuka nyuma y'isuzuma ry'amaraporo ndetse n'ibisubizo kuri ibyo bibazo byerekana igikorwa cy'igenzura cyabaye. | and usually are more detailed. For instance, a manager of commercial lending may review weekly reports on delinquencies, payments received, and interest income earned on the portfolio, while the senior credit officer may review similar reports on a monthly basis and in a more summarised form, that includes all lending areas. As with the top-level review, the questions that are generated as a result of reviewing the reports and the responses to those questions represent the control activity. | fonctionnelles sont plus fréquentes que les évaluations de haut niveau et sont généralement plus détaillées. Par exemple, un gestionnaire des prêts commerciaux peut examiner les rapports hebdomadaires sur les arriérés, les paiements reçus et les intérêts perçus sur le portefeuille, tandis que l'agent de crédit principal peut examiner des rapports similaires tous les mois et sous une forme plus succincte, incluant toutes les domaines des prêts. Comme pour l'évaluation au plus haut niveau, les questions qui sont soulevées à la suite de l'examen des rapports et les réponses à ces questions représentent l'activité de contrôle. |
| 3. **Amagenzura afatika :** Amagenzura afatika muri rusange yibanda ku kubuza abantu kugera ku mitungo ifatika, harimo amafaranga n'impapuro z'agaciro. Ibikorwa by'igenzura bikubiyemo ibibujijwe ku mutungo ufatika, uburinzi bw'inyabubiri n'urutonde ngarukagihe rw'ibigize umutungo. | 3. **Physical controls:** Physical controls generally focus on restricting access to tangible assets, including cash and securities. Control activities include physical limitations, dual custody, and periodic inventories. | 3. **Contrôles physiques** : les contrôles physiques visent généralement à restreindre l'accès aux actifs corporels, notamment les liquidités et les titres. Les activités de contrôle comprennent les limitations physiques, la double garde et des inventaires périodiques. |
| 4. **Kubahiriza ibipimo ntarengwa ku myenda** : Ishyirwaho ry'ibipimo byitondewe byo kwitegeza ingorane ni igikorwa cy'ingenzi cy'imicungire y'ibyateza ingorane. Urugero: kubahiriza ibipimo ntarengwa bigenewe abagurizwa n'izindi mpande bigabanya ingorane yerekeye inguzanyo nyinshi kuri banki kandi bifasha kongera imiterere itandukanye y'ingorane za banki. Ni yo mpamvu, igikorwa cy'ingenzi cy'igenzura ry'imbere ari uburyo bwo gusuzuma iyubahirizwa ry'ibyo bipimo ntarengwa no gukurikirana ibibazo byo | 4. **Compliance with exposure limits:** The establishment of prudent limits on risk exposures is an important aspect of risk management. For example, compliance with limits for borrowers and other counterparties reduces the bank's concentration of credit risk and helps to diversify its risk profile. Consequently, an important aspect of internal controls is a process for reviewing compliance with such limits and follow-up on instances of non-compliance. | 4. **Respect des limites des engagements** : La mise en place de limites prudentes sur les expositions aux risques est un aspect important de la gestion des risques. Par exemple, le respect des limites applicables aux emprunteurs et aux autres contreparties réduit la concentration du risque de crédit de la banque et contribue à la diversification de son profil de risque. Par conséquent, un aspect important des contrôles internes constitue un processus d'examen du respect de ces limites |

| | | |
|---|---|---|
| kutubahiriza ibyo bipimo. | | et du suivi des cas de non-conformité. |
| 5. **Kwemererwa n'impushya** : Gusaba kwemererwa no kubona uruhushya ku bikorwa birenze ibipimo ntarengwa bimwe na bimwe bitanga icyizere ko urwego ruboneye rw'imicungire ruzi neza icyo gikorwa cyangwa iyo miterere kandi bifasha gushyiraho inshingano yo kubazwa ibyo umuntu yakoze. | 5. **Approvals and authorisations:** Requiring approval and authorisation for transactions over certain limits ensures that an appropriate level of management is aware of the transaction or situation, and helps to establish accountability. | 5. **Approbations et autorisations** : Exiger l'approbation et l'autorisation pour les transactions dépassant certaines limites garantit qu'un niveau approprié de gestion est au courant de la transaction ou de la situation et aide à établir la responsabilité. |
| 6. **Amagenzura no guhuza amakuru:** Amagenzura y'ibisobanuro birambuye by'imirimo n'ibikorwa n'umusaruro wavuye mu buryo bw'imicungire bwifashishijwe na banki ni ibikorwa by'ingirakamaro mu igenzura. Guhuza amakuru ngarukagihe nk'ayerekeye kugereranya imari yinjira n'isohoka ugereranyije n'inyandiko n'ifoto y'umutungo bishobora kugaragaza ibikorwa n'inyandiko bikeneye gukosorwa. Ni yo mpamvu, ibyavuye muri aya magenzura bigomba gukorerwa raporo zishyikirizwa inzego zibigenewe z'ubuyobozi igihe cyose ibibazo cyangwa ibishobora kuba ibibazo bitahuwe. | 6. **Verifications and reconciliations**: Verifications of transaction details and activities and the output of risk management models used by the bank are important control activities. Periodic reconciliations, such as those comparing cash flows to account records and statements, may identify activities and records that need correction. Consequently, the results of these verifications shall be reported to the appropriate levels of management whenever problems or potential problems are detected. | 6. **Vérifications et rapprochements** : les vérifications des détails des transactions et des activités et les résultats des modèles de gestion des risques utilisés par la banque sont des activités de contrôle importantes. Les rapprochements périodiques, tels que ceux qui comparent les flux de trésorerie aux dossiers et aux relevés de compte, peuvent identifier des activités et des dossiers nécessitant une correction. Par conséquent, les résultats de ces vérifications doivent être signalés aux niveaux de gestion appropriés chaque fois que des problèmes, réels ou potentiels, sont détectés. |
| Ibikorwa by'igenzura birushaho kugenda neza iyo byitaweho n'ubuyobozi n'abandi bakozi bose nka bimwe mu bikorwa by'ingenzi bya buri munsi bikorwa na banki. Iyo amagenzura afatwa nk'igikorwa cyiyongera ku bikorwa bya buri munsi, akenshi bigaragara nk'ibifite akamaro gake kandi bishobora kudakorwa mu bihe bimwe iyo abantu ku giti cyabo bumva bahatirwa gusohoza ibyo bakora mu gihe kigufi. Byongeye kandi, amagenzura ari mu bigize ibikorwa bya buri munsi bituma haboneka ibisubizo byihuse ku mpinduka no kwirinda amafaranga | Control activities are most effective when they are viewed by management and all other personnel as an integral part of, rather than an addition to, the daily activities of the bank. When controls are viewed as an addition to the day-to-day activities, they are often seen as less important and may not be performed in situations where individuals feel pressured to complete activities in a limited amount of time. In addition, controls that are an integral part of the daily activities enable quick responses to changing conditions and avoid | Les activités de contrôle sont plus efficaces lorsqu'elles sont considérées par la direction et par tous les autres membres du personnel comme faisant partie intégrante des activités quotidiennes de la banque, et non en tant que complément. Lorsque les contrôles sont considérés comme un ajout aux activités quotidiennes, ils sont souvent considérés comme moins importants et peuvent ne pas être effectués dans des situations où les individus se sentent obligés de mener à bien leurs activités dans un temps limité. De plus, les |

| | | |
|---|---|---|
| atangwa bitari ngombwa mu rwego rwo guteza imbere umuco uboneye w'igenzura imbere muri banki ubuyobozi bukuru bigomba kugenzura neza niba Ubugenzuzi bubarirwa mu mirimo y'ingenzi ya buri munsi ikorwa n'abayobozi babishinzwe. | unnecessary costs. As part of fostering the appropriate control culture within the bank, senior management shall ensure that adequate control activities are an integral part of the daily functions of all relevant personnel. | contrôles qui font partie intégrante des activités quotidiennes permettent de réagir rapidement aux changements de conditions et d'éviter des coûts inutiles dans le cadre de la promotion de la culture de contrôle appropriée au sein de la banque et de la direction devrait veiller à ce que des activités de contrôle adéquates fassent partie intégrante des fonctions quotidiennes de tout le personnel concerné<br>. |
| **4.3**. Uburyo bw'igenzura nyaryo ry'imbere busaba ko habaho kuvangura uko bikwiye inshingano kandi ko abakozi badahabwa inshingano zirimo igongana ry'inyungu. Inzego z'ahashobora kuba amakimbirane zigomba kumenyekana, zikagabanywa kandi zikagenzurwa mu bwitonzi no mu bwigenge. | **4.3.** An effective internal control system requires that there is appropriate segregation of duties and that personnel are not assigned conflicting responsibilities. Areas of potential conflicts of interest shall be identified, minimised, and subject to careful, independent monitoring. | **4.3.** Un système de contrôle interne efficace exige une séparation appropriée des tâches et l'absence d'attribution de responsabilités conflictuelles au personnel. Les zones de conflits d'intérêts potentiels doivent être identifiées, minimisées et soumises à une surveillance attentive et indépendante. |
| **4.4.** Ibihombo binini by'amabanki biterwa n'amagenzura y'imbere afifitse, kugira ngo hirindwe ibyo bihombo, kuvangura inshingano ni ingenzi kandi ntibigomba kugarukira ku bihe bituma habaho umuntu ku giti cye ugenzurira icyarimwe ibiro by'inyuma n'iby'imbere. | **4.4.** Major banking losses are caused by poor internal controls, to avoid such losses, segregation of duties is a key and it shall not be limited to situations involving simultaneous front and back office control by one individual. | **4.4.** Les pertes bancaires majeures sont causées par des contrôles internes médiocres. Pour éviter de telles pertes, la séparation des tâches est essentielle et ne doit pas être limitée aux situations impliquant un contrôle simultané des guichets avant et arrière par une seule personne. |
| Ibyo bishobora kuvamo ibibazo bikabije iyo nta magenzura yabugenewe yakozwe mu gihe umuntu ku giti cye afite inshingano yo : | It can also result in serious problems when there are not appropriate controls in those instances where an individual has responsibility for: | Cela peut également entraîner de graves problèmes en l'absence de contrôles appropriés dans les cas où une personne est responsable de: |
| **a)** kwemeza iyishyurwa ry'amafaranga no kuyatanga by'ukuri;<br>**b)** gucunga konti z'abakiriya;<br>**c)** Imirimo iri mu bitabo bya banki n'iby'ubucuruzi ; | **a)** Approval of the disbursement of funds and the actual disbursement;<br>**b)** Managing customer accounts;<br>**c)** Transactions in both the "banking" and "trading" books; | **a)** L'approbation du décaissement des fonds et du décaissement effectif;<br>**b)** Gerer les comptes des clients ;<br>**c)** Transactions dans les livres « bancaires » et « commerciaux»; |

| | | |
|---|---|---|
| **d)** Guha abakiriya amakuru mu buryo butanditse yerekeye imyanya bafite mu gihe bakorana ubucuruzi n'abakiriya bamwe ;<br><br>**e)** Gusuzuma niba inyandiko zihagije zerekeye inguzanyo no gukurikirana uwagurijwe nyuma yo gusaba inguzanyo ;<br><br>**f)** Izindi nzego zose aho igongana ry'inyungu rigaragara rivutse kandi ntirigabanywe n'izindi mpamvu.<br><br>Inzego z'ibishobora kubyara amakimbirane zigomba kumenyekana, zikagabanywa kandi zigakorerwa ikurikirana mu bwitonzi. Hagomba kubaho amasuzuma ngarukagihe y'inshingano n'imirimo bikorwa n'abantu b'ingenzi ku giti cyabo hagamijwe kureba ko adashobora guhishira ibikorwa bidakwiriye. | **d)** Informally providing information to customers about their positions while marketing to the same customers;<br><br>**e)** Assessing the adequacy of loan documentation and monitoring the borrower after loan origination;<br><br>**f)** Any other areas where significant conflicts of interest emerge and are not mitigated by other factors.<br><br>Areas of potential conflict shall be identified, minimised, and subject to careful monitoring. There shall also be periodic reviews of the responsibilities and functions of key individuals to ensure that they are not in a position to conceal inappropriate actions | **d)** Fournir de manière informelle des informations aux clients sur leurs positions lors de la commercialisation auprès des mêmes clients;<br>**e)** Évaluer l'adéquation de la documentation relative au prêt et surveiller l'emprunteur après la création du prêt<br><br>**f)** Tout autre domaine dans lequel des conflits d'intérêts importants apparaissent et ne sont pas atténués par d'autres facteurs.<br><br>Les zones de conflit potentiel doivent être identifiées, minimisées et soumises à une surveillance attentive. Des examens périodiques des responsabilités et des fonctions des personnes clés doivent également être effectués pour s'assurer qu'ils ne sont pas en mesure de dissimuler des actions inappropriées. |
| **5.AMAKURU N'ITUMANAHO** | **5. INFORMATION AND COMMUNICATION** | **5. INFORMATION ET COMMUNICATION** |
| **5.1.** Uburyo nyabwo bw'igenzura ry'imbere busaba ko habaho amakuru yuzuye kandi ahagije yerekeye imari y'imbere, imikorere no kubahiriza amabwiriza ndetse n'amakuru yerekeye isoko ryo hanze ku bintu n'ibisabwa by'ingirakamaro mu ifatwa ry'ibyemezo. Amakuru agomba kuba yizewe, abonekera igihe, agerwaho, kandi agatangwa mu buryo bwubahirije amategeko.<br><br>**5.2.** Uburyo nyabwo bw'igenzura ry'imbere busaba ko hashyirwaho uburyo bw'amakuru | **5.1.** An effective internal control system requires that there are adequate and comprehensive internal financial, operational and compliance data, as well as external market information about events and conditions that are relevant to decision making. Information shall be reliable, timely, accessible, and provided in a consistent format.<br><br>**5.2**. An effective internal control system requires that there are reliable information systems in place | **5.1.** Un système de contrôle interne efficace nécessite de disposer de données financières et opérationnelles internes adéquates et complètes ainsi que d'informations de marché externes sur les événements et les conditions propres à la prise de décision. Les informations doivent être fiables, opportunes, accessibles et fournies dans un format cohérent.<br>**5.2.** Un système de contrôle interne efficace nécessite la mise en place de systèmes |

| | | |
|---|---|---|
| bwizewe bwerekeye ibikorwa byose bifatika bya banki. Ubu buryo, harimo n'ubwo gufata no kwifashisha amakuru mu buryo bwa elegitoronike, bugomba kuba bwizewe umutekano, bugakurikiranwa mu bwigenge kandi bugashyigikirwa n'ibyemezo by'ingoboka bihagije. | that cover all significant activities of the bank. These systems, including those that hold and use data in an electronic form, must be secure, monitored independently and supported by adequate contingency arrangements. | d'information fiables couvrant toutes les activités importantes de la banque. Ces systèmes, y compris ceux qui contiennent et utilisent des données sous forme électronique, doivent être sécurisés, contrôlés de manière indépendante et pris en charge par des dispositions d'urgence adéquates. |
| Mu byerekeye imirimo y'amabanki, kugira ngo amakuru ahari abashe kugira akamaro, agomba kuba: | In the context of banking, in order for information to be useful it must be: | Dans le contexte bancaire, pour que l'information soit utile, elle doit être: |
| **a)** Ari ingirakamaro; | **a)** Relevant; | **a)** Pertinente; |
| **b)** Yizewe; | **b)** Reliable; | **b)** Fiable; |
| **c)** Abonekera ku gihe; | **c)** Timely accessible; | **c)** Accessible en temps opportune; |
| **d)** Kandi atangwa mu buryo busobanutse. | **d)** provided in a consistent format. | **d)** Fournie dans un format coherent. |
| Mu makuru hakubiyemo imibare igaragaza imari y'imbere mu kigo, ibikorwa no kubahiriza amabwiriza, kimwe n'amakuru yerekeye isoko ryo hanze ku bintu n'ibindi bisabwa kandi bya ngombwa mu gufata ibyemezo. Amakuru y'imbere mu kigo ari mu bigize igikorwa cyo kubika amakuru kigomba kuba gikubiyemo ibikurikizwa byashyizweho hagamijwe kugumana izo nyandiko. | Information includes internal financial, operational and compliance data, as well as external market information about events and conditions that are relevant to decision making. Internal information is part of a record-keeping process that shall include established procedures for record retention. | Les informations comprennent des données internes financières, opérationnelles et de conformité, ainsi que des informations de marché externes sur les événements et les conditions qui sont pertinents pour la prise de décision. Les informations internes font partie d'un processus de conservation des documents qui devrait inclure les procédures établies pour la conservation des documents. |
| **5.3.** Uburyo nyabwo bw'igenzura ry'imbere busaba ko habaho inzira zo guhanahana amakuru mu buryo bukora neza mu rwego rwo gutanga icyizere ko abakozi bose basobanukirwa kandi bakubahiriza bihagije za politiki n'ibindi bikurikizwa bigira | **5.3.** An effective internal control system requires effective channels of communication to ensure that all staff fully understand and adhere to policies and procedures affecting their duties and responsibilities and that other relevant | **5.3.** Un système de contrôle interne efficace requiert des circuits de communication efficaces pour garantir que tous les membres du personnel comprennent et respectent pleinement les politiques et les procédures affectant leurs devoirs |

| | | |
|---|---|---|
| ingaruka ku mirimo no ku nshingano byabo, kandi ko andi makuru ya ngombwa abasha kugera ku bakozi babikwiriye. | information is reaching the appropriate personnel. | et leurs responsabilités, et que les autres informations pertinentes parviennent au personnel approprié. |
| **5.4**. Amabanki agomba mu buryo bwihariye kumenya ibisabwa mu kigo no mu igenzura ry'imbere bifitanye isano no gutunganya amakuru ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ndetse n'akamaro ko kugira inzira ihagije yo gukora igenzura. Uko ubuyobozi bufata ibyemezo bishobora kugirwaho ingaruka n'amakuru atizewe bihagije cyangwa y'ibinyoma atangwa n'uburyo bwateguwe nabi ndetse bukagenzurwa nabi. | **5.4.** Banks must be particularly aware of the organizational and internal control requirements related to processing information in an electronic form and the necessity to have an adequate audit trail. Management decision-making could be adversely affected by unreliable or misleading information provided by systems that are poorly designed and controlled. | **5.4.** Les banques doivent être particulièrement conscientes des exigences organisationnelles et de contrôle interne relatives au traitement des informations sous forme électronique et de la nécessité de disposer d'une piste d'audit adéquate. La prise de décision de la direction pourrait être affectée par des informations peu fiables ou trompeuses fournies par des systèmes mal conçus et contrôlés. |
| Uburyo bw'amakuru y'ikoranabuhanga n'imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu itangazamakuru bufite ingorane zigomba kugenzurwa koko n'amabanki mu rwego rwo kwirinda ibyahungabanya igikorwa cy'ubucuruzi ndetse ibihombo bishobora kubaho. | Electronic information systems and the use of information technology have risks that must be effectively controlled by banks in order to avoid disruptions to business and potential losses. | Les systèmes d'information électroniques et l'utilisation de la technologie de l'information présentent des risques qui doivent être contrôlés efficacement par les banques en vue d'éviter les perturbations à l'activité commerciale et les pertes potentielles. |
| **5.5**. Amagenzura akorwa ku buryo bw'amakuru n'ikoranabuhanga agomba kuba akubiyemo amagenzura rusange n'amagenzura y'imikoreshereze. Amagenzura rusange ni amagenzura akorwa ku buryo bwifashisha za mudasobwa (urugero: mudasobwa zihuriweho, mudasobwa zikoreshwa na buri mukiriya/seriveri na mudasobwa zikorerwaho n'abazifashisha bwa nyuma) kandi atanga icyizere ku mikorere nyayo ihoraho. Mu magenzura rusange harimo ibikurikizwa imbere mu kubungabunga no kugarura amakuru, ingamba z'iterambere no kubona za porogaramu za mudasobwa, ibikurikizwa mu kuzifata neza (igenzura ry'impinduka zibaho) | **5.5.** Controls over information systems and technology shall include both general and application controls. General controls are controls over computer systems (for example, mainframe, client/server, and end-user workstations) and ensure their continued, proper operation. General controls include in-house back-up and recovery procedures, software development and acquisition policies, maintenance (change control) procedures, and physical/logical access security controls. Application controls are computerized steps within software applications and other manual procedures that control the processing of | **5.5.** Les contrôles sur les systèmes d'information et la technologie doivent inclure à la fois des contrôles généraux et des contrôles d'application. Les contrôles généraux sont des contrôles sur les systèmes informatiques (par exemple, les ordinateurs centraux, les postes de travail client / serveur et les postes de travail des utilisateurs finaux) et garantissent leur fonctionnement continu et correct. Les contrôles généraux comprennent les procédures internes de sauvegarde et de récupération, les stratégies de développement et d'acquisition de logiciels, les procédures de |

| | | |
|---|---|---|
| n'amagenzura y'umutekano wo kugera ahari ibikorwaremezo n'ibindi nkenerwa. Amagenzura y'imikoreshereze ni inzira zitunganywa hifashishijwe za mudasobwa binyuze mu bikorwa bya porogaramu zikoresha n'ibindi bikurikizwa bikoreshwa amaboko bikaba bigira uruhare mu kugenzura itunganywa ry'imirimo n'ibikorwa by'ubucuruzi. | transactions and business activities. | maintenance (contrôle des changements) et les contrôles de sécurité des accès physiques / logiques. Les contrôles d'applications sont des étapes informatisées au sein d'applications logicielles et d'autres procédures manuelles qui contrôlent le traitement des transactions et des activités commerciales. |
| **5.6. GAHUNDA Y'IBIBAZO BITANGWA MU IGENZURA RY'IBANZE RY'IMBERE**<br><br>Gahunda y'igenzura ry'ibanze ry'imbere ishyiraho uburyo busonautse na gahunda y'ibyagenzurwa. Ibibazo by'igenzura ry'ibanze ry'imbere bigomba kuba bisobanutse kandi bihuye n 'ibikenewe n'urwego. | **5.6. INTERNAL CONTROL PROGRAM QUESTIONNAIRES**<br><br>Internal control program shall set out detailed step-by-step control procedures for each controllable area which shall be controlled. Internal control program questionnaire shall be comprehensive and tailored to the industry | **5.7. QUESTIONNAIRES DU PROGRAMME DE CONTRÔLE INTERNE**<br><br>Le programme de contrôle interne doit définir des procédures détaillées, étape par étape, pour chaque domaine pouvant faire l'objet de contrôle, à savoir le questionnaire du programme de contrôle. Le questionnaire du programme doit être complet et adapté au secteur |
| **6. IKURIKIRANA RY'IBIKORWA NO GUKOSORA INENGE** | **6. MONITORING ACTIVITIES AND CORRECTING DEFICIENCIES** | **6. SURVEILLANCE DES ACTIVITES ET CORRECTION DES DEFICIENCES** |
| **6.1.** Imigendekere yose y'amagenzura y'imbere ya banki igomba gukurikiranwa ku buryo buhoraho. Gukurikirana iby'ingenzi byateza ingorane bigomba kuba mu bigize ibikorwa bya buri munsi bya banki ndetse n'amagenzura ngarukagihe akorwa n'inzego z'ibikorwa n'igenzura ry'imbere.<br><br>**6.2.** Hagomba kubaho uburyo nyabwo bw'igenzura ry'imbere kandi ryuzuye ry'uburyo bw'ubugenzuzi bw'imbere bukorwa n'abakozi | **6.1.** The overall effectiveness of the bank's internal controls shall be monitored on an ongoing basis. Monitoring of key risks shall be part of the daily activities of the bank as well as periodic evaluations by the business lines and internal audit.<br><br>**6.2.** There shall be an effective and comprehensive internal audit of the internal control system carried out by operationally | **6.1.** L'efficacité globale des contrôles internes de la banque doit faire l'objet d'un suivi permanent. Le suivi des principaux risques devrait faire partie des activités quotidiennes de la banque, de même que les évaluations périodiques par les secteurs d'activité et l'audit interne.<br><br>**6.2.** Un audit interne efficace et complet du système de contrôle interne doit être réalisé par le personnel indépendant du point de vue |

| | | |
|---|---|---|
| bigenga, babihuguriwe kandi babifitiye ubushobozi mu mikorere. Urwego rw'umurimo w'igenzura ry'imbere, nka kimwe mu bigize ikurikirana ry'uburyo bw'amagenzura y'imbere, rugomba gutanga raporo itaziguye ku nama y'ubutegetsi cyangwa kuri komite yayo y'igenzura no ku buyobozi bukuru. | independent, appropriately trained and competent staff. The internal audit function, as part of the monitoring of the system of internal controls, shall report directly to the board of directors or its audit committee, and to senior management. | opérationnel, dûment formé et compétent. La fonction d'audit interne, dans le cadre de la surveillance du système de contrôles internes, devrait directement faire rapport au conseil d'administration ou à son comité d'audit, ainsi qu'à la direction. |
| **6.3**. Inenge z'igenzura ry'imbere, zaba izagaragajwe n'urwego rw'ibikorwa, igenzura ry'imbere cyangwa undi mukozi ushinzwe igenzura, zigomba guhita zimenyeshwa ubuyobozi bireba kandi zikitabwaho bidatinze. Ibyuho binini mu igenzura ry'imbere bigomba kumenyeshwa ubuyobozi bukuru n'inama y'ubutegetsi. | **6.3.** Internal control deficiencies, whether identified by business line, internal audit, or other control personnel, shall be reported in a timely manner to the appropriate management level and addressed promptly. Material internal control deficiencies shall be reported to senior management and the board of directors. | **6.3.** Les défaillances du contrôle interne, qu'elles soient identifiées par le secteur d'activité, l'audit interne ou un autre membre du personnel de contrôle, doivent être signalées rapidement au niveau de direction approprié et traitées rapidement. Les lacunes importantes dans le contrôle interne doivent être signalées à la direction et au conseil d'administration. |
| **Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'amabwiriza rusange N° 4230 /2019- 00024 [ 614 ] YO KU WA 5/6/2019 YA BANKI NKURU Y'U RWANDA YEREKEYE IBIPIMO BY'IBANZE BIJYANYE N'UBURYO BW'IMIKORERE N'IBY'UBUGENZUZI BW'IMBERE MU MABANKI**<br><br>**(sé)**<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Guverineri** | **Seen to be annexed to the regulation N° 4230 /2019 – 00024 [ 614 ] OF 5/6/2019 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA ON MINIMUM INTERNAL CONTROL AND INTERNAL AUDIT STANDARDS IN BANKS**<br><br>**(sé)**<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Governor** | **Vu pour être annexé au règlement N° 4230 /2019 - 00024[614] DU 5/6/2019 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA SUR LES NORMES MINIMA DE CONTROLE INTERNE ET D'AUDIT INTERNE DANS LES BANQUES**<br><br>**(sé)**<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Gouverneur** |

| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA RUSANGE Nº 4230 /2019 - 00025[ 614 ] YO KUWA 5/6/2019 YA BANKI NKURU Y'U RWANDA YEREKEYE GUFUNGURA NO GUFUNGA AHANTU HAKORERA BANKI** | **REGULATION Nº 4230 /2019 - 00025[ 614 ] OF 5/6/2019 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA ON OPENING AND CLOSING A PLACE OF BUSINESS OF A BANK** | **REGLEMENT Nº 4230 /2019 - 00025[614] DU 5/6/2019 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA RELATIF A L'OUVERTURE ET A LA FERMETURE D'UN LIEU D'ACTIVITE D'UNE BANQUE** |
| **<u>ISHAKIRO</u>** | **<u>TABLE OF CONTENTS</u>** | **<u>TABLE DES MATIERES</u>** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**<br><br>**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo aya mabwiriza rusange agamije**<br><br>**<u>Ingingo ya 2</u>: Ibisobanuro by'amagambo**<br><br>**<u>UMUTWE WA II</u>: IBYICIRO BY'AHANTU HAKORERWA BANKI N'IBIGENDERWAHO MU KUHAFUNGURA**<br><br>**<u>Ingingo ya 3</u>: Ibyiciro by'ahakorera banki**<br><br>**<u>Ingingo ya 4</u>: Ibigenderwaho mu gufata ahakorera banki nk'ishami**<br><br>**<u>Ingingo ya 5</u>: Ibigenderwaho mu gufatwa nk'agashami na gishe ya banki**<br><br>**<u>UMUTWE WA III</u>: GUSABA GUFUNGURA AHAKORERA BANKI, GUHUZA NO KWIMURA AHAKORERWA** | **<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS**<br><br>**<u>Article One</u>: Purpose**<br><br>**<u>Article 2</u>: Definitions**<br><br>**<u>CHAPTER II:</u> CLASSIFICATION OF PLACES OF BUSINESS OF A BANK AND CRITERIA FOR OPENING**<br><br>**<u>Article 3:</u> Classification of place of business**<br><br>**<u>Article 4</u>: Criteria for a branch**<br><br>**<u>Article 5:</u> Criteria for sub-branch and bank guichet**<br><br>**<u>CHAPTER III:</u> APPLICATION FOR OPENING A PLACE OF BUSINESS, MERGER OR RELOCATION OF A PLACE OF BUSINES** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES**<br><br>**<u>Article Premier</u>: Objet**<br><br>**<u>Article 2</u>: Définition**<br><br>**<u>CHAPITRE II</u>: CLASSIFICATION DES LIEUX D'ACTIVITE D'UNE BANQUE ET CRITÈRES D'OUVERTURE**<br><br>**<u>Article 3</u>: Classification du lieu d'activité**<br><br>**<u>Article 4</u>: Critères pour une branche**<br><br>**<u>Article 5</u>: Critères de sous-branche et un guichet d'une banque**<br><br>**<u>CHAPITRE III</u>: DEMANDE D'OUVERTURE D'UN LIEU D'ACTIVITE, FUSION OU DEMENAGMENT** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Ibikubiye mu busabe bwo gufungura ishami** | **Article 6: Contents of application for opening a branch** | **Article 6: Contenu de la demande d'ouverture d'une branche** |
| **Ingingo ya 7: Gusaba gufungura agashami cyangwa gishe** | **Article 7: Application to open a sub- branch or bank guichet** | **Article 7: Demande d'ouverture d'une sous-branche ou guichet** |
| **Ingingo ya 8: Ahandi hantu hose ho gukorera** | **Article 8: Any other place of business** | **Article 8: Autre lieu d'activité** |
| **Ingingo ya 9: Ibisabwa imodoka ikorerwamo imirimo ya banki** | **Article 9: Mobile Van requirements** | **Article 9: Exigences d'un fourgon mobile** |
| **Ingingo ya 10: Ibisabwa mu ishyirwaho ry'imashini koranabuhanga itanga ikanakira amafaranga (ATM)** | **Article 10: ATM Installation requirements** | **Article 10: Conditions d'installation d'un guichet automatique** |
| **Ingingo ya 11: Ibipimo ntagibwa munsi ku nyubako isanzwe yo gukoreramo** | **Article 11: Minimum standards for brick and mortar place of business** | **Article 11: Normes minimales applicables à un immeuble commercial** |
| **Ingingo ya 12: Gufungura ishami cyangwa ibiro bihagarariye banki mu kindi gihugu bikozwe na banki yo mu Rwanda** | **Article 12: Opening a branch or a representative office in a foreign jurisdiction by a Rwandan bank** | **Article 12: Ouverture d'une branche ou d'un bureau de représentation dans un pays étranger par une banque rwandaise** |
| **Ingingo ya 13: Ihuzwa ry'ahakorera banki** | **Article 13: Merger of places of business** | **Article 13: Fusion des lieux d'activité de la banque** |
| **Ingingo ya 14: Kwimura aho gukorera** | **Article 14: Re-location of place of business** | **Article 14: Déménagement du lieu d'activité** |
| **Ingingo ya 15: Amafaranga y'isaba** | **Article 15: Application fee** | **Article 15: Frais de demande** |
| **Ingingo ya 16: Gusuzuma ubusabe** | **Article 16: Assessment of the application** | **Article 16: Analyse de la demande** |
| **Ingingo ya 17: Ubugenzuzi bukorwa na Banki Nkuru** | **Article 17: Inspection by Central Bank** | **Article 17: Inspection par la Banque Centrale** |
| **Ingingo ya 18: Kunanirwa gutangiza ibikorwa** | **Article 18: Failure to commence operation** | **Article 18: Manquement á l'obligation de commencer l'opération** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA III : IBIGENDERWAHO MU GUFUNGA AHANTU HO GUKORERA** | **CHAPTER III: CRITERIA FOR CLOSING A PLACE OF BUSINESS** | **CHAPITRE III: CRITERES DE FERMETURE D'UN LIEU D'ACTIVITE** |
| **Ingingo ya 19: Gufunga ahantu ho gukorera** | **Article 19: Closure of a of place business** | **Article 19: Fermeture d'un lieu d'activité** |
| **Ingingo ya 20: Gusaba uruhushya** | **Article 20: Request for approval** | **Article 20: Demande d'autorisation** |
| **Ingingo ya 21: Ibindi bisabwa mu gufunga aho gukorera** | **Article 21: Other requirements for closing a place of business** | **Article 21: Autres conditions requises pour la fermeture d'un lieu d'activité** |
| **Ingingo ya 22: Ifunga ry'agateganyo ry'ahakorerwa imirimo ya banki** | **Article 22 : Temporally closure of a place of business** | **Article 22: Fermeture temporaire d'une place d'activités** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 23: Kumenyesha Banki Nkuru impinduka iyo ari yo yose ifatika** | **Article 23: Notification to the Central Bank for any substantial modification** | **Article 23: Notification à la Banque Centrale de toute modification substantielle** |
| **Ingingo ya 24: Ingamba zo gukosora n'ibihano** | **Article 24: Corrective measures and penalties** | **Article 24: Mesures correctives et sanctions**. |
| **Ingingo ya 25: Itegurwa n'isuzumwa ry'aya mabwiriza rusang** | **Article 25: Drafting and consideration of this Regulation** | **Article 25: Initiation et examen du présent règlement** |
| **Ingingo ya 26: Ivanwaho ry'ingingo inyuranyije n'aya mabwiriza rusange** | **Article 26: Repealing provisions** | **Article 26: Dispositions abrogatoires** |
| **Ingingo ya 27: Igihe aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa** | **Article 27: Commencement** | **Article 27: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA RUSANGE Nº 4230 /2019 – 00025 [ 614 ] YO KUWA 5/6/2019 YA BANKI NKURU Y'U RWANDA YEREKEYE GUFUNGURA NO GUFUNGA AHANTU HAKORERA BANKI** | **REGULATION Nº 4230 /2019 – 00025 [ 614] OF 5/6/2019 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA ON OPENING AND CLOSING A PLACE OF BUSINESS OF A BANK** | **REGLEMENT Nº 4230 /2019 – 00025 [ 614 ] DU 5/6/2019 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA RELATIF A L'OUVERTURE ET A LA FERMETURE D'UN LIEU D'ACTIVITE D'UNE BANQUE** |
| Ishingiye ku Itegeko N°48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda cyane mu ngingo zaryo iya 5, iya 6, iya 8, iya 9, iya 10 n'iya 15; | Pursuant to Law N°48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda especially in its articles 5, 6, 8, 9,10 and 15; | Vu la Loi Nº 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda spécialement en ses articles 5, 6, 8, 9, 10 et 15; |
| Ishingiye ku Itegeko Nº 47/2017 ryo ku wa 23/9/2017 rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, cyane mu ngingo zaryo iya 9, iya 63 n'iya 111; | Pursuant to Law Nº 47/2017 of 23/9/2017 governing the organization of banking, especially in articles 9, 63 and 111; | Vu la Loi Nº 47/2017 du 23/09/2017 portant organisation de l'activité bancaire, spécialement en ses articles 9, 63 et 111 ; |
| Banki Nkuru y'u Rwanda, mu ngingo zikurikira yitwa "**Banki Nkuru**" itegetse: | The National Bank of Rwanda, hereinafter referred to as « **the Central Bank**», decrees: | La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée «**Banque Centrale** », édicte: |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo aya mabwiriza rusange agamije** | **<u>Article One</u>: Purpose** | **<u>Article Premier</u> : Objet** |
| Aya mabwiriza rusange agamije gushyiraho amategeko yihariye n'ibikurikizwa mu gufungura, gufunga cyangwa kwimura ahantu hakorerwa imirimo ya banki. | This regulation aims at establishing rules and procedures for the opening, closing or relocating place of business of a bank. | Le présent règlement a pour objet d'établir des règles et des procédures pour l'ouverture, la fermeture ou le déménagement d'un lieu d'activité d'une banque. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Ibisobanuro by'amagambo** | **<u>Article 2</u>: Definitions** | **<u>Article 2</u>: Définitions** |
| Muri aya mabwiriza rusange, amagambo akurikira asobanura ibi bikurikira: | In this Regulation, the following terms have the following meaning: | Dans le présent règlement, les termes suivants ont les significations suivantes: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° **ahakorera banki:** ahakorera banki hose ariko atari ku cyicaro gikuru, harimo ishami ryayo, agashami, imashini koranabuhanga itanga cyangwa ikanakira amafaranga (ATM) n'ahandi hose hakorerwa ibikorwa bya banki; | 1° **a place of business of a bank:** any premises, other than the head office, including branch, sub-branch/outlet, Automated Teller Machine (ATM), or any other place where banking activities are operated; | 1° **un lieu d'activité de la banque**: Tout lieu autre que le siège social, y compris la branche, la succursale, l'agence, les guichets automatiques bancaires (ATMs) ou tout lieu où les activités bancaires sont effectuées; |
| 2° **banki:** isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ifite uburyozwe bugarukira ku migabane ; cyangwa koperative yemerewe na Banki Nkuru gukora imirimo yo kwakira no kubika amafaranga no gutanga inguzanyo ku giti cyayo. Cyakora, banki z'iterambere ntizemerewe kwakira no kubika amafaranga ya rubanda; | 2° **bank:** a public company limited by shares or a cooperative licensed by the Central Bank to undertake activities of accepting deposits and granting loans for its own account. However, development banks are prohibited to collect deposits from the public; | 2° **banque**: société publique à responsabilité limitée par action ou une coopérative agréée par la Banque Centrale pour effectuer des activités de recevoir des fonds pour dépôts et octroyer des prêts pour son propre compte. Toutefois, les banques de développement ne sont pas autorisées à collecter des dépôts du public; |
| 3° **Inyubako ikoreramo ubucuruzi:** ahantu hari ibikorwaremezo aho serivisi za banki zishobora gutangirwa. | 3° **brick and mortar place of business:** physical locations where banking services can be delivered . | 3° **Immeuble commercial:** lieux physiques où les services bancaires peuvent être fournis. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: IBYICIRO BY'AHANTU HAKORERA BANKI N'IBIGENDERWAHO MU KUHAFUNGURA** | **<u>CHAPTER II:</u> CLASSIFICATION OF PLACES OF BUSINESS OF A BANK AND CRITERIA FOR OPENING** | **<u>CHAPITRE II</u>: CLASSIFICATION DES LIEUX D'ACTIVITE D'UNE BANQUE ET CRITÈRES D'OUVERTURE** |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ibyiciro by'ahakorera banki** | **<u>Article 3:</u> Classification of place of business** | **<u>Article 3</u>: Classification du lieu d'activité** |
| Uretse aho itegeko ribiteganya ukundi, muri aya mabwiriza rusange, ahakorera banki hashyirwa mu byiciro mu buryo bukurikira: | Except where the law provides otherwise, for the purpose of this regulation, Places of banking business shall be categorized as follows: | Sauf disposition contraire de la loi, aux fins du présent règlement, les lieux des activités bancaires sont classés comme suit: |
| 1° Amashami ; | 1° Branches; | 1° Branches ; |
| 2° Udushami cyangwa gishe ; | 2° Sub- branches or bank guichets; | 2° Sous-branches ou guichets; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° ahantu hose hashobora gukorerwa imirimo y'amabanki. | 3° Any other place of banking business or banking outlet. | 3° Tout autre lieu pouvant abriter ou faciliter des services bancaires. |
| Banki Nkuru yihariye ububasha bwo kuzamura cyangwa kumanura mu cyiciro ahantu aho ari ho hose hakorera banki mu gihe ibona ko ibisabwa byuzuye cyangwa bituzuye. | The Central Bank reserves the right to upgrade or downgrade any place of banking business when it is satisfied that the conditions are met or not. | La Banque Centrale se réserve le droit de rehausser ou de rétrograder tout lieu d'activité bancaire lorsqu'elle estime que les conditions sont remplies ou pas. |
| Ibigenderwaho mu gushyira mu byiciro biteganijwe muri aya mabwiriza rusange. | Criteria of classification are set out in this regulation. | Les critères de classification sont énoncés dans le présent règlement. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Ibigenderwaho mu gufata ahakorera banki nk'ishami** | **<u>Article 4:</u> Criteria for a branch** | **<u>Article 4</u>: Critères pour une branche** |
| Ahakorerwa imirimo ya banki hafatwa nk'ishami mu gihe hatangirwa nibura imirimo ikurikira: | The place of business of banking shall be considered as a branch when and if it offers at least the following services: | Le lieu d'activité bancaire est considéré comme une branche si et seulement si elle offre au moins les services suivants: |
| 1° kwakira amafaranga ya rubanda agenewe kubitswa;<br>2° gutanga inguzanyo;<br>3° kwishyura amafaranga;<br>4° gutanga serivisi zo guhererekanya amafaranga ;<br>5° gufungura konti;<br>6° gutanga agatabo ka sheki;<br>7° ibindi bikorwa by'amabanki. | 1° Collecting deposits from the public;<br>2° granting loans;<br>3° cash payments;<br>4° offering services of money transfer;<br>5° account opening;<br>6° cheque book issue;<br>7° other banking activities. | 1° Collecte des dépôts du public;<br>2° octroi de prêts;<br>3° paiements en espèces;<br>4° offrir des services de transfert d'argent ;<br>5° ouverture de compte;<br>6° émission de carnets de chèques;<br>7° autres activités bancaires. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Ibigenderwaho mu gufatwa nk'agashami na gishe ya banki** | **<u>Article 5:</u> Criteria for sub-branch and bank guichet** | **<u>Article 5</u>: Critères de sous-branche et un guichet d'une banque** |
| Ahakorera banki hafatwa nk'agashami cyangwa gishe mu gihe hakorerwa nibura imirimo y'amabanki ikurikira; | The place of business shall be considered as a sub- branch or bank guichet when and if it offers at least the following services : | Le lieu d'activité de la banque n'est considéré comme une sous-branche ou un guichet d'une banque si et seulement si elle offre au moins les services suivants: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° kwakira amafaranga abikijwe; | 1° receiving deposit; | 1° recevoir les dépôts ; |
| 2° kwishyura amafaranga; | 2° cash payment; | 2° paiement en espèces ; |
| 3° gufungura konti ; | 3° account opening; | 3° ouverture de compte ; |
| 4° serivisi zo kohererezanya amafaranga ; | 4° money transfer services; | 4° services de transfert d'argent ; |
| 5° kwakira ubusabe bw'abakiriya ku bijyanye n'inguzanyo bakabwohereza ku ishami kugira ngo busuzumwe. | 5° receiving customers' loan applications and send them at the branch for processing. | 5° recevoir les demandes de prêt des clients et les envoyer à l'agence pour traitement. |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: GUSABA GUFUNGURA AHAKORERA BANKI, GUHUZA NO KWIMURA AHAKORERWA** | **<u>CHAPTER III:</u> APPLICATION FOR OPENING A PLACE OF BUSINESS, MERGER OR RELOCATION OF A PLACE OF BUSINESS** | **<u>CHAPITRE III</u>: DEMANDE D'OUVERTURE D'UN LIEU D'ACTIVITE, FUSION OU DEMENAGMENT** |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Ibikubiye mu busabe bwo gufungura ishami** | **<u>Article 6</u>: Contents of application for opening a branch** | **<u>Article 6</u>: Contenu de la demande d'ouverture d'une branche** |
| Banki iyo ari yo yose yifuza gufungura ishami rishya ibisabira uruhushya rwa Banki Nkuru. Ubusabe bwayo bugomba guherekezwa n'inyigo irambuye y'ibikorwa biteganwa hakubiyemo: | Any bank wishing to open a new branch shall apply to the Central Bank. The application shall be accompanied by a detailed feasibility study of the future operations including: | Toute banque souhaitant ouvrir une nouvelle succursale s'adressera à la Banque centrale. La demande doit être accompagnée d'une étude de faisabilité détaillée des opérations futures, notamment: |
| 1° imirimo ya banki izakorerwa ku ishami ; | 1° banking activities to be provided at the branch; | 1° activités bancaires à être fourni par la branche ; |
| 2° ibisobanuro birambuye by'amafaranga azakoreshwa, habariwemo ubukode, imishahara, ibigenerwa abakozi; | 2° details of operating expenses including rents, salaries, employee benefits; | 2° détails sur des dépenses de fonctionnement incluant loyers, salaires, avantages du personnel ; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° amafaranga abitse n'umutungo w'amafaranga y'ingoboka; | 3° liquid and cash reserve assets; | 3° avoirs de liquidités et de trésorerie; |
| 4° amakuru agaragaza uburyo ahantu hashyashya banki igiye gukorera hajyanye n'icyerekezo na gahunda igaragaza ingamba za banki; | 4° information demonstrating how the new place of business fits into the bank's corporate vision and strategic plan; | 4° des informations quant à la façon dont le nouveau lieu d'activité cadre avec la vision et le plan stratégique de la banque. |
| 5° imitungo itimukanwa, habariwemo inyubako z'ubucuruzi n'amasezerano y'ubukode mu gihe izo nyubako ari iz'undi muntu; | 5° fixed assets, including business premises and a lease agreement where the premises belong to a third party; | 5° les biens immobiliers, y compris les locaux commerciaux et un contrat de location lorsque ces locaux appartiennent à un tiers; |
| 6° amakuru y'ibarurishamibare n'andi makuru ashobora kwegeranywa yerekeye agace usaba yifuza gukoreramo, harimo nk'abaturage b'ako gace, gahunda z'ubuhinzi, ubucuruzi, iterambere ry'inganda n'inyubako zisanzweho zikoreramo banki ; | 6° statistical and other data which may have been collected in respect of the area in which the applicant intends to serve including but not limited to population of the area, schemes of agriculture, business, industrial development, and existing banking facilities; | 6° les données statistiques et autres qui peuvent avoir été collectées concernant la zone dans laquelle le demandeur a l'intention de servir y compris notamment, la population de la zone, les régimes d'agriculture, l'activité commerciale, le développement industriel et les installations bancaires existantes ; |
| 7° amakuru agaragaza ikimenyetso cy'ibyemezo byafashwe mu byerekeye imicungire, harimo uburyo bwo guhangana n'ibyateza ingorane bizashyirwaho mu kubyaza umusaruro ahazakorera banki n'uburyo bizinjizwa mu miterere n'ibyemezo by'imicungire rusange ya banki; | 7° information proving the management arrangements including the risk management systems that will be put in place for the place of business operation and how these will be integrated into the bank's overall management structure and arrangements; | 7° les informations prouvant les dispositions prises en matière de gestion, y compris les systèmes de gestion des risques qui seront mis en place pour l'exploitation du lieu d'activité et leur intégration dans la structure et les dispositions de gestion globales de la banque ; |
| 8° ibisobanuro by'imiterere y'ubuyobozi izifashishwa na banki, harimo uburyo bwo guhererekanya amakuru hagati y'ishami riteganyijwe gufungurwa n'icyicaro gikuru. | 8° description of the management structure to be used by the bank including the reporting linkages between the proposed branch and head office. | 8° la description de la structure de direction à adopter par la banque, y compris les liens des rapports échangés entre la branche proposée et le siège social. |
| Indi nyandiko iyo ari yo yose cyangwa amakuru byasabwa na Banki Nkuru. | Any other document or information as the Central Bank may require. | Tout autre document ou information pouvant être requis par la Banque Centrale |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 7: Gusaba gufungura agashami cyangwa gishe** | **Article 7: Application to open a sub- branch or bank guichet** | **Article 7: Demande d'ouverture d'une sous-branche ou guichet** |
| Banki yifuza gufungura agashami cyangwa gishe ishyikiriza Banki Nkuru inyandiko zikurikira: | An applicant bank wishing to open a sub – branch or bank guichet shall submit to the Central Bank the following: | Une banque requérante qui souhaite ouvrir une sous-branche soumet à la Banque Centrale les documents suivants: |
| 1° uruhushya Banki Nkuru yahaye ishami ry'aho agashami cyangwa Gishe bigomba kuba biherereye; | 1° A Central Bank's approval of the branch where the sub-branch or bank guichet shall be located; | 1° une autorisation que la Banque Centrale a octroyée à la branche où la sous-branche ou le guichet doit être situé ; |
| 2° amakuru agaragaza uburyo ahantu hashyashya banki igiye gukorera hajyanye n'icyerekezo na gahunda igaragaza ingamba za banki; | 2° information demonstrating how the new place of business fits into the bank's corporate vision and strategic plan; | 2° des informations quant à la façon dont le nouveau lieu d'activité cadre avec la vision et le plan stratégique de la banque; |
| 3° uduce tw'akarere n'inzego z'ubukungu bizagezwaho serivisi; | 3° the geographical and economic service areas to be served; | 3° les zones de services géographiques et économiques à servir; |
| 4° izindi nyandiko izo ari zo zose Banki Nkuru yasaba. | 4° any other documents that may be requested by the Central Bank. | 4° tout autre document pouvant être demandé par la Banque Centrale. |
| **Ingingo ya 8: Ahandi hantu hose ho gukorera** | **Article 8: Any other place of business** | **Article 8: Autre lieu d'activité** |
| Banki igomba kumenyesha Banki Nkuru, mu gihe ishaka gufungura ahakorerwa imirimo ya banki hadasabirwa uruhushya rwa Banki Nkuru. | A bank shall notify to the Central Bank, in case of opening a place of business for which the Central Bank does not require application for approval. | La banque doit notifier à la Banque Centrale, en cas d'ouverture d'un lieu d'activité bancaire pour lequel la Banque Centrale n'exige pas de demande d'approbation. |
| Ntabwo ari ngombwa ko banki imenyesha Banki Nkuru, mu bihe bikurikira: | For the following, a bank does not need to notify the Central Bank: | Pour ce qui suit, une banque n'a pas besoin d'avertir la Banque Centrale: |
| 1° igihe abakozi ba banki bagiye gusura abakiriya hanze yaho banki ikorera bakagira ibikorwa bya banki babakorera; | 1° instances where bank officers visit customers outside the bank premises and transact business with them; | 1° des cas où des agents de banque rendent visite aux clients en dehors des locaux de la banque et traitent avec eux; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° gutanga serivisi za banki mu buryo bw'igihe gito bikorewe ahantu hahurira abantu benshi nko mu nsengero, mu mashuli, mu birori, mu imurikagurisha, mu nama, mu masoko ndetse no ku mihanda. | 2° banking services carried out at temporary outlets operated at public places such as temples, schools, celebrations, exhibitions, conferences, markets and streets. | 2° les services bancaires effectués dans des points de vente temporaires opérant dans des lieux publics tels que des temples, des écoles, des fêtes, des expositions, des conférences, des marchés et des rues. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Ibisabwa imodoka ikorerwamo imirimo ya banki** | **<u>Article 9</u>: Mobile Van requirements** | **<u>Article 9</u>: Exigences d'un fourgon mobile** |
| Banki ikoresha imodoka ikoreramo imirimo ya banki igomba kubanza kuzuza ibisabwa bikurikira: | Any bank using a Mobile Van as a place of banking business shall ensure that it meets the following requirements: | Toute banque utilisant un fourgon mobile comme lieu d'activité bancaire doit s'assurer que celui-ci répond aux exigences suivantes: |
| 1° imiterere inoze y'umutekano w'iyo modoka ndetse n'imodoka zigenda ziyiherekeje ; | 1° security features and convoy; | 1° fonctions de sécurité d'un fourgon mobile et de son convoi ; |
| 2° ubwishingizi bw'imodoka ikoreramo banki ndetse n'ubw'amafaranga ; | 2° insurance coverage for both van and funds; | 2° assurance pour fourgonnette et de fonds ; |
| 3° ikindi cyose banki yasanga ari ingenzi ku bw'umutekano w'iyo modoka. | 3° any other requirement that a bank deems necessary for safeness of the van. | 3° toute autre exigence qu'une banque juge nécessaire à la sécurité du fourgon. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ibisabwa mu ishyirwaho ry'imashini koranabuhanga itanga ikanakira amafaranga (ATM)** | **<u>Article 10:</u> ATM Installation requirements** | **<u>Article 10:</u> Conditions d'installation d'un guichet automatique** |
| Banki igomba kumenya neza ko ahantu hashyizwe imashini koranabuhanga itanga ikanakira amafaranga hafite umutekano uhagije. | A bank shall ensure that the place where Automated Teller Machine is located has adequate security. | La banque doit s'assurer que le lieu où se trouve le guichet automatique dispose d'une sécurité suffisante. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 11:</u> Ibipimo ntagibwa munsi ku nyubako isanzwe yo gukoreramo** | **<u>Article 11:</u> Minimum standards for brick and mortar place of business** | **<u>Article 11</u>: Normes minimales applicables à un immeuble commercial** |
| Mu gihe ari inyubako ikorerwamo umurimo wa banki igomba kuba yujuje ibipimo ngenderwaho bikurikira: | In case of brick and mortar place of business, the place of banking business has to meet the following standards: | S'il s'agit d'un immeuble commercial où les services bancaires peuvent être fournis, ce lieu doit respecter les normes suivantes: |
| 1° iri mu rusisiro rurangwa n'ubucucike bw'ingo, ibigo by'ubucuruzi n'ubwinshi bw'urujya n'uruza; | 1° household density, proximity to business firms and traffic volume; | 1° densité des ménages, proximité des entreprises commerciales et volume de traffic ; |
| 2° kuba igerwaho n'abantu bose ; | 2° accessible for all; | 2° accessible à tous ; |
| Bitabangamiye igika cya mbere cy'iyi ngingo, inyubako yo gukoreramo igomba kuba irimo ibikoresho bikurikira: | Without prejudice to paragraph one of this article, brick and mortar has to meet the following functioning equipments: | Sans préjudice aux dispositions du premier paragraphe du présent article, un immeuble doit être muni d'équipements de fonctionnement suivants : |
| 1° icyumba kinini cya banki aho abakiriya bahurira n'abakozi batanga amafaranga n'abashinzwe kwakira abakiriya bagana banki; | 1° a convenient Banking hall where clients meet Tellers and customers 'services staff ; | 1° une grande salle bancaire convenable où les clients rencontrent les caissiers et le service á la clientèle |
| 2° serivisi z'ubwunganizi mu ikoranabuhanga n'ibikorwaremezo; | 2° back office; | 2° le service d'appui; |
| 3° umwanya wo gutunganyirizamo imirimo y'ishami; | 3° the branch's loading bay; | 3° le quai de chargement de la branche; |
| 4° icyumba kirimo imashini za seriveri n'aho gusubukurira imirimo; | 4° server room and business resumption; | 4° salle des serveurs et reprise des activités; |
| 5° umutekano rusange n'umutekano wihariye. | 5° general and special Security. | 5° securite générale et spéciale. |
| Banki Nkuru igenzura ibisabwa biteganyijwe muri iyi ngingo yifashishije urutonde rw'ibigenzurwa ruri ku mugereka uri kuri aya mabwiriza rusange. | The Central Bank crosschecks requirements as stated in this Article by using the checklist available on the Appendix of this regulation. | La Banque Centrale vérifie les exigences énoncées dans le présent article en utilisant la liste de contrôle mis en Annexe du présent règlement. |

| | | |
|---|---|---|
| <u>Ingingo ya 12:</u> **Gufungura ishami cyangwa ibiro bihagarariye banki mu kindi gihugu bikozwe na banki yo mu Rwanda** | <u>Article 12</u>: **Opening a branch or a representative office in a foreign jurisdiction by a Rwandan bank** | <u>Article 12:</u> **Ouverture d'une branche ou d'un bureau de représentation dans un pays étranger par une banque rwandaise** |
| Banki yo mu Rwanda yifuza gufungura ishami, cyangwa ibiro bihagarariye banki mu kindi gihugu, ibisabira uruhushya rutangwa na Banki Nkuru. | A Rwandan bank proposing to open a branch, representative office in a foreign jurisdiction, shall request the approval of the Central Bank. | Une banque rwandaise qui envisage d'ouvrir une branche, un bureau de représentation dans un pays étranger doit demander l'approbation de la Banque Centrale |
| Banki Nkuru itanga gusa uruhushya iyo bigaragara ko usaba yujuje ibikurikira: | The Central Bank shall grant the approval only if it is satisfied that the following requirements are met: | La Banque Centrale n'accorde l'approbation que si elle est satisfaite que les conditions suivantes sont remplies: |
| 1° imari shingiro y'ibanze isabwa mu gufungura banki yabyawe n'indi, ishami cyangwa ibiro bihagarariye banki; | 1° immediate capital required to open branch or representative office; | 1° capital immédiat nécessaire pour ouvrir une branche ou un bureau de représentation ; |
| 2° umwanzuro w'Inama y'Ubutegetsi wemeza ifungurwa ry'ishami cyangwa ibiro bihagarariye banki ; | 2° board resolution approving the opening of a branch outside Rwanda or representative office; | 2° résolution du conseil d'administration approuvant l'ouverture d'une branche ou un bureau de représentation; |
| 3° inshamake y'uko ubukungu bw'igihugu igiye gukoreramo bwifashe; | 3° a brief on the economic conditions of the host country; | 3° un résumé sur la situation économique du pays hôte; |
| 4° inyigo y'umushinga w'ishami cyangwa ibiro bihagarariye banki; | 4° business plan for a branch or representative office; | 4° plan d'activités pour une branche ou un bureau de représentation; |
| 5° ishusho y'inyungu n'ibizatakazwa byitezwe ndetse n'ifoto y'umutungo mu myaka itatu (3) iri imbere. | 5° a table of expected income and expenditure and Projected Balance Sheet for the next three years. | 5° un tableau des revenus et des dépenses attendus et un bilan prévisionnel pour les trois prochaines années. |

| Ingingo ya 13 : Ihuzwa ry'ahakorera banki | Article 13: Merger of places of business | Article 13: Fusion des lieux d'activité de la banque |
|---|---|---|
| Banki zemerewe guhuza amashami, udushami cyangwa gishe iyo hari impamvu zumvikana kandi zihamye zisobanura impamvu y'iryo huzwa. | Banks may merge branches, sub-branches or guichet where rational reason(s) are provided to justify the merger. | Les banques peuvent fusionner des branches, sous branches ou guichets s'il y a des motifs valables qui justifient la fusion. |
| Nta guhuza amashami, udushami cyangwa gishe bitabanje gutangirwa uruhushya na Banki Nkuru. | No merger of branches sub-branches or guichet is allowed without a prior authorization from the Central Bank. | Aucune fusion de branches, de sous branches ou de guichets bancaires n'est permise sans l'autorisation préalable de la Banque Centrale. |
| Kugira ngo Banki Nkuru yemerere amashami, udushami cyangwa gishe guhuzwa, banki isaba igomba kuzuza ibikurikira : | In order for the Central Bank to grant the approval of merger of branches or guichet, the applicant bank shall meet the following: | Pour que la Banque Centrale puisse autoriser la fusion de branches ou de guichets, la banque requérante doit remplir les conditions suivantes: |
| 1° impamvu y'iryo huzwa; | 1° justification for merger; | 1° justification de la fusion; |
| 2° umwanzuro w'inama y'ubutegetsi wemeza ihuzwa n'ikiguzi bitwara ; | 2° a resolution of the Board of Directors approving the fusion and cost involved; | 2° une résolution du Conseil d'administration approuvant la fusion et les coûts impliqués; |
| 3° ibisobanuro birambuye by'amashami cyangwa ahatangirwa serivisi za banki bigiye guhuzwa ; | 3° the details of the branches or outlets to be merged; | 3° les détails des branches ou des points de service à fusionner; |
| 4° intera iri hagati y'amashami cyangwa ahatangirwa serivisi za banki hasabirwa guhuzwa ;<br>5° umubare w'abakiriya bakirirwa ahantu hahuzwa ; | 4° the distance between the branches or outlets to be merged;<br>5° the number of customers served in places of businesses to be merged; | 4° la distance entre les branches ou les points de services à fusionner;<br>5° le nombre de clients servis dans les lieux d'activités à fusionner; |
| 6° umubare w'abakozi bakorera ahagiye guhuzwa ndetse n'umushinga ugaragaza uko abakozi bazashyirwa mu myanya cyangwa kubasezerera. | 6° the number of staff working in the affected place of businesses and the proposed redeployment or exit plan. | 6° le nombre du personnel travaillant dans le lieu d'activités à fusionner concernés et le plan de redéploiement ou de sortie proposé. |
| Iyo Banki Nkuru ibona ko usaba yujuje ibisabwa byose, itanga uruhushya rwo guhuza mu minsi cumi | If the Central Bank is satisfied that the applicant fulfils all the requirements, it shall grant an | Si la Banque Centrale estime que la banque requérante remplit toutes les conditions, elle |

| | | |
|---|---|---|
| n'itanu (15) uhereye igihe yakiriye ibaruwa ibisaba. | approval for merger within fifteen (15) days from the receipt of the application. | approuve la fusion dans les quinze (15) jours à compter de la réception de la demande. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Kwimura aho gukorera** | **<u>Article 14:</u> Re-location of place of business** | **<u>Article 14</u>: Déménagement du lieu d'activité** |
| Kwimura aho gukorera bivuze imirimo ya banki kuva aho yakorerwaga hamwe ikajyanwa ahandi ariko hegeranye. | A place of business shall be considered as re-located only if it moves from one place to another in the same vicinity. | Un lieu d'activité ne sera considéré comme déménagé que s'il se déplace d'un lieu à un autre dans le même voisinage. |
| Bitabangamiye ibiteganyijwe muri iyi ngingo, banki ntigomba kwimura aho ikorera idafite uruhushya rwanditse rwa Banki Nkuru. | Notwithstanding the provisions of this Article, a bank shall not relocate its place of business without the written approval of the Central Bank. | Nonobstant les dispositions du présent article, une banque ne doit pas déplacer son lieu d'activité sans l'autorisation écrite de la Banque Centrale. |
| Ibaruwa isaba uruhushya igomba gusobanura impamvu zo kwimura aho gukorera. | The application for approval shall justify the reasons for re-location. | La demande d'autorisation doit justifier les raisons de déménagement. |
| Ntibishoboka ko kwimura ahakorerwa imirimo ya banki byemezwa mu gihe bigaragara ko bishobora guhindura ku buryo bufatika serivisi z'ibanze zatangirwaga ahasabirwa kwimurwa. | Under no circumstance relocation shall be approved when it is clear that it shall significantly affect financial services served by the proposed place of business. | En aucun cas, le déménagement ne doit être approuvé que lorsqu'il est clair que cela modifiera de manière significative les services primaires fournis par le lieu d'activité bancaire. |
| Mu gihe ubusabe bwemewe, banki bireba imenyesha rubanda ko ishaka gufunga mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) imaze kubona ko yemerewe, igihe intera iri hagati y'ahantu banki yakoreraga n'aho ishaka kwimukira iri munsi y'ikilometero kimwe ; n'amezi atatu (3) igihe intera irenze ikilometero kimwe. | Once the application is approved, the concerned bank shall give one month (1) notice, from the day of receipt, to the public of its intention to close if the distance between two locations is less than one kilometer and three months (3) notice if the distance is above one kilometer. | Une fois la demande approuvée, la banque concernée informe le public de son intention de fermer un mois avant à compter du jour de sa réception si la distance entre deux lieux est inférieure à un kilomètre ; et à trois mois. (3) si la distance est supérieure à un kilomètre. |
| **<u>Ingingo ya 15 :</u> Amafaranga y'isaba** | **<u>Article 15:</u> Application fee** | **<u>Article 15</u>: Frais de demande** |
| Ubusabe bwa banki bwo gufungura ishami, agashami cyangwa gishe ndetse no guhuza no kwimura ahakorerwa imirimo bya banki bugomba kuba buherekejwe n'amafaranga y'isaba angana | A banking application to open a branch, a sub branch and a guichet as well as merger and relocation of place of businesses shall be accompanied by an application fee of one hundred | Une demande bancaire d'ouverture d'une branche, une sous-branche ou un guichet ainsi que la fusion ou le déménagement doit être accompagnée de frais de demande de cent mille francs rwandais |

| | | |
|---|---|---|
| n'ibihumbi ijana by'amfaranga y'u Rwanda (100,000 FRW). | thousand Rwandan francs (FRW 100,000). | (100 000 FRW). |
| **<u>Ingingo ya 16 :</u> Gusuzuma ubusabe** | **<u>Article 16:</u> Assessment of the application** | **<u>Article 16</u>: Analyse de la demande** |
| Gusuzuma ubusabe bw'ahakorerwa imirimo y'amabanki bigizwe no gusuzuma ubwo busabe ndetse n'inyandiko zibuherekeje harebwa ko zuzuye kandi zikwiye. | Assessment of application for each place of business consists of a review of the application and documents therein for completeness and adequacy. | L'analyse de la demande pour chaque lieu d'activité de la banque consiste en un examen de la demande et des documents qui y figurent pour s'assurer qu'elle complète et adéquate. |
| Nyuma yo gusuzuma ubusabe, mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), Banki Nkuru itegura ibaruwa imenyesha banki bireba ko ubusabe bwayo bwemewe cyangwa butemewe. Mu gihe ubusabe butemewe, banki bireba imenyeshwa impamvu ndetse n'uburyo bwo gukosora. Kudakosora izo mpamvu mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), banki bireba yongera gusaba bundi bushya. | Upon completion of assessment, within a period of one month (1), the Central Bank shall prepare a notification of approval or denial to the applicant bank. If the approval is denied, the applicant shall be notified the reason (s) thereto and the modalities of rectification. Failure to rectify the denial reasons within a period of one month (1), the applicant bank shall initiate new application. | À la fin de l'analyse de la demande, dans un délai d'un mois (1), la Banque Centrale prépare une notification d'approbation ou de refus à la banque demanderesse. Si l'approbation est refusée, le demandeur sera informé de la raison et des modalités de la rectification. En l'absence de rectification des motifs de refus dans un délai d'un mois (1), la banque requérante introduit une nouvelle demande. |
| Mu gihe Banki Nkuru isanze banki isaba ikwiye uruhushya, ibiyimenyesha mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) uhereye igihe yaboneye ubusabe. | If the Central Bank is satisfied that the applicant bank deserve the approval, it will notify within a period of one month (1) from the date of receipt of application. | Si la Banque Centrale est convaincue que la banque demanderesse mérite l'approbation, elle la notifiera dans un délai d'un mois (1) à compter de la date de réception de la demande. |
| Nyuma yo kubona uruhushya, banki bireba ifite igihe cy'ukwezi kumwe cyo kuba yafunguye ahakorerwa imirimo ya banki. Banki Nkuru ishobora kongera iki gihe mu gihe hari impamvu zumvikana. | After receipt of the approval, the applicant bank has one month (1) to open a place of business. This period may be extended by the Central Bank when there are reasonable grounds. | Après réception d'approbation, la banque requérante dispose d'un mois (1) pour ouvrir un lieu d'activité bancaire. Ce délai peut être prolongé par la Banque Centrale lorsqu'il existe des motifs raisonnables. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Ubugenzuzi bukorwa na Banki Nkuru**<br><br>Mbere yo gutangira gukorera ahantu hakorera banki hemejwe hakurikijwe aya mabwiriza rusange, Banki Nkuru ishobora gukora ubugenzuzi ku nyubako kugira ngo igenzure ko zikwiranye n'imirimo y'amabanki kandi ko zubahirije amakuru yatanzwe mu gihe cy'isaba.<br><br>**<u>Ingingo ya 18:</u> Kunanirwa gutangiza ibikorwa**<br><br>Iyo banki inaniwe gutangiza igikorwa cy'ubucuruzi ahantu yemerewe gukorera mu gihe cy'amezi atandatu (6) uhereye itariki yaherewe uruhushya, urwo ruhushya rurarangira kandi banki ntishobora gutangiza imirimo yayo cyeretse yongeye gutanga ubundi busabe bushyashya kandi bukemerwa na Banki Nkuru.<br><br>**<u>UMUTWE WA III</u> : IBIGENDERWAHO MU GUFUNGA AHANTU HO GUKORERA**<br><br>**<u>Ingingo ya 19</u> : Gufunga ahantu ho gukorera**<br><br>Nta banki n'imwe ishobora gufunga cyangwa gutuma hafungwa burundu imirimo yayo, itabiherewe uruhushya mu nyandiko na Banki Nkuru. | **<u>Article 17:</u> Inspection by Central Bank**<br><br>Prior to commencement of the operation of a place of business approved under this regulation, the Central Bank may undertake an inspection of the premises to verify that they are appropriate for the conduct of banking activity and are consistent with the information provided in the application.<br><br>**<u>Article 18:</u> Failure to commence operation**<br><br>Where a bank fails to commence business operations in a new place for which approval was given within six months (6) from the date on which the approval was granted, such approval shall lapse and the bank shall not commence operations until a new application is submitted and approved by the Central Bank.<br><br>**<u>CHAPTER III:</u> CRITERIA FOR CLOSING A PLACE OF BUSINESS**<br><br>**<u>Article 19:</u> Closure of a of place business**<br><br>No Bank shall, without the written approval of the Central Bank, close or cause to be closed a place of business, in a manner to permanently cease operation of business. | **<u>Article 17</u>: Inspection par la Banque Centrale**<br><br>Avant de commencer l'exploitation d'un lieu d'activité autorisée en vertu du présent règlement, la Banque Centrale peut procéder à une inspection des locaux pour vérifier leur adéquation à l'exercice des activités bancaires et leur concordance avec les informations fournies dans la demande.<br><br>**<u>Article 18</u>: Manquement á l'obligation de commencer l'opération**<br><br>Si une banque ne commence pas ses activités commerciales dans un nouveau lieu pour lequel une autorisation a été accordée dans les six mois (6) à compter de la date d'octroi de l'approbation, cette approbation deviendra caduque et la banque ne pourra commencer ses activités qu'après soumission d'une nouvelle demande á être examinée et approuvée par la Banque Centrale.<br><br>**<u>CHAPITRE III</u>: CRITERES DE FERMETURE D'UN LIEU D'ACTIVITE**<br><br>**<u>Article 19</u>: Fermeture d'un lieu d'activité**<br>Aucune banque ne peut, sans l'autorisation écrite de la Banque Centrale, fermer ou faire fermer un lieu d'activité, de manière à cesser définitivement ses activités. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Gusaba uruhushya** | **<u>Article 20:</u> Request for approval** | **<u>Article 20</u>: Demande d'autorisation** |
| Banki yifuza gufunga ahantu hamwe cyangwa ahantu hose ikorera, igomba kubanza kubisabira uruhushya muri Banki Nkuru. | A bank wishing to close one or all its place of business shall seek prior approval from the Central Bank. | Une banque souhaitant fermer un ou tous ses lieux d'activités doit en demander l'autorisation préalable à la Banque Centrale. |
| Uruhushya rutangwa iyo hujujwe kimwe cyangwa byinshi mu bisabwa bikurikira: | The approval shall be granted upon fulfillment of one or more of the following conditions: | L'autorisation est accordée si l'une ou plus des conditions suivantes sont remplies. |
| 1° inyungu rusange zabonekaga aho banki ikorera imirimo yayo muri iki gihe zitazabangamirwa; | 1° the public interest that was being served in the area the bank currently operates from will not be jeopardize by the closure; | 1° la fermeture ne mettra pas en péril l'intérêt public dans la zone où la banque exerce actuellement ses activités ; |
| 2° izindi serivisi z'imari zatangwaga na banki aho hantu yakoreraga ziboneka muri ako gace; | 2° alternative financial services that were being provided by the bank at current place of business are available in the area; | 2° des services financiers alternatifs fournis par la banque au lieu d'activité actuel sont disponibles dans la zone; |
| 3° ifunga ari kimwe mu bigize gahunda y'ivugurura rigamije kubonera igisubizo ibisabwa ngenderwaho ; | 3° the closure is part of the restructuring process to meet prudential requirements; | 3° la fermeture fait partie du processus de restructuration pour répondre aux exigences prudentielles ; |
| 4° umubare w'abakozi bakoreraga ahasabirwa gufungwa ndetse n'uburyo bwo kongera kubaha akazi cyangwa kubasezerera ; | 4° the number of staff working in the proposed place for closure and the proposed redeployment or exit plan | 4° le nombre de personnes travaillant dans le lieu de fermeture proposé et le plan de redéploiement ou de sortie. |
| 5° gahunda y'igenzura rigamije kwirinda uburiganya n'indi myitwarire idahwitse mu gihe banki itarafunga | 5° proposed controls for avoiding fraud and malpractices in meanwhile | 5° contrôles proposés pour éviter les fraudes et les abus dans l'entre temps. |
| Iyo Banki Nkuru imaze gutanga uruhushya rwo gufunga ahantu ho gukorera, banki imenyesha rubanda amezi atatu (3) uhereye itariki yakiriyeho uruhushya, icyifuzo cyayo cyo gufunga. Nyuma yaho, imenyesha Banki Nkuru itariki nyayo ahantu | Once the approval to close a place of business has been granted by the Central Bank, the bank shall give three months (3) notice from the day of receipt of approval, to the public of its intention to close. Thereafter, it shall inform Central Bank the | Une fois que la Banque Centrale a donné son accord pour la fermeture d'un lieu d'activité, la banque notifie le public trois mois (3) à compter de la date de réception de l'autorisation, de son intention de fermer. Par la suite, elle informera la |

| | | |
|---|---|---|
| yakoreraga hazafungwa. | actual date that a place of business will be closed. | Banque Centrale de la date réelle à laquelle un lieu d’activité sera fermé. |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Ibindi bisabwa mu gufunga aho gukorera** | **<u>Article 21:</u> Other requirements for closing a place of business** | **<u>Article 21</u>: Autres conditions requises pour la fermeture d’un lieu d’activité** |
| Mu gihe ahantu ho gukorera hafunzwe, banki igomba kuvanaho ibyapa byose byamamaza n’amatangazo bihagaragara bifitanye isano n’ahantu yari isanzwe ikorera. Iyo bitavanyweho, Banki Nkuru ibyivaniraho, ariko banki bireba ikishyura ikiguzi cy’imirimo yo kubivanaho. | When a place of business is closed, the bank must remove all advertisements or visible signage related to the former place of business. If not removed, the Central Bank will proceed with removal, at the expense of the concerned bank. | Lorsqu’un lieu d’activité est fermé, la banque doit enlever toutes les publicités ou les affiches visibles relatives à l’ancien lieu d’activité. Si elles ne sont pas enlevées, la Banque Centrale procèdera à leur enlèvement, aux frais de la banque concernée. |
| **<u>Ingingo ya 22:</u> Ifunga ry’agateganyo ry’ahakorerwa imirimo ya banki** | **<u>Article 22 :</u> Temporally closure of a place of business** | **<u>Article 22:</u> Fermeture temporaire d’une place d’activités** |
| Ifunga ry’agateganyo rigomba gusabwa Banki Nkuru mbere y’iminsi itanu (5). Imenyesha rigomba kugaragaza impamvu rishingiraho ubusabe bwo gufunga by’agateganyo, igihe cyo gufunga n’itariki yo kuzasubukuriraho imirimo. Banki Nkuru ishobara kwanga ifunga ry’agateganyo mu gihe ibona ko rishobora kubangamira abakiliya ba banki. | Temporary closure shall be notified to the Central Bank five (5) days before. The notification shall state the reason for temporary closure, period of closure and the date at which the place of business shall reopen. The Central Bank may object to the temporary closure if it is will affect the interest of the bank clients. | La fermeture temporaire doit être notifiée à la Banque Centrale avant cinq (5) jours. La notification doit indiquer les motifs de la fermeture temporaire, la période de fermeture et la date à laquelle le lieu de l’activité doit rouvrir. La Banque Centrale peut objecter la fermeture si elle va affecter les intérêts des clients de la banque. |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: INGINGO ZINYURANYE N’ IZISOZA** | **<u>CHAPTER IV:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE IV</u>: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Kumenyesha Banki Nkuru impinduka iyo ari yo yose ifatika** | **<u>Article 23:</u> Notification to the Central Bank for any substantial modification** | **<u>Article 23</u>: Notification à la Banque Centrale de toute modification substantielle** |
| Banki Nkuru imenyeshwa impinduka iyo ari yo yose ifatika yerekeye ibisabwa mu gukoresha ahantu ho gukorera imirimo nk’aho haherereye n’imiterere y’imirimo ihakorerwa | The Central Bank shall be notified of any substantial modification regarding the operating conditions of a place of business such as its location and the nature of its activities. | La Banque Centrale est informée de toute modification substantielle concernant les conditions d’exploitation d’un lieu d’activité, tels que son emplacement et la nature de ses activités. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 24: Ingamba zo gukosora n'ibihano**<br><br>Mu gihe banki itubahirije aya mabwiriza rusange, Banki Nkuru ishobora kuyifatira kimwe cyangwa byinshi mu bihano biteganyijwe mu itegeko rigenga imitunganyirize y'imirimo y'amabanki n'andi mabwiriza. | **Article 24: Corrective measures and penalties**<br><br>If a bank fails to comply with this regulation, the Central Bank may impose any or all corrective actions provided for under the banking law and other regulations. | **Article 24: Mesures correctives et sanctions**<br>Si une banque ne se conforme pas au présent règlement, la Banque Centrale peut imposer une ou toutes les mesures correctives prévues dans la loi portant organisation de l'activité bancaire et autres règlements. |
| **Ingingo ya 25: Itegurwa n'isuzumwa ry'aya mabwiriza rusange**<br><br>Aya mabwiriza rusange yateguwe, asuzumwa kandi yemezwa mu rurimi rw'Icyongereza. | **Article 25: Drafting and consideration of this Regulation**<br><br>This Regulation was prepared, considered and approved in English. | **Article 25: Initiation et examen du présent règlement**<br><br>Le présent règlement a été initié, examiné et approuvé en anglais. |
| **Ingingo ya 26: Ivanwaho ry'ingingo inyuranyije n'aya mabwiriza rusange**<br><br>Amabwiriza rusange Nº 08/2011 yerekeye ifungurwa n'ifunga ry' ahantu hakorerwa imirimo ya bank n' ingingo ibanziriza aya mabwiriza ariko inyuranyije na yo ivanyweho. | **Article 26: Repealing provisions**<br><br>Regulation Nº 08/2011 on opening and closing a place of business and any prior provision contrary to this Regulation are hereby repealed. | **Article 26: Disposition abrogatoires**<br><br>Le règlement N° 08/2011 sur l'ouverture et la fermeture d'une place d'affaires d'une banque et toute disposition réglementaire antérieure et contraire au présent règlement est abrogée. |
| **Ingingo ya 27: Igihe aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa**<br><br>Aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **Article 27: Commencement**<br><br>This regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda | **Article 27: Entrée en vigueur**<br><br>Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |
| **Bikorewe i Kigali, ku wa 5/6/2019**<br><br>**(sé)**<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Guverineri** | **Done in Kigali, on 5/6/2019**<br><br>**(sé)**<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Governor** | **Fait à Kigali, le 5/6/2019**<br><br>**(sé)**<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Gouverneur** |

**APPENDIX: PREMISES CHECK LIST**

This premises checklist requirements shall apply where applicable and it cannot be considered as exhaustive

| |
|---|
| **A. AUTOMATIC TELLER MACHINE** |
| 1. ATM room and equipment shall be in place<br>2. ATM is secured with steel reinforced concrete walls<br>3. ATM should have a metallic door;<br>4. ATM set up shows for eaves droppin |
| **B. BANKING HALL AND CASHIERS** |
| 1. Banking hall is spacious enough to handle banking business.<br>2. The number of Tellers in Banking hall<br>3. Alarm system / Cashiers panic button system;<br>4. Other means of teller protection<br>5. Bank has lockable cabins<br>6. Teller for Bulky Cash<br>7. Special Teller/desk for Customer Service<br>8. Special desk for Lending operations<br>9. Strong Entrance door to the banking or branch Hall<br>10. Banking hall dust proof<br>11. Banking hall windows have burglar proof |
| **C. BACK OFFICE** |
| 1. Back office door is strong enough<br>2. Back office door access is restricted<br>3. The size of the back office is big enough for the banking activities<br>4. Enough space for storage of back documents<br>5. No customers is allowed beyond the banking hall |
| **D. THE BRANCH’S LOADING BAY** |
| 1. Loading is separated from public view by a wall/ steel gate |

| |
|---|
| 2. A strong door between loading bay and strong room<br>3. Access Restriction measures in the above 2 |
| **E. STRONG ROOM** |
| 1. Location of the strong room<br>2. Strong room doors Hub doors<br>3. The walls are concrete and steel reinforced<br>4. The thickness of the strong room walls<br>5. dual control access to the strong room<br>6. Number of safes are in strong room<br>7. The type and nature of the safes in the strong room<br>8. Space for other sensitive documents |
| **F. SERVER ROOM AND BUSINESS RESUMPTION** |
| 1. A server room<br>2. Restriction to server room<br>3. Protection of server room against dust<br>4. Server (s) in the server room |
| **G. GENERAL SECURITY** |
| **1.** Sensors (if needed)<br>**2.** CCTV camera<br>**3.** Panic buttons<br>**4.** Perimeter wall and parking<br>**5.** Business resumption site<br>**6.** Smoke detectors<br>**7.** Fire extinguishers<br>**8.** Air conditioners<br>**9.** A standby Generator<br>**10.** The number of Guards at the premises<br>**11.** An adequate lighting system<br>**12.** Security Agency Connection<br>**13.** Occupancy permit of the premises |

| | |
|---|---|
| **14.** | Location of the washrooms |
| **H.** | The neighbours of the premises |
| **I.** | Online connection of the premises with the head office |
| **J.** | **CASHIER'S TILLS** |
| | Access to the cashiers' tills should be restricted to cashiers during working hours |
| **K.** | **ALARM SYSTEM**<br><br>**1.** An alarm system should be installed in the premises and should be connected to the issuer security company;<br>**2.** The alarm system should be installed with adequate switches in the cashiers" cubicles and the manager"s offices;<br>**3.** The alarm system should incorporate motion sensors to cover the staff operating areas, computer room and strong room;<br>**4.** Fire alarm system should be installed to incorporate smoke/heat detectors in areas, which are not in continuous use;<br>**5.** The fire alarm system must have proper maintenance schedule |

| | | |
|---|---|---|
| **BIBONYWE KUGIRA NGO BISHYIRWE KU MUGEREKA W'AMABWIRIZA RUSANGE Nº 4230 /2019 - 00025[ 614 ] YO KU WA 5/6/2019 YA BANKI NKURU Y'U RWANDA YEREKEYE GUFUNGURA NO GUFUNGA AHANTU HAKORERA BANKI**<br><br>**(sé)**<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Guverineri** | **SEEN TO BE ANNEXED TO REGULATION Nº 4230 /2019 - 00025[ 614 ] OF 5/6/2019 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA ON OPENING AND CLOSING A PLACE OF BUSINESS OF A BANK**<br><br>**(sé)**<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Governor** | **VU POUR ETRE ANNEXE AU REGLEMENT Nº 4230 /2019 - 00025[614] DU 5/6/2019 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA RELATIF A L'OUVERTURE ET A LA FERMETURE D'UN LIEU D'ACTIVITE D'UNE BANQUE**<br><br>**(sé)**<br>**RWANGOMBWA John**<br>**Gouverneur** |